


IBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI

RYO KU ISABATO

BY'ABAKUZE



IBYIGISHO BIRI MU  
*Rwandiko rwa Yakobo*

Vol. 100, No. 4

Ukwakira – Ukuboza, 2024

## IBIRIMO

1. Ubutumwa bw’Imana binyuze kuri Yakobo .....5
2. Ubwenge bwo Guhangana n’Ibibazo .....10
3. Uguhanga n’Ibishuko .....15
4. Gushyira ukwizera mu Ngiro.20
5. Kunesha Ukubogama .....26
6. Ukwizera mu Bikorwa.....31
7. Gusenga mbere yo Kubumbura Akanwa Kacu.....36
8. Guhitamo ibyo Gutekerezaho ..41
9. Ubugwaneza n’Ubwenge .....47
10. Kunesha Ibibazo by’Imyitwarire Yacu.....52
11. Kwemera Kwicisha Bugufi .....57
12. Kurangamira iby’Ijuru.....62
13. Kwihangana kubwo Kwizera .67

### “IBYIGISHO BYA BIBILIYA MU ISHURI RYO KU ISABATO”

Bitegurwa n’iteko y’ubuyobozi bukururu bw’itorero ry’Abadivantisite b’Umunsi wa 7 Bavugurura

### GENERAL CONFERENCE

5240. Hollins Road  
Roanoke - Virginia 24019-5048 USA  
web: [www.sdarm.org/sbl/rw](http://www.sdarm.org/sbl/rw)  
E-mail: [info@sdarm.org](mailto:info@sdarm.org)

Byahinduwe mu Kinyarwanda na “RWANDA UNION MISSION” y’Abadivantisite b’Umunsi wa Karindwi Bavugura

P.O Box 5490 Kigali-Rwanda  
Tel: +250 78 941 940  
E-Mail: [Rwanda@sdarm.org](mailto:Rwanda@sdarm.org)

**Ibyigisho bya Bibiliya mu Ishuri ryo ku Isabato**, Ni porogaramu y’ ibyigisho bya buri munsi.

Ibi byigisho by’ ishuri ryo ku Isabato bishingiye kuri Bibiliya n’ umwuka w’ ubuhanuzi gusa. Kwiga byimbitse muri iki gihe bigomba gushishikariza buri wese

Ibi byigisho by’ Ishuri ryo kw’Isabato binaboneka mu Kinyarwanda kuri iyi website: [www.sdarm.org/sbl](http://www.sdarm.org/sbl)

**Amashusho:** Advent Digital Media ku rupappuro rw’imbere, ikarita kuri p.4, 30, 72, Good Salt kuri p.51, 72

# Ijambo ry'Ibanze

Urwandiko rwa Yakobo rurumvikana neza. Mbega uburyo dukeneye ubutumwa bururimo muri iki gihe! Kubw'ibyo rero, mu mezi atatu ari imbere, abanyeshuri b'ishuri ry'Isabato ku isi yose bazibanda mu buryo bwimbitse ku Byigisho biri mu Rwandiko rwa Yakobo. Ingingo z'ingenzi zivuga ku byerekeranye n'ingaruka ururimi rugira ku bantu (zaba ari nziza cyangwa ari mbi), kumvira Imana kubwo kwizera, imbaraga z'isengesho n'urugero rwa Eliya, ni zimwe mu nsanganyamatsiko nke z'ingenzi [zivugwamo]. Kuki ibyo byose ari ingenzi cyane muri iki gihe?

"Icyaha cy'iki gihe ni ukwirengagiza amategeko y'Imana. Imbaraga ziteza impinduka ziganisha mu cyerekezo kibi zirakomeye cyane." - *Ibiamya by'Itorero*, vol 3, p.483.

"Nimutyo he kugira umuntu n'umwe wibeshya yizera ko ashobora kuba uwera mu gihe yarenze ku bushake kimwe mu byo Imana isaba. Gukora icyaha ukizi bicecekesha ijwi rihamya ry'Umwuka Wera maze bigatandukanya umuntu n'Imana. "Icyaha ni ukugomera amategeko." "Ukora ibyaha [ugomera amategeko] wese ntiyamubonye kandi ntiyamumenye." (1Yohana 3:6)." - *Intambara Ikomeye*, p.472.

"Muri iki gihe hakenewe ijwi ryo gucyaha gukomeye; kuko ibyaha bibabaje cyane byatandukanyije abantu n'Imana. Ubuhemu buragenda buhinduka ikintu kigezweho mu buryo bwihuta. Abantu ibihumbi bitabarika baravuga bati: "Uyu ntidushaka ko adutegeka." Luka 19:14. Ibibwirizwa bidashenjagura imitima bibwirizwa kenshi ntibitera impinduka ziramba. Ntabwo impanda ivuga ijwi ry'impuruzi. Ntabwo abantu bakomeretsa imitima n'ukuri kw'ijambo ry'Imana kumvikana kandi gutyaye.

"Iyaba bashoboraga kuvuga uko biyumva, hariho Abakristo gito benshi bavuga bati: 'Mbese kuvuga weruye bene aka kageni birakenewe?' Na none kandi babaza bati: 'Kuki Yohana Umubatiza yabwiye Abafarisayo ati: 'Mwa bana b'inshira mwe, ni nde wababwiye ngo muhunge umujinya uzatera?' Luka 3:7. Kuki Yohana Umubatiza yabyukije umujinya wa Herodiya abwira Herode ko amategeko atamwemerera kubana n'umugore w'umuvandimwe we? Integuza ya Kristo yatakariye ubuzima bwayo mu kuvuga yeruye [adaca ku ruhanda]. Kuki atabyirengagije ngo ye kwishyiraho kutishimirwa n'abantu biberaga mu byaha?

"Uko niko abantu bari bakwiriye guhagarara nk'abarinzi bakiranuka b'amategeko y'Imana bagiye bajya impaka kandi batanga n'inzitwazo kugeza ubwo kwigengesera kwasimbuye ubudahemuka n'ubunyangamugayo bityo icyaha kigahabwa intebe nfigicyahwe. Mbese ni ryari ijwi ryo gucyaha kudakebakeba rizongera kumvikana mu itore-ro?" - *Abahanuzi n'Abami*, p.140,141.

"Buri muhungu n'umukobwa ba Adamu bateganyirijwe byinshi bihagije byo kubahesha buri wese ku giti cye kumenya ubushake bw'Imana, no gutunganya imico ya Gikristo, ndetse no kwezwa n'ukuri." - *Ibiamya by'Itorero*, vol 2, p.644.

Mu by'ukuri dukeneye ubufasha bw'Imana, kandi dufite ubwishingizi bw'uko "isengesho ryose risenganwe umwete kandi rizamuranywe ukwizera rigira icyo risaba cyose, rizabona ibisubizo. Bishobora kutazaba bimeze nk'uko twabiteganyaga; nyamara bizaza mu gihe tubikeneye cyane." - *Ibid*, vol 3, p.209. Amen!

*Icyiciro cy'Ishuri ryo ku Isabato mu Nteko Nkuru Rusange*

**Amaturo y’Isabato ya Mbere Azagerwa kubaka urusengero muri Reading, i Pennsylvania, muri Leta zunze Ubumwe za Amerika**



Filidi y’Iburasirazuba bwa Leta zunze Ubumwe za Amerika, igabanyijemo uture-re umunani tugizwe na leta ya Pennsylvania, New York, Connecticut, ikirwa cya Rhode, Massachusetts, Maine, Vermont, New Hampshire. Muri iki gihe, umurimo ukorerwa muri Pennsylvania urimo uragenda utera imbere mu buryo bwihuse.

Bigereranywa ko abantu barenga 53% muri iyi leta ari abanyamadini – bagizwe n’Abametodisiti, Abaluteriyane, Ababatisita, Abapentekote, n’abandi, hamwe na 28.3% by’ Abagatolika. Mu bihe bya kera by’ ubukoloni, Pennsylvania yari yarabaye ubuhungiro bw’ abantu bashakaga umudendezo mu by’idini, bari bahunze itotezwa ryari mu Burayi. Aya mateka aracyagaragara mu mubare munini w’ abizera gakondo ba Amish bakomeje gutura mu bigo binini by’ ubuhinzi hirya no hino mu ntara ya Lancaster [soma Lankasita], bambara imyenda isanzwe kandi bagendera ku ifarashi n’ igare.

Bamwe mu bizera b’ Abadiventisiti b’Umunsi wa Karindwi Bavugurura bagiyе baba muri Pennsylvania mu gihe cy’ imyaka myinshi, kandi hakaba haratangirwaga amahugurwa y’ ivugabutumwa. Ariko ubu ngubu ububuyutse bwibanda cyane ku kuri kw’ iki gihe bwatangiyе mu mwaka wa 2016 mu mujyi wa Reading, nyuma yuko abizera babiri bimukiye hano bavuye i New York. Itsinda ryaragutse maze dutangira kujya duterana buri sabato nyuma ya saa sita, mu mpeshyi twateraniraga mu busitani, naho mu itumba fugateranira mu rugo rwa mushiki wacu. Nyuma y’amezi menshi yo kwiga, abantu benshi barabatiywe bakira ukwizera kw’ Abadiventisiti Bavugurura.

Reading ituwe n’ abaturage basaga 95,000, kandi ni umujyi w’ inganda zikora ibikoresho by’ ikoranabuhanga [elegitoroniki], ibikoresho by’ ubuvuzi, ikoranabuhanga ryo kubika ingufu n’ ibindi. Itorero dufite aha ngaha ubu niryo rinini muri Filidi y’ Iburasirazuba bwa Leta zunze Ubumwe za Amerika. Abantu benshi bashya barimo barategurwa kugirango bifatanye n’ ubwoko bw’ Imana. Ubu dusengera mu nzu dukodesha kandi twifuza gushinga no kwagura ibikorwa byacu kugirango tugere kure. “Ahantu hose habonetse itsinda ry’ abizera, hakwiriyе kubakwa inzu yo gusengeramo... Ahantu henshi habwirijwe ubutumwa maze hakaboneka abantu babwemera, usanga nta mikoro ahagije baba bafite, bityo bakabasha gukora ibintu bike cyane byazatuma haboneka ikintu kiharanga umurimo w’ Imana. Akenshi ibi bituma kwagura umurimo aho hantu bigorana.” – *Ivugabutumwa*, p.376.

Bityo rero, turasaba abavandimwe bacu n’ abafatanyabikorwa bacu ku isi yose kugirango badufashe kubaka inzu yo gusengeramo mu karere ka Reading, kugirango abantu benshi bashobore kuzanwa mu bushyo. Ugutangana ubuntu kwanyu muzabishimirwa cyane, kandi Uwiteka azabitura kubaha umugisha.

*Bene so bo muri Filidi y’ Iburasirazuba bwa Leta zunze Ubumwe za Amerika*

# Ubutumwa bw’Imana binyuze kuri Yakobo

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Yakobo imbata y’Imana n’Umwami Yesu Kristo ndabandikiye, mwebwe abo mu miryango cumi n’ibiri y’abatatanye ndabatashya.” Yakobo 1:1).

“Nta muntu, kandi nta shyanga ritunganye rwose mu ngeso zose no mu bitekerezo byose. Buri wese agomba kwigira ku wundi. Bityo rero, Imana ishaka ko abantu bakomoka mu bihugu bitandukanye bahurizwa hamwe, bagahuza umutima n’inama. Ubwo nibwo ubumwe buri muri Kristo buzaba icyitegererezo.” – *Ibihamya by’Itorero*, vol 9, p.180,181.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by’Itorero*, vol 9, p.190 – 203.

**Kuwa Mbere**

29 Nzeri

## 1. ABIGISHWA BA KRISTO

a. Mbese abagabo batatu bitwaga “Yakobo” bifatanyije na Kristo ni ba nde, kandi se ni nde muri bo duhora twibandaho? Matayo 10:2,3; 13:55.

b. Vuga bimwe mu bihe byihariye Yakobo, mwene se wa Yohana, yagiranye na Yesu. Luka 8:51 – 55; Matayo 17:1,2; Mariko 14:32 – 34.

“Yohana mwene Zebedayo, yari umwe mu bigishwa babiri babanje gukurikira Yesu. We n’umuvandimwe we Yakobo babaye bamwe mu bagize itsinda rya mbere ry’abasize byose kubera umurimo wa Kristo. Bari barishimiye gusiga umuryango n’incuti kugira ngo babane na Yesu; bari baragendanye na We, baganira na We; bari barabanye na We ahiherereye ndetse no mu ruhame rw’abantu. Yari yarabamaze ubwoba, abakura mu kaga, yoroshya imibabaro yabo, arabahumuriza mu gahinda kabo, kandi yari yarabigishanyije impuhwe no kwihangana kugeza ubwo imitima yabo yabaye nk’iyomatanye n’uwe, maze mu rukundo rwinshi bari bamufitiye bifuje cyane kuba hafi ya Kristo mu bwami Bwe.” – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.548.

“Ari hafi kwinjira mu gashyamba [ka Getsemani], abigishwa Be abasiga aho ariko ajyana na batatu, kandi abategeka kumusabira no kwisabira ubwabo. Yinjiye mu gashyamba ahatuje cyane, maze ajyana na Petero na Yakobo na Yohana. Aba bigishwa batatu, bari bagenzi be ba hafi cyane.... Noneho yari ageze mu gihe cy’urugamba rukomeye bityo yifuje ko bamuba hafi. Ni kenshi bajyaga bamarana na We ibihe bya nijoro muri ako gashyamba.” – *Ibid*, p.686.



## 2. KUNYWERA KU GIKOMBE

a. Sobanura intego Yakobo, mwene Zebedayo, na murumuna we Yohana, bari bafite mbere. Mariko 10:35 – 38.

“Mu bihe byose byashobokaga, Yohana yicaraga iruhande rw’Umukiza, kandi na Yakobo na we yifuzaga guhora iruhande rwa Yesu.

“Nyina wa Yohana na Yakobo, na we yari umuyoboke wa Kristo, kandi yari yaratanganye ubuntu ku mutungo we yunganira Yesu. Mu rukundo rwa kibyezi n’imigambi myiza yari afitiye abahungu be, yifuje cyane ko babona umwanya w’icyubahiro uhebuje indi mu bwami bushya. Kubw’ibyo, yabashishikarije kubisaba.

“Umubyeyi ari kumwe n’abahungu be; baje aho Yesu ari, basaba ko yabaha icyo imitima yabo yifuzaga.

“Yesu yarababajije ati: ‘Murashaka ko mbaha iki?’

“Nyina wa Yakobo na Yohana yaramusubije ati: ‘Tegeka ko aba bana banjye bombi bazicara mu bwami bwawe, umwe iburyo bwawe undi ibumoso.’

“Yesu yarabihanganiye ntiyacyaha ukwikunda bagaragaje bashaka isumbwe kuri bagenzi babo. Yasomaga ibiri mu mitima yabo, amenya uko bamunambyeho. Urukundo rwabo ntrwari urukundo rusanze rwa kimuntu; nubwo rwari rwarandujwe n’isi binyuze muri abo bantu rwagaragariragamo, ahubwo rwakomokaga ku isoko y’urukundo Rwe rukiza. Ntiyabacyashye, ahubwo yashatse [ko urwo rukundo] rwimbika kandi rukabonera. Yesu yarababajije ati: ‘Mwashobora kunywa ku gikombe nzanyweraho, cyangwa kubatizwa umubatizo nzabatizwa?’ Bibutse amagambo Ye y’ubwiru yerekezaga ku kugeragezwa no kubabazwa Kwe, ariko basubije bashize amanga bati: ‘Turabishobora.’ Basanze ko ari icyubahiro gikomeme kugaragaza ubudahemuka bwabo biyemeza gufatanyaga n’Umwami wabo mu byagombaga kumubaho byose.

“Yesu yarababwiye ati: ‘Koko igikombe nzanyweraho muzakinyweraho, kandi n’umubatizo nzabatizwa ni wo muzabatizwa namwe.’ Nyamara imbere ya Yesu hari umusaraba mu cyimbo cy’ubwami, iruhande rwe hari ibisambo bibiri kimwe iburyo Bwe n’ikindi ibumoso Bwe.” – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.548,549.

b. Nkuko Kristo yari yarabivuze mbere yahuranyije, mbese byagendekye bite Yakobo, na mwene se Yohana, nyuma yo kuzamurwa [mu ijuru] k’Umwami? Ibyakozwe n’Intumwa 12:1,2; Ibyahishuwe 1:9.

“Yohana na Yakobo bagombaga gusangira na Shebuja imibabaro; umwe akazabanziriza bagenzi be kwicishwa inkota, undi akazamara igihe kirekire yihanganira imiruhoro, gukozwa isoni ndetse no gutotezwa.” – *Ibid.*, p.549.

### 3. NI NDE WANDITSE URWANDIKO?

a. Ni gute Ibyanditswe Byahumetswe bisobanura Yakobo, mwene Alufayo – umwe mu ntumwa cumi n’ebyiri (nyamara akaba atari mwene Zebedayo, umuvandimwe wa Yohana)? Mariko 15:40.

---

“Hari Lewi Matayo umukoresha w’ikoro, wahamagawe akuwe mu buzima bw’umurimo w’ubucuruzi kandi wakoreraga Abaroma; Simoni Zelote wari umwanzi ukomeye w’ubutegetsi bwariho; Petero wahubukaga, wiyiringiraga, akanagira umutima ukunda, hamwe na Andereya mwene se; Yuda w’i Yudeya wari intyoza, umuhanga, ndetse utararebaga kure wari nyamuja iyo bigiye, Filipo na Toma inyangamugayo n’abanyamwete, nyamara bakaba baratindaga kwizera, Yakobo akaba yari muto muri bo na Yuda, ariko bombi bakaba batarakundaga kwigaragaza muri bagenzi babo, nyamara bakaba bari abanyambaraga barangaga kuba ibigwari haba mu mafuti bagiraga ndetse no mu mico myiza yabarangaga; Natanayeli wari umunyakuri kandi akagira kwizera nk’uk’umwana muto, ndetse na bene Zebedayo bahataniraga icyubahiro nyamara bakarangwa n’umutima w’urukundo.” – *Uburezi*, p.85,86.

b. Ni ukubera iki bisa nk’aho umwanditsi w’urwandiko rwa Yakobo (uvugwa nk’intumwa kuko we ubwe yari azi Umwami) yari mwene se wa Kristo, kandi se ni gute ubusobanuro we ubwe atanga bugaragaza ko imico ye yari yarahinduwe n’icyitegererezo cy’Umwami? Yakobo 1:1 (ahabanza).

---

“Bene se ba Kristo bamusobanukiwe nabi; kuko atari ameze nka bo. Yakoreraga guhumuriza buri wese yabonaga wo mu bababaye, kandi buri gihe yabigeragaho. Yari afite amafaranga make yo gutanga, ariko incuru nyinshi yahaga ibyo kurya bye byoroheje abo yatekereje ko babikeneye cyane kumurusha. Abavandimwe Be bumvaga ko icyitegerereye Cyé [cyatezaga impinduka] cyari gikomeye cyane kurusha icyabo; kubera ko igihe babwiranaga abakene ubukana, [amagambo yabo] yangazaga imitima y’abo bahuye na bo, Kristo yashakaga abo bantu, maze akababwira amagambo yo kubatera umwete. Iyo mu ruziga rw’umuryango, nta kindi yashoboraga gukora, yakoraga bucece kandi mu ibanga uko bishoboka kose, agaha abantu bakennye cyane yageragezaga gufasha, igikombe cy’amazi afutse, noneho agashyira ifunguro Rye mu biganza byabo.” – *This Day With God*, p. 59.

c. Ni gute Pawulo yagaragaje ko yubahaga Yakobo, umuvandimwe wa Yesu? Abagalatiya 1:17 – 19; Ibyakozwe n’Intumwa 21:18.

#### 4. GUSOBANURA INGINGO ZIMWE NA ZIMWE

a. Ni iki kigaragaza ko Yakobo, umuvandimwe wa Kristo, yari umuntu ufite ijambo mu nama y'ingirakamaro yo mu itorero rya mbere? Ibyakozwe n'Intumwa 15:5,6,13,19,20.

---

“Ahangaha bisa nk’aho Yakobo yatoranyijwe kugira ngo atangaze umwanzuro iyo nama yafashe. Ni we wemeje ko amategeko y’imihango, ariko cyane cyane iryo gukebwa, atagomba guhatirwa Abanyamahanga cyangwa ngo bategekwe kuyakurikiza. Yakobo yashatse kwemeza abavandimwe be mu kwizera ko igihe Abanyamahanga bahindukiriraga Imana bari baragize uguhinduka gukomeye mu mibereho yabo. Bityo abantu bagombaga kwitonda kugira ngo batabahungabanya bakoresheje ibibazo bifite agaciro gake biteza impagarara no gushidikanya. Bitabayeye bityo Abanyamahanga bari gucika intege zo gukurikira Kristo.” - *Ibyakozwe n'Intumwa*, p.195.

b. Mbese ni iki kigundirwa muri rusange, ariko kikaba gihamywa ko ari ikosa kubw’uruhare rukomeye Yakobo yagize muri iyo nama y’ingenzi? Matayo 16:18.

---

“Yakobo yari ayoboye inama maze atanga umwanzuro wa nyuma avuga ati, “Ni cyo gitumye ku bwanjye ntegeka ko tureka kurushya abo mu banyamahanga bahindukirira Imana.”

“Ibi byatumye impaka zirangira. Duhereye kuri ibi tubona impamvu ivugurura inyigisho ya kiliziya Gatulika y’i Roma ivuga ko Petero yari umuyobozi w’Itorero. Abagiye bemeza ko ari abasimbura be (abapapa), nta shingiro ry’ibyo bavuga riri mu Byanditswe. Nta na kimwe mu mibereho ya Petero gishimangira ibivugwa ko yashyizwe ya bagenzi be nk’umusimbura w’Isumbabyose. Iyaba abo bavugwa ko ari abasimbura ba Petero bari barakurikije urugero rwe, bari guhora iteka baranejwe no kuringanira n’abavandimwe babo mu kwizera.” - *Ibid*, p.194,195.

“Ntabwo Umukiza yashinze Petero wenyine umurimo wo kwamaza ubutumwa bwiza. Igihe cyakurikiyeho, amagambo Yesu yabwiye Petero, yarongeye arayakoresha ubwo yabwiraga itorero. Kandi amagambo ameze kimwe n’aya yabwiye intumwa cumi n’ebiyiri kuko zari zihagarariye umuryango w’abizera. Iyo Yesu aza guha ubutware umwe mu bigishwa be gusumbya abandi, ntabwo bari guhora barwanira umwanya w’uzaba mukuru muri bo. Bari kumvira icyifuzo cya Shebujja, bagaha icyubahiro uwo yatoranije.” - *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.414.



## 5. ISIRAYELI Y'IMANA

a. Mbese uru rwandiko rwandikiwe nde, kandi ni gute bireba abantu bose bemera Yesu nk'Umwami? Yakobo 1:1 (ahajya guheruka); Abagalatiya 3:27 - 29.

“Muri Isirayeli y’Imana habarizwamo abantu benshi batari urubyaro rwa Aburahamu ku mubiri.” - *Abahanuzi n’Abami*, p.367.

“Imibereho ya Kristo yashyizeho idini aho muri ryo nta nzego z’abantu, ndetse n’amoko. Ni idini aho Umuyuda n’Umunyamahanga, imbata n’uw’umudendezo, bose bahurizwa mu buvandimwe, bose bakaba bangana imbere y’Imana.” - *Ibihamya by’Itorero*, vol 9, p.191.

“Ubukristo ni umurunga ukomeye uhuza umugaragu na shebuja, umwami n’uwo ayobora, umugabura w’ubutumwa bwiza n’umunyabyaha w’insuzugurwa wabonye guhanagurwaho icyaha muri Kristo.” - *Ibyakozwe n’Intumwa*, p.460.

b. Mu buhanuzi, ni irihe zina ryahawe Isirayeli iheruka y’iby’umwuka, kandi ni gute imibereho yabo mbere gato yuko Kristo agaruka yasobanuwe? Ibyahishuwe 7:4.

“Bidatinze twumva ijwi ry’Imana rimeze nk’amazi menshi asuma, maze iryo jwi ritubwira umunsi n’isaha byo kugaruka kwa Yesu. Abera bari baki-riho bagera ku bihumbi ijana na mirongo ine na bine bamenye kandi basobanukirwa n’iryo jwi, mu gihe abanyabibi bo bibwiye ko ari uguhinda kw’inkuba n’igishyitsi cy’isi... ”

“Ba bantu ibihumbi ijana na mirongo ine na bine bose bari bashyizweho ikimenyetso kandi bunze ubumwe rwose. Ku ruhanga rwabo hari handitsweho amagambo ngo, “Imana na Yerusalemu Nshya”, kandi hariho n’inyenyeri irabagirana iriho izina rishya rya Yesu. Igihe twari tunezerewe, turi mu mwanya wera ba banyabibi baraturakariye kandi bashakaga kudusumira ngo batujugunye mu nzu y’imbohe. Ubwo nibwo natwe twazamuraga amaboko yacu mu izina ry’Uwitete maze ababi bagwa hasi barambaraye batagira ubaramira. Ubwo ni bwo isinagogi ya Satani yamenye ko Imana yadukunze twebwe abashoboraga kozanya ibirenge kandi tukaramukanya na bene Data guhoberana kwera, maze bikubita ku birenge byacu bararamya.” - *Ibihamya by’Itorero*, vol 1, p.59.

## Kuwa Gatandatu

## 04 Ukwakira

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Ni gute Yakobo, mwene Zebedayo, yarushijeho gusa na Kristo?
2. Ni gute Yakobo, umuvandimwe wa Yesu, yarushijeho gusa na Kristo?
3. Ni ikihe gihamya cyo mu Byanditswe cyerekana ko Petero atari we wari intumwa nkuru ihagarariye izindi?
4. Ni gute Pawulo yasobanuye ibyerekeranye n’ubumwe n’uburyo Abakristo bose banganya agaciro?
5. Ni iki kigereranya insinzi iheruka ya Isirayeli y’Imana y’iby’umwuka?

# Ubwenge bwo Guhangana n'Ibibazo

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose itimana, itishāma kandi azabuhabwa.” (Yakobo 1:5).

“Ntabwo ukeneye kujya ku mpera z’isi gushaka ubwenge, kuko Imana iri hafi. Ubushobozi ufite ubu cyangwa ubwo uzaba ufite; sibwo buzatuma ugira icyo ugeraho. Ni kubw’icyo Uwitwaga ashobora kugukorera.... Yifuza kuguha ubumenyi mu by’akanya gato [byo muri ubu buzima] ndetse no mu by’umwuka. Ashobora gutyaza ubwenge. Jya ukoresha impano ufite, saba Imana ubwenge, kandi uzabuhabwa.” - *Imigani ya Kristo*, p.146.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by’Itorerorero*, vol 1, p.120,121; vol 2, p.232 - 235.

**Kuwa Mbere**

**06 Ukwakira**

## 1. GUSABA UBWENGE

a. Kubera iki mu by’ukuri dukeneye ubwenge buruta ubw’abantu mu buzima, kandi ni gute dushobora kububona? Yakobo 1:5.

---

“Dukeneye gushyira icyizere gike mu byo abantu bashobora gukora, maze icyizere cyinshi tukagishyira mu byo Imana ishobora gukorerwa buri muntu wizewe. Yifuza ko mwayigeraho kubwo kwizera. Yifuza ko mwakwitwaga kubona byinshi biyiturutseho.” - *Imigani ya Kristo*, p.146.

“Gutega amatwi gusa ibibwirizwa Isabato igakurikirwa n’indi, gusoma Bibiliya yose uko yakabaye, cyangwa ubusobanuro bwayo umurongo ku wundi, ntacyo bizatwungura, ari twe cyangwa ari n’abatwumva; niba tudashyira ukuri kwa Bibiliya mu mibereho yacu bwite [ngo kugaragare]. Ubwenge, ubushake ndetse n’urukundo, dukwiriye kwemera ko biyoborwa n’ijambo ry’Imana. Ubwo nibwo binyuze mu murimo w’Umwuka Wera, amategeko y’ijambo azahinduka amahame y’ubuzima.

“Mu gihe usaba Uwitwaga kugufasha, ubahisha Umukiza wawe kubwo kwizera yuko uhawe umugisha We. Imbaraga zose n’ubwenge bwose, nitwe bitegekewe. Tugomba kubisaba gusa.” - *Umurimo wo Gukiza*, p.514.

## 2. GUKOMEZWA KUBWO KWIRINGIRA

a. Ni gute tuzungukirwa nitubona ko ubwenge bw’Imana buruta kure cyane ubwacu, ndetse no mu bintu bisanzwe byo mu buzima? Imigani 3:3 – 8.

“ ‘Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusa-be Imana ila abantu bose itimana, itishama kandi azabuhabwa.’ Iryo sezerano rifite agaciro kenshi cyane karuta izahabu cyangwa ifeza. N’umutima wicishije bugufi, niba ushaka ubufasha bw’Imana muri buri ngorane n’ibiguhangayikisha, ijambo Ryayo risezerana ko uzahabwa igisubizo cyiza. Kandi ijambo Ryayo ntirihera. Ijuru n’isi bishobora gushira, ariko ijambo Ryayo ntirizashira. Wiringire Uwiteka, ntuzigera ugira ipfunwe cyangwa ngo ukorwe n’isoni. ‘Guhungira ku Uwiteka kugira umumaro, kuruta kwiringira abantu. Guhungira ku Uwiteka kugira umumaro, kuruta kwiringira abakomeye.’

“Umwanya uwo ariwo wose twaba dufite mu buzima, umurimo uwo ariwo wose utubyarira inyungu twaba dukora, dukwiriye kwicisha bugufi bihagije kugirango twumve ko dukeneye ubufasha; dukwiriye kwishingikiriza ku nyigisho z’ijambo ry’Imana mu buryo bwuzuye, tukemera ubuntu Bwayo muri byose, kandi tukaba indahemuka mu gusenga tumaramaje mu mitima yacu. Mwishingikirize ku bwenge bwanyu bene data nkunda, mu gihe munyuzza inzira yanyu mu by’isi, muzasarura umubabaro no gucika intege. Wiringire Uwiteka n’umutima wawe wose, na We azayobora intambwe zawe mu bwenge, kandi inyungu zawe zizaba zirinze muri iyi si no mu izakurikira ho. Ukeneye umucyo n’ubumenyi. Uzagisha inama Imana cyangwa umutima wawe bwite, uzagenda umurikiwe n’imirasire y’umucyo wowe ubwawe wicaniye, cyangwa [nibitagenda bityo] uzabona umucyo w’Imana uturuka kuri Zuba ryo Gukiranuka.” – *Ibhamya by’Itorero*, vol 5, p.427.

b. Ni ukubera iki dukeneye kwikuramo ukwishingikiriza ku bandi bantu kugirango batuyobore? Yeremiya 17:5 – 8.

“Igihe havutse ibiguhagarika umutima, kandi ukugarizwa n’ibirushya; ntugashakire ubufasha ku bantu. Byose biharire Imana uyiringire. Imigirire yo kubwira abandi ibitugoye, ituma tugira intege nke gusa; kandi na bo nta mbaraga bibaha. Bibakoreza umutwaro w’ubumuga bwacu bw’iby’umwuka, ubwo badashobora koroherezwa ububabare. Dushaka imbaraga z’umuntu uyoba, utarama, mu gihe twashoboraga kugira imbaraga z’Imana itajya yibeshya kandi ihoraho.” – *Imigani ya Kristo*, p.146.

### 3. GUTEZA IMBERE UGUSHIKAMA KURUSHIJEHO GUKOMERA

a. Ni iyihe mibereho dukwiriye kugira mbere yuko Uwituka ashobora gusubiza amasengesho yacu? Yakobo 1:6 (ahabanza); Mariko 11:24. Sobanura urugero rw'uburyo dushobora guteza imbere imbaraga irebana n'ibyo. 1Abakorinto 6:3 - 5.

“Ni bake basobanukirwa n'inshingano ziri ku bagabura bake biko-  
reye imitwaro yo muri uyu murimo. Inshuro nyinshi bene data ba-  
hamagara aba bantu babakuye mu murimo kugirango babafashe mu  
bintu byabo byoroheje, cyangwa kugirango bakemure ikigeragezo ru-  
naka cy'itorero, kandi bashoboraga kukikemurira ubwabo.” Ariko niba  
hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu  
bose itimana, itishama kandi azabuhabwa. Ariko rero asabe yizeye ari  
nta cyo ashidikanya.” Akwiriye kugira umwete kandi ntacogore. Niba  
ari umuntu utinda gufata ibyemezo, agahora ashidikanya ko Umwami  
Imana azakora mu by'ukuri ibyo yasezeranye, ntacyo azahabwa.

“Benshi bahanga amaso yabo ku bagabura ngo babazanire umucyo  
uvuye ku Mana, batekereza yuko ubu aribwo buryo bworoshye kuruta  
ko bakwishyiraho umuruho bisangira Imana ubwabo. Abantu nk'aba  
bahomba byinshi cyane. Iyaba bakurikiraga Kristo umunsi ku wundi  
maze bakamugira umuyobozi n'umujoyanama wabo, basobanukirwa  
neza ubushake Bwe, ndetse muri ubwo buryo bakagira imibereho ifi-  
te agaciro. Kubwo kutagira iyi mibereho, bene data bavuga ko bizera  
ukuri bagendera mu dushashi tw'umucyo wacanwe n'abandi, ntiba-  
menyeranye n'Umwuka w'Imana kandi ntabwo bazi ubushake Bwabo,  
ndetse kubw'iy mpamvu; bava mu kwizera kwabo mu buryo bworo-  
shye. Ntibatuza ngo bagume hamwe kubera ko biringiye yuko abandi  
aribo bazabahesha kugira ubunararibonye.” - *Ibihamya by'Itorero*, vol 2,  
p.643,644.

b. Mbese umuntu uvuga ko ari Umukristo ufite kwizera gutan-  
giye kudohoka, agereranywa n'iki? Yakobo 1:6 (ahaheruka); Itangi-  
riro 49:4 (ahabanza). Ni gute ibyo dushobora kubyirinda?

“Ukwizera kw'Abakristo benshi kuzadohoka nibaramuka bakome-  
je kwirengagiza guhurira hamwe mu materaniro no gusenga.” - *Ibid*,  
vol 4, p.106.

“Fata ijamba rya Kristo nk'ubwishingizi bwawe. Mbese ntiyaku-  
raritse kugirango umusange? Ntukemerere kuganira mu buryo buta-  
rangwamo ibyiringiro, buca intege. Nuramuka ubikoze, uzahomba  
byinshi. Kubwo kwitegereza ibigaragarira amaso no kwitotomba igihe  
ibirushya no [gushyirwaho] igitutu bije, utanga igihamya cy'uko [ufite]  
kwizera kurwaye, gufite intege nke. Vuga kandi ukore nk'aho ukwize-  
ra kwawe kutabasha gutsindwa.” - *Imigani ya Kristo*, p.146,147.

#### 4. KWIRINDA UMUTIMA WITANZE IGICE

a. Ni gute dushobora kumenya tudashidikanya ko amasengeho yacu asaba ubwenge azasubizwa? Luka 18:1; Yakobo 1:6,7.

“Gusaba ubwenge ntigukwiriye kuba isengesho ridafite icyo risobanuye, rya rindi rihita risibama mu bwenge umuntu akirangiza gusenga. Ni isengesho ryerekana icyifuzo gikomeye kandi gishikamiye cy’umutima, kizamuka giturutse ku mutima ukeneye ubwenge bwo kumenya ubushake bw’Imana.

“Nyuma yuko isengesho risenzwe, igisubizo nikidahita kiza uwo mwanya, ntukarambirwe gutegereza maze ngo ubure gutuza. Ntugakozwe hirya no hino. Gundira isezerano ngo: ‘Ibhamagara ni iyo kwizerwa, no kubikora izabikora.’ Nka wa mupfakazi w’umunyamahirwe make, komeza usabe, shikama ku mugambi wawe. Mbese icyo usaba ni ingenzi, kandi kizazana umusaruro mwiza kuri wowe? Nta gushidikanya ni ingenzi. Nuko rero, ntugahungabanywe n’umuyaga, kuko kwizera kwawe gushobora kugeragezwa. Niba icyo wifuza gifite agaciro, ni ingenzi gukoresha umwete urimo imbaraga no gushikama. Ufite isezerano; ba maso kandi usenge. Shikama kandi isengesho ryawe rizasubizwa; none se si Imana yasezeranye? Niba hari icyo byagusabye kugirango ubigereho, uzabiha agaciro igihe uzaba ubibonye. Ubwirwa mu buryo bweruye ko nuramuka ushidikanyije, uzaba udakeneye gutekereza ko hari icyo uzahabwa n’Umwami Imana. Hano abantu baraburirwa kudacogora, ahubwo bakwiriye gushikama ku isezerano. Nusaba, Imana izaguhana ubuntu itimana kandi itishama.

“Aha niho benshi bakorera ikosa. Barashidikanya bakareka intego bari bafite, maze kwizera kwabo kugatsindwa. Iyi niyo mpamvu ntacyo bahabwa n’Uwiteka, We soko y’imbaraga zacu. Ntawe ukeneye kujya mu mwijima, ngo agende asitara nk’impumyi; kubera ko Imana yatanze umucyo nibaramuka bawemeye mu gihe cyayo yagennye, bityo ntibihitiremo inzira yabo bwite. Imana isaba abantu bose gukorana umwete inshingano zabo za buri muni.” - *Ibihamya by’Itorero*, vol 2, p.130,131.

b. Ni ukubera iki dukwiriye kwirinda kwigira imitima ibiri? Yakobo 1:8; Zaburi 86:11.

“Mu gihe bavuga ko ari Abakristo, abantu benshi bafite imyifatire nk’iy’ab’isi, kandi urukundo rwabo ntabwo barukunda Imana. Bafite imitima ibiri, bahitamo gukorera Imana na mamoni mu gihe kimwe.... Kubwo kugerageza gukorera abami babiri, ntibashikamiye mu nzira zabo zose, kandi ntibashobora kwiringirwa....

“Mbese ni izihe nyungu ziri mu kuvuga ibintu bishimishije, no kwamagana umurimo wa Satani, ariko kandi muri ako kanya ugasohozwa inama ze zose? Ibi ni ukugira imitima ibiri.” - *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw’Abadiyentisiti b’Umunsi wa Karindwi*, vol 7, p.938.



## 5. KWIBUKA YAKOBO

a. Ni uruhe rugero Yesu yatanze rugaragaza ukuntu tugomba gusenga dushyizeho umwete dusaba imbaraga zo gukora ibyo Imana ishaka? Matayo 11:12.

“Ubwami bwo mu ijuru buratwaranirwa, intwarane zibugishamo imbaraga”. Uku gutwarana kuboneka mu mutima utizigamye. Kugira imitima ibiri bituma umuntu adashikama. Kugambirira, kwiyanga n’umuhati wejeje birakenewe mu murimo wo kwitegura. Ubwenge n’umutimanama bishobora kugirana ubumwe, ariko ubushake nibudashyirwa ku murimo, tuzacogora. Ubushobozi bwose n’amarangamutima bikwiriye gukoreshwa. Isengesho risenganywe umwete n’umuhati rikwiriye gusimbura iry’ubunewe n’ubunenganenzi. Dushobora gutsinda gusa no kubona ubwami bw’ijuru binyuze mu kugira umuhati w’uburwanashyaka no kwizera ubuntu bwa Kristo. Igihe dufite mu murimo ni kigufi. Kristo ari bugufi kugaruka.” - *Ellen G. White, Ububobanuro bwa Bibiliya bw’Abadiventisiti b’Umunsi wa Karindwi*, vol 1, p.1096.

“Hamwe n’ukuri gukomeye twahawe amahirwe yo kwakira, dukwiriye, kandi kubw’imbaraga y’Umwuka Wera dushobora, kuba imiyoboro mizima y’umucyo. Ubwo nibwo kandi dushobora kwegera intebe y’imbabazi, maze tukabona umukororombya w’isezerano, tugapfukama dufite imitima ishenjaguritse, maze tugashaka ubwami bw’ijuru dufite ugutwarana mu buryo bw’umwuka kuduhesha ingororano. [Iyo ngororano] twari kuyifata ku mbaraga nkuko Yakobo yagenje. Ubwo nibwo ubutumwa bwacu bwari kuba imbaraga y’Imana ihesha agakiza. Amasengesho yacu yo kwinginga yari kuba yuzuye umwete, yuzuye kwiyumvamo ubukene bwacu bukomeye, kandi ntabwo twari gutereranwa. Ukuri kwari kugaragarishwa imibereho n’imico, ndetse [kukavugwa] n’iminwa yokojejweho ikara ryaka umuriro ryo ku gicaniro cy’Imana.

Igihe iyi mibereho izaba imaze kuba iyacu, tuzazamurwa dukurwe mu bukene bwacu, dukurwe mu narijye twashyiraga imbere cyane tukazikunda cyane. Tuzakura mu mitima yacu imbaraga zangiza z’ubwikanyize, maze yuzuzwe guhimbaza Imana no kuyishimira. Tuzaha ikuzo Uwitaka, Imana y’ubuntu bwose, Yo yahesheje Kristo icyubahiro. Na Yo izagaragariza imbaraga Zayo muri twe, itugire nk’imihoro ityaye mu murima uri gusarurwa. Imana ihamagarira ubwoko Bwayo kuyigaragaza.” - *Reflecting Christ*, p. 217.

## Kuwa Gatandatu

## 11 Ukwakira

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Vuga ibintu bimwe na bimwe by’ingenzi byagufasha kugira ubwenge busumbeyeho buturuka mu ijuru.
2. Bigenda bite iyo tunyuzwe no kwishingikiriza ku bumenyi bw’abantu?
3. Ni gute nakora uruhare rwanjye kugirango nunganire abagabura ku kwita cyane ku bantu bashya?
4. Mbese ni hehe mu buzima nshobora kugira imitima ibiri kuruta uko mbitekerereza?
5. Sobanura imbaraga n’akamaro byo gukirana kwa Yakobo mu minsi y’imperuka.

# Uguhanga n'Ibishuko

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Hahirwa umuntu wihanganira ibimugerageza, kuko namara kwemerwa azahabwa ikamba ry’ubugingo, iryo Imana yasezeranije abayikunda.” (Yakobo 1:12).

“Jya uvuga kandi ukore ibihuje n’amasengesho yawe. Kuri wowe bizagira itandukaniro rihoraho niba ikigeragezo kizagaragaza ko ufite ukwizera nyakuri, cyangwa se bigaragaze ko amasengesho yawe ari ukurangiza umuhango gusa.” – *Imigani ya Kristo*, p.146.

**Ibitabo Byifashishije:** *Ibihanywa by’Itorero*, vol 3, p.477 – 492.

**Kuwa Mbere**

13 Ukwakira

## 1. IKINTU CY’INGENZI GITUMA HABAHO GUKURA MU BY’UMWUKA

a. Sobanura ibanga ry’ukuntu ibivugwa muri Yakobo 1:2 bi-shobora gusohorera muri twe. Nehemiya 8:10.

---

“Ibigeragezo byose byakirwa nk’abigisha bizatanga umunezero. Imibereho yose y’iby’iyobokamana uko yakabaye izazamurwa, izahurwe, yubakwe, kandi ikwize ahatuzengurutse impumuro y’amagambo meza n’imirimo myiza. Umwanzu yishimira kubona abantu bihebye, batentebutse, bariira kandi bagataka, ni nabyo ashaka ko tubona ku byerekeranye n’ingaruka z’ukwizera kwacu. Ariko kandi, Imana igena ko ubwenge butagera ku rwego rwo hasi. Yifuza ko buri muntu wese yaneshereza mu kugumana imbaraga y’Umucunguzi.” – *Ibihanywa by’Itorero*, vol 6, p.365,366.

b. Kuki Imana yemera ko ibigeragezo bitugeraho? Yakobo 1:3; Abaroma 5:3.

---

“Nidutsinda ibigeragezo duhura nabyo kandi tukanesha ibishuko bya Satani, tuzihanganira kugeragezwa ko kwizera kwacu, kuko ari iby’igicro cyinshi kurusha izahabu, bityo tuzaba dukomeye kandi twiteguye neza guhangana n’ibizakurikiraho. Nyamara nituramuka ducitse intege maze tugaha urwaho ibishuko bya Satani, tuzarushaho kuba abanyantege nke maze bitume tudahabwa ingororano z’ukugeragezwa kwacu ndetse ntituzaba twiteguye neza gutsinda ibizakurikiraho. Bityo rero, tuzarushaho kugenda ducika intege, kugeza ubwo tubaye imbohe za Satani nk’uko abyifuza. Tugomba kwambara intwaro zose z’Imana kandi igihe cyose tugahora twiteguye guhangana n’imbaraga z’umwijima.” – *Inyandiko za Kera*, p.46.

## 2. IBISUBIZO BYIZA BIRUTA IBYO TWATEKEREZAGA

a. Sobanura inyungu ziboneka mu kwihangana gushyizwe mu bikorwa. Yakobo 1:4; Luka 21:19.

“Imana ni inyabwenge cyane kandi ihora isubiza amasengesho yacu neza, ku gihe kandi mu buryo tubyifuza. Izadukorera byinshi kandi byiza, birenze gusohozza ibyo twifuza byose. Kandi kubera ko dushobora kwiringira ubwenge n’urukundo Byayo, ntitugomba kuyisaba ko yakwemera gukora ibyo dushaka, ahubwo tugomba gushaka kwinjira no gusohozza umugambi Wayo. Ibyo twifuza n’inyungu zacu bikwiriye kuzimirira mu byo Imana ishaka. Ibyo tunyuramo bigera-geza kwizera kwacu bidufitiye akamaro. Byerekana ko: dufite kwizera gushyitse gushingiye ku ijambo ry’Imana gusa, cyangwa se ko kudahamye kukaba guhindagurika. Kwizera gukomezwa no gukora. Tugomba kureka kwihangana kugakora umurimo wako utunganye, twibuka ko mu Byanditswe Byera hari amasezerano y’agahozo yasezeraniwe abategereza Uwitika.” - *Umurimo wo Gukiza*, p.231.

b. Ni gute kandi ni kuki Yakobo atwereka ishusho irushijeho kuba nini kuruta igitekerezo gisanzwe gusa abantu bafite ku by’ubutegetsi no kugubwa neza byo muri iyi si yononekaye? Yakobo 1:9 - 11.

“Muri iki gihe, mbere yuko isi igera mu kaga gashishana gaheruka kimwe n’uko byari bimeze mbere yo kurimbuka kw’isi kwa mbere, abantu batwawe ingamira n’ibibanezeza ndetse bakurikiza ibyiyumvo byabo. Ibitekerezo byabo bihugiye mu bintu bigaragarira amaso kandi bimara igihe gito; bityo ntibacyita ku bitagaragara kandi bizahoraho iteka. Kugirango bironkere ubutunzi bwangirika, bahitamo kuzibukira ubutunzi butangirika. Ubwenge bwabo bukeneye kuzahurwa, kandi uko bafata ubuzima bikaguka. Bakeneye gukangurwa bagakurwa mu bute bw’inzozi z’iby’isi.

“Ku guhangwa no guhanguka kw’amahanga nk’uko kwagara-gajwe neza mu Byanditswe Byera, bakeneye kumenya uburyo icyubahiro cy’isi n’ibigaragara inyuma nta gaciro bifite. Mbega uburyo Babuloni n’imbaraga zayo n’ubwiza bwayo isi turimo muri iki gihe itigeze ibona yahangutse burundu! Abantu bo muri icyo gihe babonaga imbaraga n’ubwiza bya Babuloni bihamye rwose bizahoraho. Yashizeho “nk’uburabyo bw’ibyatsi.” Uko ni nako ubwami bwose butubakiye ku Mana ngo ibubere umusingi buhanguka. Ubwami bwomatanye n’umugambi Wayo bwonyine kandi bugaragaza imico Yayo, nibwo bushobora kurama. Amategeko y’Imana ni yo yonyine ahamye isi yacu izi.” - *Uburezi*, p.183.

“Ubutunzi bwo mu isi ni ubw’agahe gato. Binyuze muri Kristo gusa nibwo dushobora kubona ubutunzi buzahoraho iteka.” - *Urwi-butso n’Integuza*, kuwa 10 Ukuboza, 1901.

### 3. MU NKUBIRI Y'URUGAMBA

a. Mu gihe duhanganye n'ibishuko, ni iki dukwiriye gukora mu isengesho, kandi ni ukubera iki? Yakobo 1:12.

"Iyambure inzitwazo zose no kwigaragaza uko utari. Kora ibintu mu buryo bworoheje kandi busanzwe. Ba umunyakuri muri buri gitekerezo, buri jambo na buri gikorwa no 'kwicisha bugufi mu mitima, umuntu wese yibwire ko abandi bamuruta.' Ujye uhora wibuka ko imico mbonera ikeneye kuba ifubitswe no kuba maso no gusenga ubudacogora. Igihe cyose uhanga amaso Kristo, uba ufite umutekano; ariko igihe utekereje ku byo wigomwe no ku birushya wahuye nabyo, maze ugatangira kwishyira mu mwanya w'abandi no kwishyira mu mwanya wawe, utakaza icyizere wari ufitiye Imana, maze ukaba uri mu kaga gakomeye." - *Ibihamiya by'Itorero*, vol 4, p.522.

"Tugomba gukomeza kujya mbere nta gucogora, ntidukuke umutima cyangwa ngo dutakaze ibyiringiro mu murimo mwiza, uko ibigeragezo biri mu nzira yacu byaba biri kose, n'uko umwijima mu by'umwuka waba utugose kose. Kwihangana, kwizera no gukunda inshingano ni ibyigisho dukwiriye kwiga. Gutsinda inarijye no guhanga amaso Yesu ni umurimo wa buri muni. Uwituka ntazigera atererana umuntu umwiringira kandi agashaka ubufasha Bwe. Ikambary'ubugingo rishyirwa gusa mu ruhanga rw'umuneshi." - *Ibid*, vol 5, p.70,71.

b. Kubera iki ari bibi kuvuga ko Imana ariyo yohereza ibigeragezo n'ibishuko? Yakobo 1:13.

"Ntabwo dukwiriye kugerageza gupfobya ibicumuro byacu dushakira ibyaha urwitwazo. Dukwiriye kwemera icyaha uko Imana ikivuga, kandi mu by'ukuri kiraremereye. I Kaluvari honyine ni ho hashobora kugaragaza ububi bw'icyaha buteye ubwoba....

"Igishuko ni ukoshya umuntu agakora icyaha. Kandi ibyo ntibiva ku Mana, ahubwo bituruka kuri Satani no ku bubu bita bw'imitima yacu bwite. "Kuko bidashoboka ko Imana yoshywa n'ibibi, cyangwa ngo nayo igire uwo ibyohesha." Yakobo 1:13.

"Satani ashakisha kutujyana mu bishuko, kugira ngo ububi bw'imico yacu bugaragare maze abone uko yirata ko turi abe.... Umwanzi araducumuza, kandi agahindikira akaturega ku bo mu ijuru yuko tudakwiriye urukundo rw'Imana." - *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.116,117.

c. Ni gute Uwituka aturwanirira iyo umurezi [wa bene data] atwibasiye ahereye ku mico yacu ifite inenge? Zekariya 3:1 - 4; 1Yohana 1:9 - 2:1.

#### 4. IMBARAGA Z'IMANA MU NTEGE NKE ZACU

a. Sobanura interuro iri mu isengesho ry'Umwami wacu igira iti: "Ntduhāne mu bitwoshya." Matayo 6:13 (ahabanza); Yesaya 30:21.

---

"Imana yemera ko duhura n'inkomyi, gutotezwa ndetse n'ibirushya, bitameze nk'umuvumo, ahubwo bimeze nk'umugisha ukomeye ku bugingo bwacu. Buri gishuko cyose dutsinze na buri kigeragezo cyose twihanganiye biduha imibereho mishya no gutuma tuyya mbere mu murimo wo kubaka imico yacu. Umutima unesha ibishuko kubwo gufashwa n'imbaraga y'Imana ugaragariza abo mu isi n'abo mu ijuru yuko ubuntu bwa Kristo buhagije.

"Nyamara mu gihe tudakwiriye gucibwa intege n'ikigeragezo, nubwo cyaba gisharira gite, dukwiriye gusaba kugira ngo Imana ye kutwemerera kujyanwa aho tuzazimuzwa n'ibyifuzo by'imitima yacu mibi. Igihe dusenga isengesho ryatanzwe na Kristo, tuba dukwiriye kwiyegurira ubuyobozi bw'Imana no kuyisaba kutuyobora mu nzira y'amaahoro. Ntitwasaba isengesho nk'iri dukiranutse, kandi ngo twongere duhitemo kugendera mu nzira twihitiyemo ubwacu. Tuzategereza kuyoborwa n'ukuboko Kwayo...

"Nta mutekano twabonera mu gutinda kumenya umusaruro Satani yasarura kubwo kwemera inama ze. icyaha gikoza isoni kandi kigateza akaga gakomeye umutima ukiguyemo: ariko gifite kamere itera ubuhumyi, kandi inashukana kikadukuruza uburiganya bw'uburyarya bwacyo. Iyo duhangaye kujya mu kibuga cya Satani nta bwishingizi tuba dufite bwo kurindwa imbaraga ze. Kuko umushukanyi aduhora bugufi, dukwiriye gufunga inzira iyo ari yo yose ashobora kunyuramo kugira ngo atugereho.

"Isengesho rigira riti: "Ntduhāne mu bitwoshya", na ryo ubwaryo ni isezerano." - *Ibitekerezo byo ku Musozi w'Umugisha*, p.117,118.

b. Ni irihe rarika n'ubwishingizi Imana iduha ku bijyanye n'ibishuko? Yakobo 1:14 - 16; 1Abakorinto 10:13.

---

"Ikigeragezo ni iki? Ni uburyo abavuga ko ari abana b'Imana basuzumwa kandi bakageragezwa. Dusoma ko Imana yagerageje Aburahamu, ndetse ko yagerageje Abisirayeli. Ibi bisobanuye ko yemeye yuko bagerwaho n'ibisuzuma ukwizera kwabo maze bikaberekeza ku kuyihanga amaso kugirango ibafashe. Na n'ubu Imana yemera ko iki-geragezo kigera ku bwoko Bwayo kugirango basobanukirwe ko ari Yo mufasha wabo. Iyo bayegereye igihe bageragejwe, Ibaha imbaraga zo guhangana n'ikigeragezo." - *In Heavenly Places*, p. 251.



## 5. IBIGERAGEZO MU MITERERE YABYO NYAKURI

a. Kugirango tugume muri Kristo bityo tuvanwe mu bishuko, ni iki dukwiriye guhitamo buri gihe? Luka 4:8; Abafilipi 1:21.

“Umushukanyi nta na rimwe abasha kuduhatira gukora ikibi. Ntabasha kuyobora intekerezo keretse iyo zemeye kumwiyegurira. Ubushake bukwiriye kwemera, kwizera gukwiriye kurekwa kukagundira Kristo, mbere yuko Satani agaragaza imbaraga ze muri twe. Ariko buri cyifuzo cy'icyaha duha intebe gituma abona aho ashinga ibirenge. Aho tunanirwa kugera ku rugero rwo gukiranuka, urwo ni urugi rukinguye abasha kwinjiriramo adushuka ndetse akaba yaturimbura. Kunanirwa cyangwa kuneshwa ku ruhande rwacu bimuha amahirwe yo gushyira igisuzuguriro kuri Kristo.” – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.125.

b. Ni iki kigomba gukomeza kudusunikira gukomeza kugirango dutsinde turi muri Kristo? Abafilipi 4:13; Ibyahishuwe 2:10 (ahaheruka); 3:21.

“Ufite umwuka wa Kristo aguma muri Kristo. Ibyago bimubangiriyeye umugeri bigwa ku Mukiza uhora amuri iruhande. Ikimugeraho cyose kiba giturutse kuri Kristo. Ntakeneye kurwanya umubi, kuko Kristo ari we umurwanirira. Nta gishobora kumukoraho Umwami atabyemeye, ‘Kandi ku bakunda Imana byose bifatanyiriza hamwe kubazanya ibyiza.’ Abaroma 8:28.” – *Ibitekerezo byo ku Musozi w’Umugisha*, p.71.

“Ikamba ry’ubugingo rishyirwa gusa mu ruhanga rw’umuneshi. Buri wese hari umurimo ukomeye akwiriye gukorera Imana afite umuhati mu gihe akiriho.” – *Ibihamya by’Itorero*, vol 5, p.71.

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Ni iki nkeneye kwibuka ubwo nzaba mpuye n’ikigeragezo gikomeme ikindi gihe?
2. Ni iki ngomba kumenya ku byerekeranye n’uburyo Imana isubiza amasengesho?
3. Mbese ibigeragezo n’ibishuko bituruka he kandi ni ukubera iki?
4. Mbese igihe icyo aricyo cyose turwanyije ibishuko, bigenda bite?
5. Ni gute narushaho kuguma muri Kristo mu buryo bwuzuye?

# Gushyira ukwizera mu Ngiro

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Ariko rero mujye mukora iby’iryo jambo, atari ugupfa kuryumva gusa mwishuka.” (Yakobo 1:22).

“[Umuntu] yatorewe kumvira buri jambo ryose riva mu kanwa k’Imana, kandi kugirango ataba uwumva gusa, ahubwo abe n’ukora iby’iryo jambo.” – *Ibihamya ku Bagabura*, p.454.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by’Itorerero*, vol 2, p.24 – 26, 50 – 55, 164,165.

**Kuwa Mbere**

**20 Ukwakira**

## 1. UTANGA ICYZA KIBONEYE

a. Ni iki gihishura ukugira neza kw’Imana gutangaje itugirira? Yakobo 1:17.

“Urukundo Kristo akunda abana Be ni urukundo rwuje ineza kandi rukomeye. Ndetse urwo rukundo rukomeye kuruta urupfu kubera ko yapfuye kugirango adukize no kugirango atugire umwe na We by’iteka ryose. Ibi birenze imyumvire ya muntu. Urukundo rwe rurakomeye cyane ku buryo rugenga ububasha bwe bwose, kandi rukoresha amasoko yagutse yo mu ijuru mu kugirira ubwoko Bwe neza. Urukundo Rwe ntiruhindagurika cyangwa ngo rugire igicucu cyo guhinduka, uko rwari ruri ejo hashize niko ruri n’uyu muni kandi niko ruzahora n’iteka ryose. Nubwo icyaha kimaze imyaka myinshi kiriho kandi kigerageza kurwanya uru rukundo no kurukumira ngo rutagera ku isi, uru rukundo ruracyacuncumurwa ku bo Kristo yapfiriye rumeze nk’imigezi y’amazi menshi.

“Imana ikunda abamaryika batacumuye bakora umurimo Wayo, kandi bakumvira ibyo ibatega byose, ariko ntiyabaha ubuntu, ntabwo bigeze babukenera kuko batigeze bakora icyaha. Ubuntu ni ubugiraneza buhabwa abantu batabukwiriye. Si twe twabushatse, bwoherejwe kudushaka. Imana yishimira gusuka ubuntu ku bantu bose babufitiye inzara n’inyota, atari ukubera ko tubukwiriye, ahubwo kubera ko tutabukwiriye. Icyo dukeneye ni ukugira ibisabwa biduha ubwishingizi bw’uko tuzahabwa iyo mpano.” – *Ibihamya ku Bagabura*, p.519.

b. Ni gute kandi ni ukubera iki tubyarwa n’Imana? Yakobo 1:18; 1Petero 1:23; 2:9.

## 2. GUKONJESHA IGISHYUSHYE

a. Ni gute dukwiriye kuba abantu batandukanye n'abandi muri iyi si irangwa n'uburakari, kandi ni ukubera iki? Yakobo 1:19.

“Gira ihame ry’uko utagomba kuvuga na rimwe ijambo ryo gucira abandi ho iteka, ahubwo igihe cyose ubishoboye ujye ubashimira.

“Hari bamwe batekereza ko kwifata ari ingeso nziza, kandi bazavuga bashima akamenyero bafite ko kuvuga ibintu bidashimishije bibera mu mutima. Bareka umwuka w’uburakari ukarangirira mu gusukiranya amagambo y’urukozasoni no gushaka amakosa ku bandi. Uko barushaho kubagira, niko barushaho gutwarwa n’amarangamutima, kandi Satani aba yiteguye kubafasha mu murimo, kuko aribyo bimushimisha. Amagambo arakaza umuntu abwiwe, kandi azongera asubizwe [uyavuze], bitume habaho amagambo arushijeho kuba mabi, kugeza ubwo akabazo gato kadafashije gahinduka nk’ikirimi cy’umuriro. Mwembi mwumva ko mufite ibigeragezo byose mushobora kwihanganira, kandi ko ubuzima bwanyu butagira ibyishimo. Tangira rwose umurimo wo gutegeka ibitekerezo byawe, amagambo yawe n’ibikorwa byawe. Mu gihe wumva uburakari buri kwiyongera, iyemeze gusanga Imana uyisenge [wihereye] kandi wicishije bugufi.” – *Ibihamya by’Itoreri*, vol 4, p.243.

b. Ni ukubera iki uburakari budashimisha Imana kandi ni mu buhe buryo bwavurwa? Yakobo 1:20.

“Hari bamwe bagira ubwoba, kandi iyo babuze ukwitegeka mu magambo cyangwa mu mwuka igihe bashotowe, babatwa n’uburozi bwo kurakara nk’uko umusinzi aba yasabwe n’inzoga. Ntibashyira mu gaciro, ntabwo bemezwa cyangwa ngo bumve ibintu mu buryo bworoshye. Ntibafite ubwenge, muri icyo gihe Satani ni we uba uri gutegeka byose. Buri kintu cyose muri ibyo bigaragaza umujinya bituma imikorere y’imyakura y’udutsi duto tuyana amakuru ku bwonko n’imbaraga z’imico mbone-ra bicogora, kandi bigatuma umuntu bimukomerera gutegeka uburakari bwe mu gihe ashotowe.

“Kuri abo bantu, umuti ni umwe gusa: ni ukugira ingeso nziza yo kwitegeka muri byose. Umuhati bashyiraho kugirango bagere ahantu heza, aho bo ubwabo batazabangamirwa, ishobora kugira icyo igeraho mu gihe runaka; ariko Satani azi aho ashobora kubonera abo bakene b’imitima, kandi azajya abagabo ibitero incuro nyinshi aho bafite intege nke. Bazahora bahangayitse igihe cyose bazaba bacyitekerezaho bo ubwabo cyane.... Ariko kandi hari ibyiringiro kuri bo. Nimutyo iyi mibereho yuzuye umuraba mwinshi w’amakimbarane n’imihangayiko, bayishyire mu mushyikirano bagirana na Kristo; nibwo noneho inarijye itazongera kubaganisha ku kwifuza isumbwe.... Bagomba kwicisha bugufi bakavuga nta buryarya bati: “Nakoze amakosa. Ese uzambabarira? Kuko Imana yavuze ko tudakwiriye kwemera ko izuba riranga tukirakaye. Iyi niyo nzira yonyine itekanye yerekeza ku kunesha.” – *Abahungu n’Abakobwa b’Imana*, p.142.

### 3. GUSHYIRA IMBERE UMUCYO

a. Sobanura umuhamagaro w'Imana kuri buri wese muri twe. Yakobo 1:21.

“Yoo, ni gute abantu abo aribo bose bafite umucyo w'ukuri, umucyo ukomeye w'Imana bahawe, bashobora guhangana n'umujinya w'Imana n'imanza Zayo, kubwo kuyicumuraho no gukora ibintu Imana yababwiriye mu ijambo Ryayo ko batagomba gukora? Ni gute bashobora guhumywa amaso na Satani ku buryo basuzuguzwa Imana mu maso Yayo, kandi bagahumanya ubugingo bwabo kubwo gukora ibyaha nkana? Intumwa Pawulo aravuga ati: “Twahindutse ibishungero by'ab'isi n'iby'abamarayika n'iby'abantu.” Mbese abo banyabyaha nzabita indyarya? Bazabaza i Siyoni bati: Ni mu buhe buryo mba igishungero cy'ab'isi n'icy'abamarayika n'icy'abantu? Nimwisubize ubwanyu muti: Ni ukubera ko nakoresheje nabi umucyo n'amahirwe n'imbabazi Imana yampaye, binyuze mu bikorwa bidakwiriye byangiza kandi bigahumanya ubugingo.” - *Ibihamya ku Bagabura*, p.447.

b. Ni gute ijambo ry'Imana rifitanye isano n'agakiza kacu, cyane cyane muri iyi minsi y'imperuka? 2Timoteyo 3:15; 1Abakorinto 15:1,2.

“Twasezeraniwe imikorere nyakuri y'Umwuka Wera ku mitima y'abantu, kugira ngo itume habaho umusaruro mwiza binyuze mu Ijambo ry'Imana. Kristo yavuze ko Ijambo ry'Imana ari umwuka kandi rikaba n'ubugingo....

“Satani azakora mu buryo bw'uburyarya bwihishe cyane kugira ngo yinjize ibihimbano by'abantu byambaye imyambaro ya marayika. Nyamara umucyo uturuka mu Ijambo ry'Imana uriho urabagirarira mu icuraburindi mu by'umwuka; kandi ntabwo Bibiliya izigera isimbuzwa ibikorwa by'ibitangaza. Ukuri kugomba kwigwa, kugomba gushakishwa nk'ubutunzi buhishwe. Nta kumurikirwa gutangaje kuzatangwa kuri hanze y'Ijambo ry'Imana cyangwa ngo kurisimbure. Mwomatane n'Ijambo ry'Imana, mwakire Ijambo ry'Imana ritagira icyo ryongerwaho, rizahesha abantu ubwenge bubageza ku gakiza.” - *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 2, p.100.

“Abantu bakira ukuri bagomba gushaka gusobanukirwa neza Ibyanditswe n'imibereho irangwa no kumenya Umukiza muzima. Ubwenge bugomba gukoreshwa, ubwonko bugahuguka. Ubunabwese bwose bwo mu bwenge ni icyaha, kandi urutebwe mu by'umwuka ni urupfu.” - *Ibihamya by'Iterero*, vol 4, p.399.

“Igihe amagambo y'impuguro za Kristo yakiriwe kandi akigarurira imitima yacu, Yesu aba muri twe, agategeka ubwenge n'ibitekerezo byacu n'ibikorwa byacu. Twuzurwa n'inyigisho z'Umwigisha uruta abandi isi yigeze kumenya.” - *Ubutumwa ku Basore*, p.160.

#### 4. INDORERWAMO Y'AMATEGEKO Y'IMANA

a. Ni ukubera iki ari ingirakamaro kuri twe gusuzuma imitima yacu?  
Yakobo 1:22 – 24.

“Benshi bashimirwa ingeso nziza badafite. Uronдора imitima azenzura impamvu zitera abantu gukora, kandi ibihe byinshi ibikorwa bishimwa cyane n’abantu abyandika nk’ibikorwa biturutse ku mpamvu zo kwikunda ndetse bikaba bishingiye ku buryarya. Buri gikorwa cyose cyo mu mibereho yacu, cyaba ari igikorwa cy’indashyikirwa cyangwa se kikaba gikwiriye gushimwa cyangwa kugawa, gisuzumwa n’urondora imitima akurikije impamvu za teye umuntu kugikora.

“Abantu benshi birengagiza kwirebera mu ndorerwamo ihishura inenge ziri mu mico, kubw’ibyo rero kudatungana n’icyaha biriho, kandi bigaragarira abandi, niba bidasobanukira bene kuba mu ifuti. icyaha cyangwa cyo kwikunda kiriho ku rwego rukomeye, yemwe ndetse no muri bamwe bavuga ko biyeguriye umurimo w’Imana. Iyaba bagereranyaga imico yabo n’iby’Imana ibasaba, by’umwihariko bakayigereranya n’urugero rukomeye, arirwo amategeko Yayoyera, akiranuka kandi meza, iyaba bagiraga umwete, bagashakashaka bataryarya, bamenya badashidikanya ko badashyitse mu buryo buteye ubwoba. icyakora bamwe nta bushake bafite bwo kureba kure bihagije cyangwa mu buryo bwimbitse birahagije kugirango babone gutindahara kw’imitima yabo bwite. Ntabwo bashyitse muri byinshi; nyamara baguma mu bujiji babyishakiye bwo kutamenya icyaha cyabo.” – *Ababwiriza b’Ubutumwa Bwiza*, p.275,276.

b. Sobanura ubwiza bw’umudendezo nyakuri binyuze mu mbaraga z’irema zituruka ku kwiyegurira Kristo no gukora ibyo ashaka. Yakobo 1:25; Yohana 8:32.

“Mu murimo wo gucungura umuntu nta gahato kabamo. Nta yindi mbaraga yo hanze ikoresheya. Kubw’imbaraga y’Umwuka w’Imana, umuntu afite umudendezo wo guhitamo uwo azakorera. Mu mpinduka zibaho iyo umuntu yiyeguriye Kristo, harimo kumva ku rwego rutagereranywa ko afite umudendezo. Kwirukana icyaha ni igikorwa cy’umuntu ubwe. Ni iby’ukuri ko twe ubwacu tudafite imbaraga zo kwigobotora mu butware bwa Satani; nyamara iyo twifuzaga kuvanwa mu bubata bw’icyaha, maze muri ubwo bukenne bwacu bukomereye tugatakamba ngo duhabwe imbaraga tudafite kandi iturenze, imbaraga z’umutima zuzuzwamo imbaraga z’Umwuka Wera, maze umutima ukumvira amabwiriza uhabwa mu gusohozwa ubushake bw’Imana.

“Uburyo bumwe rukumbi umudendezo w’umuntu ushoboka ni ukuba umwe na Kristo. “Ukuri kuzababatura” kandi Kristo ni we kuri. icyaha gishobora gutsinda gusa ari uko kidindije intekerezo kandi kikangiza umudendezo w’umutima w’umuntu. Kwemera kugengwa n’Imana ni ugusubizwamo tege k’umuntu – ni ukugaruka ku cyubahiro ndetse n’ubwiza nyakuri by’umuntu. Amategeko y’Imana dushobozwa kumvira, ni amategeko atera umudendezo.’ Yakobo 2:12.” – *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.466.



## 5. IDINI NYAKURI

a. Vuga ikintu cy'ingenzi kiranga Ubukristo gikunze kubura. Yakobo 1:26.

“Binyuze mu bufasha Kristo ashobora gutanga, tuzashobora kwiga gu-tegeka ururimi [rwacu]. Nubwo yageragejwe bikomeye cyane ku ngingo yo kwihutira kuvuga no kuvuga arakaye, nta na rimwe yigeze akora icyaha mu byo yavugishije iminwa Ye. Mu kwihangana kurangwamo umutuzo, yahanganye n'ubukobanyi, kunegurwa no gukwenwa n'abakozi bagenzi Be bakoranaga mu ibarizo. Mu cyimbo cyo gusubizanya ubukana arakaye, yatangiraga kuririmba imwe muri zaburi za Dawidi z'agahebuzo, maze bagenzi Be mbere yuko bamenya ibyo barimo barakora, bakifatanya na We mu ndirimbo. Mbega ihinduka ryari kubaho mu isi iyo abagabo n'abagore bo muri iki gihe bakurikiza urugero rwa Kristo mu gukoresha amagambo!” – *Ellen G. White, Ububobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 7, p.936.

b. Ni gute idini ry'ukuri, rikora mu buryo butuje butarangwamo ukwikanyiza, rikorera inyuma y'ibyo bivugwa? Yakobo 1:27.

“Kuba umukozi [ukorera Imana], gukomeza gukora neza wihanganye aribyo biduhagarira gukorana ukwigomwa, ni umurimo w'icyubahiro ijuru ribona rikamwenyura. Umurimo ukoranywe gukiranuka niwo wemerwa cyane mu maso y'Imana kuruta kuramya kurimo ishyaka kandi gutekerezwa ko ari ko kwera kurusha ibindi byose. Gukorana na Kristo niko kuramya Imana nyakuri. Amasengesho, kwinginga ndetse no kuvuga ni imbuto z'igicro gito abantu bakunda kwizirikaho; nyamara imbuto zigagarira mu mirimo myiza, kwita ku bakene, impfubyi, ndetse n'abapfakazi, ni imbuto nyakuri, kandi zera ku giti cyiza mu buryo busanzwe.” – *Ibihamya by'Itorero*, vol 2, p.24.

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Kubera iki dushobora kwiringira ko ubugingo bwacu buri mu Mana ihoraho yo mu ijuru?
2. Ni iyihe nshingano y'abantu bose bagiyeye bibona barakaye bikabije?
3. Kubera iki ari iby'ingenzi ko nyewe ubwanjye niyigisha ijambo ry'Imana?
4. Sobanura umudendezo nyakuri uwo ariwo.
5. Ni gute nshobora kwimenyereza ku rugero rurushijeho gukomera idini ry'ukuri mbikuye ku mutima?

## Amaturo y'Isabato ya Mbere Azagerwa icyiciro cy'Ibitabo n'Inyandiko mu Nteko Nkuru Rusange

Hari imvugo izwi cyane igira iti: "Igi-tonyanga kimwe cya wino, gishobora gutuma [abantu] miliyoni batekereza." Inyandiko zicapwe, zikunda kugira uburemere buruta ubw'amagambo apfuye kuvugwa gusa; ahahini bitewe n'uko zihoraho. Mu gihe dufite ibitabo, dushobora gufata igihe cyo kubisoma ku muvuduko wacu bwite, kimwe no gusubiza amaso inyuma maze tugatekereza ku buryo burushijeho kwimbika ku makuru dushaka kwiga. Birafasha mu gihe umuntu agerageza kwiyumvisha insanganyamatsiko zimbitse z'iby'umwuka.



Ibyo niko byagiye biba impamo mu mateka yose.

"Ikaramu ya Luteri yari imbaraga, kandi inyandiko ze zanyanyagiye hirya no hino, zakangaranyije ab'isi. Ibikoresho nk'ibyo nibyo dutegekewe, hamwe n'ubushobozi bwikubye inshuro ijana. Mu ntoki zacu dufite Bibiliya n'ibitabo mu ndimi nyinshi, bigaragaza ukuri mu muri iki gihe, kandi bishobora kujyanwa mu isi yose mu buryo bwihuse."

"Umurimo wa marayika wundi umanuka uva mu ijuru afite ubutware bukomeye isi ikamurikirwa n'ubwiza bwe uzarangizwa n'amacapiro yacu ku rugero ruhanitse." - *Ibid*, vol 7, p.140.

Mu mwaka wa 1849, James White yasohoye inyandiko nto yiswe 'Ukuri kw'iki Gihe.' 'Icyo kirundo gito cy'impapuro cyashyizwe hasi, maze abavandimwe mu kwizera barazikikiza bityo n'amarira menshi binzinga Imana ngo izahire izo nyandiko nto igihe zizoherezwa hirya no hino. Barangije gusenga izo mpapuro zizingwa neza, zirapfunyikwa, zandikwaho aho zigomba koherezwa, maze James White aziyana ku biro by'iposita byari i Middletown ku birometero nka 12." - *Inyandiko za Kera*, (xxv).

Iki gikorwa cyari giturutse ku butumwa bwagiraga buti: "Ukwiriye gutangira gucapa impapuro nke maze ukazohereza abantu. Ku ikubitiro uzabanze ucape nkeya; ariko abantu nibasoma, bazakohereza ubufasha bwo gucapa nyinshi, bityo uhereye aho uzagera ku mugambi." - *Ibid.*, (xxiv).

Bigenda bite se iyo ibiciro by'ubwikorezi byiyongereye kandi inzitizi zo ku mipaka ituma habaho uburyo bwo gukwirakwizwa ibintu mu bihugu binyuranye, buhanda cyane biruseho? Igiciro cy'amafaranga dukura ku biyandikisha [bakoresha ibyo dushyira kuri interneti] ntabwo ashobora kwishyura ibyo biciro bishya. Kubw'ibyo rero, dukwiriye kwishingikiriza ku gutangana ubuntu kwa bagenzi bacu b'abizera kugirango dusohoze ubuhanuzi bwabwiwe umucapyi wa mbere: "Uko abantu bazagenda basoma niko bazakomeza kukohereza amafaranga."

Turasaba kugirango iri turo ry'Isabato ya Mbere rigenewe icyiciro cy'Inyandiko n'Ibitabo mu Nteko Nkuru Rusange, rizakore ku mutima wawe kugirango utange ibisāze byo gufasha abantu hirya no hino ku isi bakeneye gusoma ukuri kw'iki gihe. Murakoze!

*Berie so bo mu Cyiciro cy'Inyandiko n'Ibitabo mu Nteko Nkuru Rusange*

# Kunesha Ukubogama

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA: “Kuko Imana itarobanura abantu ku butoni.” (Abaroma 2:11).**

“Imana ntabwo yemera ko abantu batandukanywa hashingiwe ku nzego barimo. Kuri Yo, nta moko abaho. Mu maso Yayo, abantu ni abantu, baba babi cyangwa beza. Ku muni wo guhabwa ingororano, umwanya w’ubuyobozi, urwego rw’ubuzima, cyangwa ubutunzi, nta kantu na gato bizahindura ku rubanza rw’umuntu uwo ariwe wese. Imana ireba byose niyo izacira abantu imanza ikurikije kwera kwabo, kubonera kwabo ndetse n’urukundo bakunda Kristo.” – *Inama ku Busonga*, p.162.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by’Itorero*, vol 3, p.304 – 309, 320 – 329.

**Kuwa Mbere**

**27 Ukwakira**

## 1. IKIBAZO CY’IMYIFATIRE

a. Sobanura ukubogamira mu by’isi kwabayeye rusange du-shobora gucumuriramo, ahari wenda tukaba tutanabisobanukiwe. Yakobo 2:1 – 4.

---

“Mukwiriye gufata neza abakene mubikunze kandi mukabita-ho nk’uko mwita ku bakire. Imigirire yo guha icyubahiro abakire no gusuzugura abakene no kubirengagiza ni icyaha mu maso y’Imana. Abantu bakikijwe n’ibyiza byo muri ubu buzima, cyangwa bate-sheshejwe ndetse bagahabwa n’isi ibyo bifuza kubera ko ari abakire, ntibumva ko bakeneye impuhwe no kwitabwaho mu buryo burangwa n’ubugwaneza nk’uko bimeze ku bantu babayeho igihe kirekire bahanganye n’ubukene.” – *Ibihamya by’Itorero*, vol 4, p.551.

“Nubwo Kristo yari umutunzi mu bikari byo mu ijuru, nyamara yabayeye umukene kugirango ubukene Bwe budutungishe. Yesu yubahishije abakene kubwo gusangira na bo imimerere yabo iciye bugufi. Dukwiriye kwigira ku mateka y’ubuzima Bwe uko tugomba gufata abakene.” – *Ibid*, p.550.

b. Ni iki dukwiriye gusobanukirwa cyerekeranye n’abashobora kuba abakene mu butunzi bw’iyi si nyamara bakaba ari abatunzi mu kwizera? Yakobo 2:5.

## 2. UBUMENYI N'UKURI KOSE

a. Sobanura mu buryo bwumvikana ibyo Yesu yigishije bye-rekeranye no gufasha abakene. Mariko 14:3 - 9.

---

“Hari bamwe bakorera abakene ibikorwa by’ineza bagakabya maze bikabakomeretsa mu buryo bw’ukuri; babakorera ibintu byinshi cyane, bigatuma abakene badakoresha imbaraga zabo nkuko byakagombye. Nubwo batagomba kwirengagizwa kandi ngo barekerwe mu kuba-bazwa n’ubukene, bagomba kwigishwa kwifasha ubwabo.

“Umurimo w’Imana ntukwiriye kwirengagizwa ngo abakene batekerezweho bwa mbere. Rimwe Kristo yigishye abigishwa Be icyigisho cy’ingenzi kuri iyi ngingo. Igihe Mariya yasukaga amavuta ku mutwe wa Yesu, Yuda wari waramunzwe n’irari ry’amafaranga yavugiye abakene, yivovotera icyo yabonaga ko ari ugupfusha ubusa amafaranga. Ariko Yesu yamaganye icyo gikorwa avuga ati: “Muramuterera iki agahinda ko angiriye neza cyane?” “Aho ubutumwa bwiza buzigishirizwa hose mu isi yose, icyo uyumugore ankomeye kizavugirwa kugirango bamwibuke.” Muri ibi twigishwa ko Kristo akwiriye guhabwa icyubahiro mu gutanga ibyiza cyane byo mu butunzi bwacu. Ibitekeremo byacu byose bibaye byerekejwe mu guhaza ibyifuzo by’abakene; umurimo w’Imana waba wirengagijwe. Nta kizabura gukorwa ibisona byayo nibikora inshingano yabyo, ariko umurimo wa Yesu ukwiriye kuba nyambere.” - *Ibihanywa by’Itorerero*, vol 4, p.550,551.

b. Muri Isirayeli ya kera, ni iyihe nyifato yasabwaga abantu bakoraga umurimo w’ubutabera? Abalewi 19:15; Gutegeka kwa Kabiri 1:17; 10:17.

---

c. Muri iki gihe, ni gute abantu bose bari mu nzego z’ubuyobozi bw’itorero bakwiga gushyira mu bikorwa iryo hame? 1Petero 1:17; Abakolosayi 3:25.

---

“Abakunda kandi bakita ku muntu umwe cyangwa babiri, kandi bakabatonesha babangamira abandi, ntibakwiriye gukomeza kuba mu mwanya wabo mu murimo n’umunsi n’umwe. Uko kubogama kutejewe batonesha abantu bamwe bashobora kunezeza ibyo bishimira ku rwego rwo kwirengagiza abandi bafite umutima utaryarya kandi bubaha Imana, ndetse b’agaciro kenshi mu maso Yayo, icyo ni igitutsi ku Mana. Icyo Imana iha agaciro natwe dukwiriye kugiha agaciro. Umurimbo w’ubugwaneza n’umutima utuje niwo Imana iha agaciro gakomeye kurenza ubwiza bw’inyuma, imitako igaragarira inyuma, ubutunzi cyangwa icyubahiro cy’isi.” - *Ibid*, vol 3, p.24.

### 3. KUGIRA INGESO ZIRUSHIJEHO KUBA NZIZA

a. Ni ukuhe gucyaha Yakobo aha abavuga ko ari abizera ku byerekeranye no kurobanura ku butoni hashingiwe ku butunzi bw'abantu, kandi ni ukubera iki ari ikibazo gikomeye cyane? Yakobo 2:6,7.

---

“Imana yahamirije imbere y’abantu n’imbere y’abamarayika ko uri umwana wayo. Saba kugira ngo udasuzuguzwa “izina witirirwa.” (Yakobo 2:7). Imana ikohereza mu isi nk’uyihagarariye. Muri buri gikorwa cyose cyo mu mibereho ukwiriye kugaragaza izina ry’Imana. Uko gusenga kukwingingira kugira imico y’Imana. Ntushobora kuba ha izina ryayo, ntushobora kuyigaragaza mu isi utari wagira ubugingo n’imico by’Imana mu bugingo bwawe no mu mico yawe. Ibyo ushobora kubikora gusa uramutse wemeye ubuntu no gukiranuka bya Kristo.” – *Ibitekerezo byo ku Musozi w’Umugisha*, p.107.

b. Ni mu buryo bumwe rukumbi dushobora kuba abaneshi mu kugaragaza Kristo mu buryo buboneye? Abaroma 2:11; Imigani 23:7.

---

“Wige witonze imico y’Imana n’iy’umuntu, kandi uhore wibaza uti: “Yesu yari gukora iki iyo aza kuba ari mu mwanya wanjye?” Iki nicyo kigomba kuba igipimo cy’inshingano yacu. Ntimukagire aho muhurira n’abantu bagerageza gukoresha amayeri yabo kugirango bace intege umugambi wanyu wo gukora icyiza, cyangwa ngo bashyire ikizinga ku mutimanama wanyu. Ntihakagire ikintu mukorerwa mu bashyitsi [badasanze aho], mu muhanda, mu mamodoka, mu rugo imuhira, cyaba kigaragara nk’ikibi. Kora ikintu buri muni kugirango uteze imbere, wongerere ubwiza kandi uboneze ubugingo Kristo yaguze amaraso Ye bwite.

“Buri gihe jya ukora ukurikije ihame, ntugakore ibivuye mu marangamutima. Turisha uguhubuka biranga kamere yawe ukoresheje ubugwaneza no kugira neza. Ntukagire amagambo adafite ireme cyangwa amanjwe. Ntimukemere na gato ko amagambo yo gusebanya ava mu kanwa kanyu. Ndetse n’ibitekerezo ntibigomba kwemererwa gukoreshwa mu buryo bw’ubusazi. Bigomba gutegekwa, bigafatwa mpiri kugirango byumvire Kristo. Nimutyo bishyirwe ku byera. Ubwo nibwo binyuze mu buntu bwa Kristo, bizatungana kandi bikaba iby’ukuri.

“Dukeneye guhora twiyumvamo imbaraga iboneza y’ibitekerezo bitunganye. Umutekano rukumbi ku muntu uwo ariwe wese, uri mu gutekereza neza.....

“Itoze ingeso yo kuvuga neza abandi. Ujye wibanda ku mico myiza y’abo ushyikirana na bo, kandi urebe gake cyane gashoboka ku makosa yabo n’intege nke zabo.” – *Umurimo wo Gukiza*, p.491,492.

#### 4. KUGIRA IMYITWARIRE IBONEYE

a. Ni iki Ibyanditswe byibandaho cy'ingenzi cyane ku kwizera kwacu kwa Gikristo, kandi ni ukubera iki? Yakobo 2:8.

“Abigisha benshi mu by’idini bemeza bakomeje ko Kristo yakujeho amategeko urupfu Rwe, kandi ko kubw’ibyo abantu batarebwa n’ibyo asaba. Hari bamwe bayafata nk’umutwaro uremereye cyane, maze mu buryo buhabanye n’ububata bwayo, bakigisha iby’umudendezo umuntu abasha kwishimira ari mu butumwa bwiza.

“Nyamara uko si ko intumwa n’abahanuzi bafataga amategeko yera y’Imana. Dawidi yaravuze ati: “Kandi nzagendana umudendezo, kuko njya ndondora amategeko wigishije” Zaburi 119:45. Intumwa Yakobo wanditse nyuma y’urupfu rwa Yesu Kristo, yavuze ku mategeko cumi, ko “atunganye, atera umudendezo.” Yakobo 2:8; 1:25. Kandi umuhishuzi na we, hashize nk’imyaka mirongo itanu nyuma y’urupfu rwa Yesu, yavuze umugisha uzaba ku “bakurikiza amategeko y’Imana, kugira ngo bemerewe kwegera cya giti cy’ubugingo, kandi banyure mu marembo binjire muri rwa rurembo.” Ibyahishuwe 22:14.” - *Intambara Ikomeye*, p.466.

“Igihe umuntu yiyeguriye Kristo, ubwenge bwe buba buri muni y’ubuyobozi bw’amategeko, nyamara itegeko ry’umwami niryo ritan-gaza ko buri mbohe ibohowe. Mu kuba umwe na Kristo, umuntu arabohorwa. Kugandukira ubushake bwa Kristo bisobanuye kugarurwa mu kuba umuntu utunganye.

“Kumvira Imana ni ukugira umudendezo wo kuva mu bubata bw’icyaha, tukavanwa mu bubata bw’amarangamutima no guhubuka by’abantu. Umuntu ashobora guhagarara yitegeka, agategeka imbaraga imurimo imusunikira kugira icyo akora, agatsinda abatware n’abafite ubushobozi, n’abategeka iyi si y’umwijiya, kandi bagatsinda n’imyuka mibi y’ahantu ho mu ijuru.’ Abefeso 6:12.” - *Umurimo wo Gukiza*, p.131.

b. Ni gute ukubogama, kurobanura ku butoni, n’urwikekwe, byangiza mu buryo bubabaje uguhamya Kristo kwacu? Yakobo 2:9.

“Dushobora kuvuga ko turi abayoboke ba Kristo; dushobora kuvu-ga ko twizera ukuri kose kuri mu ijambo ry’Imana, ariko ibyo ntacyo bizamarira umuturanyi wacu keretse ibyo twizera bigaragariye mu mibereho yacu ya buri muni. Umurimo dukora ubasha kuba uwo ku rwego ruhanitse nk’ijuru, ariko ntuzadukiza ubwacu cyangwa bagenzi bacu keretse tubaye Abakristo. Urugero rukwiriye ruzakora byinshi bi-zagirira abatuye isi umumaro kuruta ibyo tuvuga byose.” - *Imigani ya Kristo*, p.383.



## 5. KWIGISHANYA UBWENGE MU BURYO BURANGWAMO IMPUHWI

a. Ni iki dukwiriye kuzirikana mu gushyigikira amategeko y'Imana twebwe ubwacu tuyereze - mu gihe uku kuri tugusangiza abo mu gihe kizakurikiraho? Umubwiriza 11:9; 12:13,14; Yakobo 2:10 - 13.

“Urubwiruko rufite kamere umuntu avukana yo gukunda umudendezo. Bifuzwa ubwigenge; kandi bakeneye gusobanukirwa ko icyo migisha itagira akagero yishimirwa gusa igihe umuntu yumvira amategeko y'Imana. Aya mategeko niyo arinda umudendezo n'ubwigenge nyakuri. Amategeko atungurururukiye kandi akabuzanya ibintu bisigingiza umuntu kandi bikamugira imbata, bityo kubwo kuyumvira akarinda umuntu imbaraga z'ikibi.

“Umunyabari aravugaga ati: “Kandi nzagenda umudendezo, kuko nya ndondora amategeko wigishije.” “Kandi nzishimira ibyo wahamije, nibyo bingira inama.” Zaburi 119:45,24.

“Mu muhati tugira wo gukosora ikibi, tugomba kwirinda gushaka amakosa ku bandi cyangwa kujora abandi. Guhora ujora umuntu umunenga bituma ayoberwa icyo aya n'icyo aya nyamara ntibimugorore. Ku bantu benshi, cyane cyane abarakazwa n'ubusa, umwuka wo kubajora utarangwamo kwifatanyana na bo no kubabarana na bo utuma bacika intege. Muzirikane ko uburabyo budashobora kubumbura mu gihe cy'umuyaga utarimo amahumbezi....

“Umugambi nyakuri wo gucyaha ugerwaho gusa igihe uwakoze ikibi ubwe abashishijwe kubona ikosa rye kandi umutimanama we ukiyemeza kurikosora. Igihe ibi bigezweho, ereka uwo muntu isoko y'imbabazi n'imbaraga. Shaka uko wabungabunga ukwiyubaha k'uwu muntu ntiguhungabane kandi umwongeremo ubutwari n'ibyiringiro.

“Uyu murimo [w'uburezi] niwo murimo mwiza uhebuje indi yose, ni nawo kandi ukomeye cyane kurenza indi mirimo yahawe abantu. Uyu murimo usaba gukoranwa ubwitonzi n'ubushishozi bukomeye, ugasaba ubwitonzi no kwiyoroshya cyane, kumenya kameremuntu, kandi uwukora akarangwa no kwizera no kwihangana bikomoka mu ijuru, afite ubushake bwo gukora, kuba maso no gutegereza. Ni umurimo utagira uwurusha kuba ingirakamaro.” - *Ubuzezi*, p.291,292.

## Kuwa Gatandatu

## 01 Ugushyirahamwe

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Mu gihe nshobora kuba ntafite byinshi, ni iki kwiriye gusobanukirwa ku bandi bafite bike cyane?
2. Ni gute byoroshye kugira ukubogama buhumyi cyangwa gukeka ibibi abantu runaka?
3. Ni gute ibyitegererezo byacu by'imitekerereze bigira ingaruka ku kuntu dufata abantu nk'abo?
4. Ni ukubera iki amategeko y'Imana yiswe amategeko atera umudendezo?
5. Sobanura inyifato tugomba kugira mu kwigisha abantu bafite ibitekerezo by'ubuyobe.

# Ukwizera mu Bikorwa

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Wa muntu utagira umumaro we, ntuzi yuko kwizera kutagira imirimo ari impfabusa?” (Yakobo 2:20).

“Nubwo imirimo myiza itazakiza n’umuntu umwe, nyamara nti-bishoboka ko hagira n’umuntu umwe ukizwa hatabayeho imirimo myiza.” – *Kwizera n’Imirimo*, p.111.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Inyandiko za Kera*, p.226 – 228; 269 – 273.

*Kuwa Mbere*

03 Ugushyingo

## 1. UKWIZERA N’URUGERO

a. Ni ukubera iki ari ingirakamaro cyane kugirango tubeho mu buryo buhamanya byuzuye n’ukwizera tuvuga ko dufite? 1Abakorinto 4:9; 1Yohana 5:3; Yakobo 2:14.

“Nimutyo he kugira umuntu n’umwe wibeshya yizera ko ashobora kuba uwera mu gihe yica nkana kimwe mu byo Imana isaba. Gukora icyaha ukizi bicekesha ijwi rihamya ry’Umwuka Wera maze bigatandukanya umuntu n’Imana.” – *Intambara Ikomeye*, p.472.

“Ubuhamya bw’imibereho y’umuntu butangariza ab’isi niba ari umunyakuri cyangwa se ko atari we ku kwizera avuga ko afite. Imyitwarire yawe itesha agaciro amategeko y’Imana mu maso y’incuti zawe zo mu isi. Irababwira iti: ‘Mushobora kumvira amategeko cyangwa ntimubishobore. Nizera ko amategeko y’Imana, mu buryo runaka, ategeka abantu, ariko kandi nyuma y’ibyo byose, Uwitwiteka ntashishikazwa n’iyubahirizwa ry’ibivugwa na yo, kandi kuyacumura bya hatu na hatu ntabwo umuntu uwiteka ahana [umuntu] mu buryo bukomeye.’

“Benshi batanga urwitwazo rw’uko batubahirije Isabato bifashishije urugero rwanyu. Bavuga ko niba umuntu mwiza nk’uwo, wizera ko umunsi w’urundi ari Isabato, ashobora gukora imirimo y’isi kuri uwo munsi mu gihe uko ibintu bimeze bisa nk’aho bibimusaba, rwose nta kabuza ko na bo bashobora kubigenza batyo badaciriweho iteka. Abantu benshi bazagusanga mu rubanza, maze icyitegererezo wabababwiraho bakigire urwitwazo rwo gusuzugura amategeko y’Imana kwabo. Nubwo ibyo bitazaha imbabazi icyaha cyabo, nyamara bizakubwira amagambo yo kukurwanya mu buryo buteye ubwoba.” – *Ibihamya by’Itorerero*, vol 4, p.250.

## 2. IJURU N'ISI BIRI KWITEGEREZA

a. Ni uruhe rugero Yakobo atanga kugirango agaragaze uburyarya bwo kuvuga gusa udakora? Yakobo 2:15 - 17.

---

“Ikibwirizwa kirangwamo ubushizi bw’amanga kuruta ibindi byose gishobora kubwirizwa ku mategeko icumi, ni ukuyakurikiza. Kumvira bigomba kuba inshingano y’umuntu ku giti cye. Kwirengagiza iyi nshingano ni icyaha cyo kwihandagaza. Imana iduha inshingano, atari ukugirango twebwe ubwacu twizere gusa ko tuzabona ijuru, ahubwo ari no kugirango twumve ko dufite inshingano idakuka yo kwereka abandi inzira, kandi binyuze mu kwita ku bandi n’urukundo ruzira ubwikanyize tubagaragariza, tuyobore kuri Kristo abantu bakururwa n’icyitegererezo dutanga. Kuba imibereho ya benshi bavuga ko ari Abakristo itarangwa n’ihame na rimwe, biteye ubwoba. Ugusuzugura amategeko y’Imana kwabo bica intege abantu bemera ukwera kw’ibyo avuga kandi bikabateshura ku kuri bari kuba barakiriye.” - *Ibhamya by’Ilorero*, vol 4, p.58.

b. Mbese kwizera Kristo bya nyabyo bisobanuye iki mu by’ukuri? Yakobo 2:18; Matayo 6:24.

---

“Imana yaravuze, kandi ivuga ko umuntu agomba kuyumvira. Ntabwo ibaza niba bikwiriye ko umuntu yakumvira. Ntabwo Umwami w’ubugingo n’icyubahiro yigeze agisha inama ibimubereye byiza cyangwa se ibimushimishije igihe yasigaga intebe ye mu ijuru maze agahinduka umunyamibabaro wamenyereye intimba, akemera gukozwa isoni ndetse n’urupfu kugirango akize umuntu ingaruka zo kutumvira kwe. Ntabwo Yesu yapfuye ngo akirize umuntu mu byaha bye, ahubwo yapfuye ngo amukize amukure mu byaha. Umuntu agomba kureka ubuyobe bwo mu nzira ze, agakurikiza urugero rwa Kristo, akikorera umusaraba we, akamukurikira, akiyanga kandi akumvira Imana icyo byaba bimusaba cyose.....

“Niba turi abagaragu b’ukuri b’Imana, ntitugomba gushidikanya mu bwenge bwacu niba tuzumvira amategeko Yayo cyangwa niba tukurikiza inyungu zacu bwite z’akanya gato [muri iyi si]. Niba abizera ukuri badakomezwa n’ukwizera kwabo muri iyi minsi y’amahoro ugereranyije, ni iki kizabakomeza igihe ikigeragezo gikomeye kizabageraho n’igihe hazatangwa itegeko rirwanya abantu bose bafazaramya igishushanyo cy’inyamaswa ndetse ntibashyirweho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwabo cyangwa mu kiganza cyabo? icyo gihe gikomeye ntabwo gishyize kera. Aho kugirango abagize ubwoko bw’Imana baci-ke intege kandi bateshuke, bagomba gusuganya imbaraga n’ubutwari byo guhangana n’igihe cy’amakuba.” - *Ibid*, p.250,251.

### 3. KWIGIRA KURI ABURAHAMU

a. Ni iyihe mibereho y'iby'umwuka idakwiriye tuburirwaho bikomeye? Yakobo 2:19.

“Abantu benshi bahamya ko Yesu Kristo ari Umukiza w'abari mu isi, nyamara kandi bakaguma kure ye, bakananirwa kwihana ibyaha byabo, ntibashobore kwemera Kristo nk'Umukiza wabo bwite. Kwizera kwabo kugarukira ku kwemera ukuri mu bitekerezo byabo no mu bwenge; ariko ukuri ntikugera mu mutima, ngo gushobore kweza ubugingo no guhindura imico.” - *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p.389,390.

“Mushobora kwizera ukuri kose, nyamara niba amahame yako adashoboye mu mibereho yanyu, ibyo muvuga ntibizabakiza. Satani arizera, ndetse agahinda umushyitsi. Arakora. Azi ko igihe cye ari gito, kandi yaje mu isi afite imbaraga zikomeye zo gukora imirimo ye mibi akurikije ukwizera kwe. Nyamara abavuga ko ari ubwoko bw'Imana ntabwo bakora imirimo ishyigikira ukwizera kwabo. Bizera ko igihe ari kigufi, nyamara bakagundira cyane iby'isi nk'aho isi isigaye iyindi myaka igihumbi uhereye ubu.” - *Ibihamya by'Itorero*, vol 2, p.161.

b. Ni gute dushobora guterwa ubutwari n'urugero rwa Aburahamu? Abaroma 4:1 - 3; Yakobo 2:20 - 22.

“Aburahamu yizeraga Imana. Ni gute twamenya ko yizeraga? Imirimo ye niyo yahamije imiterere y'ukwizera kwe, kandi ukwizera kwe kwatumye abarwaho gukiranuka.

“Dukeneye ukwizera kwa Aburahamu muri iki gihe cyacu, kugirango kumurikire mu mwijima utugose, kurabagirane umucyo w'izuba ryiza ry'urukundo rw'Imana, ndetse kunamurikire imikurire y'iby'umwuka yagwingiye.... Buri nshingano yose isohojwe, buri bwitange bwose bukoze mu izina rya Yesu, buzana ingororano irushijeho gukomera. Imana ivugira kandi igatanga umugisha Wayo muri buri ugusohozwa inshingano.” - *Ellen G. White, Ubusobanuro bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 7, p.936.

“Abantu batsindishirizwa kubwo kwizera, ariko bacirwa urubanza kandi bagahabwa ingororano hakurikijwe imirimo yabo.” - *Ibimenyetso by'Ibihe*, kuwa 20 Ugushyingo 1884.

“Gukiranuka kwa Kristo kugizwe n'ibikorwa byiza n'imirimo myiza bituruka ku mpamvu ziboneye kandi zitarangwa n'inarijye.” - *Ibihamya by'Itorero*, vol 3, p.528.

“Gukurikiza amategeko y'Imana bidusaba kugira imirimo myiza, kwiyanga, kwitanga no kwitangira gukorera abandi ibyiza; bitavuze ko imirimo yacu myiza gusa ishobora kudukiza, ahubwo ko mu by'ukuri tudashobora gukizwa ngo tubure imirimo myiza. Nitumara gukora ibyo dushoboye gukora byose, nibwo tugomba kuvuga tuti: Ntabwo twakoze ibirenze inshingano yacu, turi abagaragu b'imburamumaro, badakwiriye kugirirwa ubuntu na buke n'Imana. Kristo agomba kuba gukiranuka kwacu n'ikamba ryo kwishima kwacu.” - *Ibid*, p.526.

#### 4. AMAGAMBO ATERA UMWETE

a. Sobanura uburyo icyitegererezo cy'imibereho ya Aburahamu kigomba kugaragarira mu mibereho yacu ubwacu nk'abizera Kristo. Itangiriro 26:5; Yakobo 2:23,24.

---

“Imirimo myiza ni imbuto zo kwizera. Mu gihe Imana ikorera mu mutima kandi umuntu akegurira ubushake bwe Imana, agafatanyaye nayo, agaragarira mu mibereho ibyo Imana ikorera imbere muri we binyuze mu Umwuka Wera, bityo hakabaho guhuza hagati y'imigambi y'umutima n'imikorere yo mu mibereho. icyaha cyose kigomba kwangwa nk'ikintu cyabambishije Umwami w'ubugingo n'icyubahiro kandi umwizera agomba kugira imibereho ikura binyuze mu gukomeza gukora imirimo ya Kristo. Umugisha wo gutsindishirizwa ukomezwe mu muntu kubwo gukomeza kwegurira Imana ubushake no kuyumvira guhoraho.

“Abantu batsindishirijwe ku bwo kwizera bagomba kugira umutima ugendera mu nzira y'Uwitaka. Ni igihamba cyuko umuntu adakiranuka kubwo kwizera igihe imirimo ye idahuye n'ibyo avugaga ko yizera. Yakobo aravugaga ati: “Ubonye yuko kwizera kwafatanije n'imirimo ye, kandi ko kwizera kwe kwatunganyijwe rwose n'imirimo ye.” (Yakobo 2:22)

“Kwizera kudafite imirimo myiza ntigutsindishiriza ubugingo.” - *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p.397.

b. Ni ukubera iki abantu bose bahamiriza abapagani muri iki gihe bashobora guterwa umwete n'uburyo Rahabu, wari indaya, avugwa nk'umuntu Imana yatsindishirije? Yakobo 2:25; Abaheburayo 11:31.

---

“Muri Yeriko yari yarakabije ubugome, ubuhamba bw'umugore w'umupagani bwabaye ubu ngo: “Imana yanyu ni yo Mana yo hejuru mu ijuru no hasi mu isi.” Yosuyu 2:11. Kumenya Uwitaka kwari kwaramugezeho muri ubwo buryo, kwaramukijije... Kandi guhinduka kwa Rahabu si we wenyine kwabayeho nk'ikimenyetso cy'imbabazi Imana yagiriye abasengaga ibigirwamana bemeye ubutware bwayo.” - *Abahanuzi n'Abantu*, p.369.

“Nk'uko byagendekeye Rahabu, Umunyakananikazi cyangwa Rusi, Umumowabukazi, abantu bose baretse kuyoboka ibigirwamana maze bakaramya Imana nyakuri bagombaga kwifatanyaye n'ubwoko Bwayo bwatoranyijwe.” - *Imigani ya Kristo*, p.290.

“Mu mijyi yacu hari umurimo ukomeye ugomba gukorwa, kandi imirima yose ireze kugirango isarurwe. Tuzahamagarirwa kwerekeza ibitekerezo byacu muri buri cyerekezo, kubera ko abantu bihannye bo mu bihugu bya Gikristo n'ibya gipagani bazarangurura amajwi yabo basaba ubufasha. Ntihakwiriyeye kubaho n'akantu na gato ko kuzamura inarujye, uburinzira bwanyu rukumbi buri mu kwiringira Imana.” - *The General Conference Bulletin*, April 1, 1895.

## 5. IMFUNGUZO ZO GUTSINDA

a. Sobanura uburyo dushobora kubonera insinzi muri Kristo. Yakobo 2:26; 2Petro 1:3,4.

“Ni ingenzi cyane kwizera Kristo ndetse no kwizera ko ari we ugukiza; ariko hari ingorane zo kwemeranya n’abantu benshi bavuga bati: “Ndakijijwe.” Benshi baravuze bati: “Ugomba gukora imirimo myiza kugira ngo ubeho”; ariko hatari Kristo nta n’umwe ushobora gukora imirimo myiza. Benshi muri iki gihe baravugaga bati: “wizere, wizere gusa uzabaho.” Kwizera n’imirimo biragendana, kwizera no gukora birasobekeranye. Ibyo Uwitwaga asaba umuntu muri iki gihe ntaho bitaniye n’ibyo yasabaga Adamu muri paradizo mbere yuko acumura — Kumvira byuzuye no gukiranuka kudafite ikizinga. Ibi sabwa n’Imana mu gihe cy’isezerano ry’ubuntu ni bimwe n’ibyasabwaga n’Imana muri paradizo — bihwanye n’amategeko yayo yera, akiranuka kandi meza. .... Ntihakagire n’umwe wibeshya ngo ashukwe n’umutima wa kame-re umubwira ko Imana izareba ko umuntu atari indyarya, kandi itazita ku ku-reba uko kwizera kumeze, ntiyite ku kutabonera ko mu mibereho; ahubwo, Imana ishaka ko abana Bayo bagira kumvira gutunganye.

“Kugira ngo habeho kuzuzwa ibyo amategeko asaba, kwizera kwacu kugomba gusingira gukiranuka kwa Kristo kukagufata nko gukiranuka kwacu. Binyuze mu komatana na Kristo no kwemera gukiranuka kwe kubwo kwizera, tubasha gukora imirimo y’Imana dufatanyije na Kristo. Niba wumva ushaka gutembanwa n’umuraba w’ikibi, ukaba udashaka kwemera gufatanya n’intumwa z’ijuru mu kurwanya icyaha mu muryango wawe, no mu itorero, kugira ngo gukiranuka guhoraho gushobore kwimikwa, nta kwizera ufite. Kwizera gukorera mu rukundo kandi kugatanganya ubugingo. Binyuze mu kwizera, Umwuka Wera akorera mu mutima kugira ngo arememo ubutungane; ariko ibi ntibishobora kugerwaho keretse habayeho ubufatanye hagati y’umuntu na Kristo. ... Kugira ngo tubone gukiranuka kwa Kristo, dukeneye buri muni guhindurwa n’imbaraga ya Mwuka, no kuba abasangiye kamere n’Imana.” — *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p.373,374.

## Kuwa Gatandatu

## 08 Ugushyingo

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Mu kuvuga ko nitondera amategeko y’Imana, ni iki nkwiye gusobanukirwa ku cyitegererezo ntanga?
2. Ni iki Ijuru risaba abizera b’Abakristo?
3. Ni ukubera iki Aburahamu ahora afatwa nka sekuruza w’abizera?
4. Mu bo tuziranye, ni nde washoboye kugira iherezo nk’irya Rahabu wahindutse akihana?
5. Ni gute ngomba kugira imibereho ya Gikristo inesha?





## 2. KWIMENYEREZA KUGIRA INYIFATO IRUSHIJEHO KUBA NZIZA

a. Ni ukuhe gucyahwa kudakebakeba guhabwa abantu bagirira ubukana abandi mu gihe banze kwemera amakosa yabo bwite? Umubwiriza 7:20; Yakobo 3:2 (ahabanza).

“Mbese ntimuzasobanukirwa intege nke zanyu bwite maze ngo mwambare intwaro zose zo gukiranuka? Mbese ntimuzaba maso ndetse ngo mugenzure imitima zanyu n’imyitwarire zanyu n’amagambo zanyu nkuko mugenzura iby’abandi, kugirango Imana idasuzugurwa n’ukuri Kwayo kutagaragazwa nabi? Ubushishozi bwawe bwarushaho gukomera uramutse ubikoze. Ukuri, ariryo jambo rizima, kwaba nk’umuriro ugurumanira mu magufwa yawe, ukamurika mu buryo butangaje kandi budashidikanywaho, ukagaragariza Kristo ab’isi....

“Mbese nta n’umwe muri abo bantu bigize abagenzacyaha bo kubona ko imyifatire yabo yagaragazaga ko bashakaga kuba abategets bakomeye? Mbese amaso yabo y’umwuka areba neza ari he? Ni kuki bashobora kubona agatotsi kari mu jisho rya bene se ariko ntibabone umugogo uri mu jisho ryabo?” – *Ibihamya ku Bagabura*, p.295,296.

b. Ni iki cyerekana ko umuntu yageze ku rugero rw’ubutungane bw’imicombonera, kandi ni ubuhe buryo rukumbi ibi bishoboka? Yakobo 3:2; 1Abakorinto 13:5 (ahajya guheruka).

“Ahantu ururimi rudahwitse rubonye umwanya wo gukora umurimo warwo wanduye, umunezero w’Uwitwaka ntushobora kuhaguma.

“Nimutyo abantu bagira urwikekwe, batekereza kandi bakavuga nabi abavandimwe babo, bibuke ko bari gukora umurimo usuzuguritse wa Satani. Nimureke buri mwizera wese w’itorero akorane umwete, kandi asenge asaba ubufasha, kugirango akize urugingo rurwaye, arirwo rurimi. Reka buri wese yumve ko ari inshingano ye n’ihirwe rye kwirengagiza udukosa duto twa hatu na hatu n’ibigamije kumutandukanya n’abandi; atiriwe agira icyo abivugaho. Ntukibande cyane ku makosa yoroheje umuntu runaka yakozze, ahubwo ujye utekereza ku byiza bimuranga. Buri gihe iyo umuntu atekereje kuri ayo makosa kandi akayaganiraho, agenda arushaho kuba manini. Mu kanunga gato havamo umusozi. Ibyo bituma umuntu yumva aguwe nabi kandi akabura icyizere.” – *Australasian Union Conference Record*, April 15, 1903.

“Girana isezerano n’Imana ry’uko uzarinda amagambo yawe. ‘Umuntu wese udacumura mu byo avuga aba ari umuntu utunganye rwose, yabasha no gutegeka umubiri we wose.’ Yakobo 3:2. Wibuke ko amagambo yo kwihorera atazigera atuma umuntu yumva ko yatsinze. Reka Kristo avugire muri wowe. Ntukabure umugisha uturuka mu kutekereza ikibi.” – *Ibihamya by’Itorero*, vol 7, p.243.

### 3. BITANGIRIRA MU MIZI

a. Erekena icyerekezo kibi dukurikira igihe tugize inzika kandi usobanure uburyo bumwe rukumbi twabyirinda. Abaheburayo 12:15; Yakobo 3:3 - 5.

“Wakomeje kurakarira umugabo wawe n’abandi bagukoshereje, ariko wananiwe kumenya aho wakoze amakosa maze ibintu birushaho kugirwa bibi cyane n’imigirire yawe mibi. Umutima wawe warakajwe n’abagucumuyeho, kandi ibyiyumvo byawe byagiye bigaragarira mu bitutsi no kugaya abandi cyane. Ibi bishobora guha ihumure umutima wawe uremerewe ry’ako kanya, ariko byasize inkovu y’igihe kirekire ku bugingo bwawe. Ururimi ni urugingo ruto, nyamara warumenyereje kurukoresha nabi kugeza ubwo ruba umuriro ukongora.

“Ibyo byose byagiye bigira ingaruka ku iterambere ryawe ry’iby’umwuka. Ariko Imana ibona uburyo bikugoye kugirango ube uwihangana n’ubabarira, kandi izi uburyo bwo kubabarira no gufasha. Igusaba kuvugurura imibereho yawe, no gukosora inenge zawe z’imico. Yifuza ko umutima wawe ushikanye, utanambuka, ugomba koro-shywa n’ubuntu Bwayo. Ugomba gushaka ubufasha bw’Imana, kuko ukeneye amahoro n’ituze mu cyimbo cy’invururu n’amakimbirane. Idini rya Kristo rigusaba kwirinda gutwarwa n’amarangamutima, ahubwo ukarushaho gutwarwa n’ubwenge bwejewe ndetse no gushyira mu gaciro kurangwamo umutuzo.” - *Ibihamya by’Itorerero*, vol 4, p.139.

b. Ni iki dukwiriye kumenya cyerekeranye n’amagambo tuvuga? Yakobo 3:6.

“Amagambo yawe azavuga aho ubutunzi bwawe buri n’ibikorwa byawe biherekane.” - *Ibid.*, vol 1, p.698,699.

“Mushiki wacu F akoresha n’ibyo yiyumvisemo uwo mwanya, maze akabona amafuti y’abandi, kandi yagiye avuga amagambo menshi arwanya bene data na bashiki bacu. ibi bitera urujijo mu itorerero iryo ariryo ryose.” - *Ibid.*, vol 2, p.51.

“Nimutyo abishimira amagambo yoye gusebanya no kubeshyera abagaragu ba Kristo bibuke ko Imana ari umuhamba w’imirimo yabo. Kurangwa n’ibinyoma kwabo ntibisuzuguzwa ibikoresho bitagira ubugingo, ahubwo bisuzuguzwa abo Kristo yaguzwe amaraso Ye. Ikiganza cyandikaga inyuguti ku nkuta z’ingoro ya Belushazari kiracyakomeje kwandikana ubudahemuka buri gikorwa cyose cy’urugomo no gukandamiza gikorewe ubwoko bw’Imana.” - *Ibid.*, vol 5, p.244,245.

#### 4. KABONE NUBWO BYABAHO KUGIRANGO BISHIMANGIRE UKURI...

a. Ni ayahe mararika akomeye adukebura ku byerekeranye n'imbaraga idukururira kwita ku bisanzwe byo muri [iki] gihe cyacu? Zaburi 15:1-3; 1Abakorinto 13:6.

“Ururimi rwishimira amahane, ururimi rumena ibanga ruvuga ruti: Bivuge, nanjye nzabivuga, intumwa Yakobo ivuga yuko rukwiriye gukongezwa na geginomu. Rukwiza inkwi zigurumana umuriro ahantu hose. Umucuruzi w'amazimwe usebya utariho urubanza yitaye ku ki? Ntazareka umurimo we mubi nubwo yatsemba ibyiringiro n'ubutwari mu bamaze kurambarara muni y'imitwari yabo. icyo yitaho gusa ni ukubera abandi ikigusha. Ndetse n'abitwa Abakristo bahumiriza amaso yabo ngo batareba ibyera, ibyo kwizerwa, ibishimwa n'iby'igikundiro, maze bakikomereza ibifutanywe n'ibigayitse, kandi bakabyamamaza mu isi.

“Mwebwe ubwanyu mwafunguriye Satani amarembo kugirango yinjire. Mwamuhaye umwanya w'icyubahiro mu bugenzacyaha bwanyu cyangwa mu manama yanyu yo guhana abatamera inyigisho zanyu. Ariko nta cyubahiro mwagaragaje ku byerekeranye n'imico myiza yashinze imizi mu muntu mu gihe cy'imyaka myinshi yamaze ari indahemuka. Indimi zirangwa n'ishyari no kwihorera, zashushanyaga ibikorwa n'impamvu zitera umuntu kubikora kugirango zihuze n'ibitekerezo byazo bwife. [Izo ndimi] iby'umukara zabigize umweru, n'umweru umukara. Igihe harwanywaga amagambo yazo, bamwe baravuze bati: “Ni ukuri.” Mbese kwemeza ko ibintu byavuzwe ari ukuri, nibyo byatsindishiriza imigirire yawe [ko kwiriye]? Oya, siko biri. Iyo Imana iza gufata ibintu babareze nk'aho ari ukuri, maze ikabishingiraho mu kubahana, inguma zanyu zari kuba zikomeye cyane kuruta icyo mwateje umvandimwe [wanyu].... Ndetse n'ingingo zifatika zishobora kuvugwa mu buryo butuma abantu bumva ibintu uko bitari. Nta burenganzira mufite bwo gukusanya buri nkuru yose imushinja, no gukoresha izo nkuru mu kumuharabika no konona ingeso ze kugeza ubwo aba imburamumaro. Iyo Uwitwaga akugaragariza umwuka nk'uwo wowe wagaragarije mwene so, uba wararimbutse nta mbabazi. Mbese nta kwicuza na guke ufite mu mutimanama wawe? Ndatinye ko ntako. Igihe ntikiragera kugirango uyu mwuka wa Satani utakaze imbaraga zawo. Niba mwene data... yarabaye ibyo byose uvuga ko ari byo – kandi nzi ko atari ko ameze, imigirire yawe izakomeza kuba idakwiriye.

“Igihe twumvise umvandimwe wacu atutswe, twishyiraho icyo gitutsi... [Zaburi 15:1 - 3].” - *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.57,58.

b. Ku byerekeranye n'ibyaha birindwi byavuzwe ko ari ibizira ku Uwitwaga, ni bingahe biboneka mu magambo yacu? Imigani 6:16 - 19.

## 5. INTWARO IKOMERETSA

a. Ni gute kandi ni ukubera iki dukwiriye kwirinda ingeso yabaye gikwira yo kuvuga abandi ibinyoma [uko batari]? Yobu 6:24; Imigani 11:13; 26:20 - 22.

“Mbega ukuntu amagambo y’amanjwe yakumirwa, iyaba umuntu wese abashije kwibuka yuko abamubwira ibicumuro by’abandi bazabasha kuvuga ibye mu gihe bazaba babibonye! Abantu bose dukwiriye guhirimbana kubatekereza ho ibyiza, cyane cyane abavandimwe bacu mu kwizera, kugeza ubwo duhatirwa gutekereza ibinyuze indi nzira. Ntidukwiriye kwemera vuba amakuru y’ibibi tubwiwe. Ibyo akenshi biterwa n’ishyari cyangwa kudasobanukirwa, cyangwa bishobora guturuka ku gukabya cyangwa ku kumenya agace gato k’ibyabaye. Iyo ishyari no gushidikanya bihawe akito, bikwira hose vuba nk’igitovu. Niba mugenzi wawe ayobye, nibwo uba ubonye umwanya wo kugaragaza urukundo nyakuri umufitiye. Musangane ineza, usabire hamwe na we kandi umusengere, wibuka igiciro gihoraho Kristo yatangiye kumucungura. Ni muri ubwo buryo ushobora gukiza ubugingo urupfu, kandi ugahisha ibyaha byinshi.

“Kwica ijisho, ijamba rimwe, ndetse uburyo ijwi rivuga; bishobora kubamo ibinyoma bikomeye, bikinjira mu mutima nk’umwambi w’ingobe, bigatera igikome-re kidakira. Uko niko gushidikanya, n’umugayo bishobora gushyirwa ku muntu Imana yabashije gukoresha umurimo mwiza, nuko imigirire ye myiza ikanduzwa, kuba ingirakamaro kwe kukangizwa. Hariho inyamaswa zimwe, iyo imwe muri zo ikomerekejwe ikitura hasi, izindi nyamaswa zene wabo ziyiraraho zikayitanyaguza. Bene uwo mutima ugirwa n’abagabo n’abagore bafite izina ry’Abakristo. Bagaragaza ishyaka rya gifarisayo ryo gutera amabuye abandi bafite ibicumuro bike ku byabo. Hariho bamwe berekana ibicumuro n’ibidakwiriye abandi bakoze ngo bahuze abantu be kureba ibyabo, cyangwa se ngo bereke abandi ishyaka rikomeye bagirira Imana n’itorero.” - *Ibihamya by’itorero*, vol 5, p.58,59.

“Igihe gikunze kuba kibi cyane kurusha icyo umuntu apfusha ubusa mu bu-  
nebwe, mu biganiro by’amanjwe, mu magambo yo kunenga no kunegura, kigom-  
ba gukoreshwa mu migambi ihanitse kandi myiza cyane.” - *Ibid*, p.176.

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Ni ukubera iki ngomba gucecekesha imbaraga intera kwerekana uko ntekereza buri kintu cyose?
2. Vuga ikintu cy’ingenzi cyane kiranga imico isa nk’iya Kristo, gihora cyirengagizwa.
3. Igihe duharabitse abizera bagenzi bacu imbere y’abandi, harya Imana yo ibibona ite?
4. Mbese ni iki nkeneye kwigira kuri Zaburi ya 15, kandi ni ukubera iki ari ingirakamaro?
5. Ni gute nshobora kugwa mu cyaha cyo kubiba amacakubiri muri bene data, kandi ni ukubera iki nkwiriye kubihagarika?

# Guhitamo ibyo Gutekerezaho

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Mwabasha mute kuvuga amagambo meza muri babi? Ibyuzuye mu mutima ni byo akanwa kavuga.” (Matayo 12:34, hagati).

“Senga mbere yuko uvuga, kandi abamarayika bo mu ijuru baza bagufashe, maze basubize inyuma abamarayika bajyaga kugutera gukoza Imana isoni, ugashyira umugayo ku murimo Wayo, ndetse ugaca intege ubugingo bwawe.” – *Ibihamya by’Itorerero*, vol 2, p.82.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibitekerezo byo ku Musozi w’Umugisha*, p.125 - 129.

**Kuwa Mbere**

17 Ugushyingo

## 1. UMUTI UVURA UBUROZI

a. Igihe tugoswe n’abantu bafite ingeso yo kuvuga menshi, ni ubuhe butumwa bw’Imana kuri twe, kabone nubwo twaba turi hagi y’ibyo byose? Yakobo 3:7,8; Abaheburayo 10:38.

“[Mwene data J] agirirwa impuhwe n’abamarayika bo mu ijuru, kuko agoswe n’umwijima. Amatwi ye ahora yumva amagambo y’ukutizera n’amagambo y’umwijima. Buri gihe aba afite ugushidikanya no gukemanga ibimushyizwe imbere. Ururimi ni isi yo gukiranirwa. Ururimi nta muntu wabasha kurumenyereza rwose, ni ububi budatuza, rwuzuye ubusagwe bwica’. Iyo mwene data J akomeza kwizirika ku Mana ubutadohoka, kandi akumva ko agomba gushikama mu budahemuka bwe imbere y’Imana, kabone n’iyo byamusaba guhara ubuzima bwe, yari guhabwa imbaraga zivuye mu ijuru. Naramuka yemeye ko ukwizera kwe gukorwaho n’umwijima n’ukutizera kumugose, ugushidikanya no guhinyura no kuvuga menshi; ntazatinda kuba mu mwijima wose, mu gushidikanya no kutizera, kandi ntazaba afite umucyo cyangwa imbaraga mu kuri.

“Ntabwo akwiriye gutekerezaho ko we ubwe azabyoroshya kubwo gushaka gufatanywa n’incuti ze, ba bandi barakazwa n’ukwizera kwacu bakakurwanya. Niba afite intego imwe yo kumvira yo kumvira Imana ku cyo byamusaba cyose, azagira ubufasha n’imbaraga. Imana ikunda kandi igirira impuhwe mwene data J. Imana izi buri mpungenge, buri rucantegere, na buri mvugo ikarishye. Ibyo byose [Imana] irabizi. Naramuka yiyambuye ukutizera kwe, maze agahagarara mu Mana ubutadohoka, ukwizera kwe kuzakomezwa no kugushyira mu bikorwa.” – *Ibihamya by’Itorerero*, vol 4, p.236,237.



## 2. INGINGO IKOMEYE CYANE

a. Byanditswe bite ku magambo y'ibinyoma n'ateranya, kandi ni ukubera iki dukwiriye gusenga kugirango dutsinde muri iyi mimerere y'ubuzima? Zaburi 5:8 - 10.

---

“Ubushobozi bwo kuvuga ni imwe mu mpano zikomeye Imana yahaye umuntu. Ururimi ni ururingo ruto, ariko amagambo ruvuga, ayo ijwi risohora, afite imbaraga ikomeye. Uwitwaga aravugaga ati: ‘Ururimi nta muntu wabasha kurumenyereza rwose, ni ububi budatuzwa, rwuzuye ubusagwe bwica’. Rwatumye ishyamba rirwanya irindi shyamba, kandi nirwo rwateye intambara no kuvusha amaraso. Amagambo yakongeye inkongi y’umuriro ku buryo byagiye bigorana kuwuzimya. Kandi na none amagambo yazanye umunezero n’ibyishimo mu mitima ya benshi. Ndetse igihe amagambo avuzwe bitewe n’uko Imana igira iti: ‘Babwire amagambo yanjye’, akenshi atera agahinda gashesha ukwihana.

“Impano yo kuvuga ituma uyifite agira inshingano ikomeye. Igoomba kurindanwa ubwitonzi, kuko ifite imbaraga ikomeye yo gukora ikibi, nk’uko ifite n’iyo gukora icyiza.” - Ellen G. White, *Ubusobanuro bwa Bibiliya bw’Abadiyentisiti b’Umunsi wa Karindwi*, vol 3, p.1142.

“Igihe ugeragereshejwe kugamburura bitewe n’ururingo rutagira rutangira; uzirikane ko marayika wandika raporo yandika buri jambo ryose. Byose byandikwa mu gitabo, kandi nibidahanagurwa n’amaraso ya Kristo, ugomba kuzongera ugahura na byo. Ubu raporo ufite mu ijuru irimo ibizinga. Kwihanira imbere y’Imana udafite uburyarya kuze-merwa. Igihe uri hafi yo kuvuga ubitewe n’uburakari, bumba umunwa wawe. Ntukavuye ijamba na rimwe.” - *Ibihamya by’Itorero*, vol 2, p.82.

b. Sobanura uburyo amagambo yacu agaragaza ibyo dutekereza n’abo turi bo. Yeremiya 17:9; Matayo 12:33 - 37; 14:6 - 8.

---

“Uko ikiganiro gitambuka bigaragaza ubutunzi buri mu mutima. Ikiganiro gisanzwe, kandi kitagira agaciro, amagambo yo gushyeshya n’ayo gusebanya arangwamo ubupapfa, avugwa kugirango abantu baseke, ni igicuruzwa cya Satani; kandi abantu bose bishōra muri iki kiganiro baba bacuruzwa ibicuruzwa bye. Abantu bumva ibyo bintu batangazwa n’ibyabaye kuri Herode igihe umukobwa wa Herodiya yabyinaga imbere ye. Ibyo bikorwa byose byanditswe mu bitabo byo mu ijuru; kandi ku munsi ukomeye uheruka, bizagaragara mu mucyo wabyo nyakuri imbere y’abanyabyaha. Ubwo nibwo bose bazabamenyaho ibikorwa bishukana, mu buryo bukabije bya Satani kandi biyobya, kugirango abayobore mu nzira yagutse no mu irembo rigari ribaganisha ku irimbuka ryabo.” - *Ibihamya ku Bagabura*, p.84,85.

### 3. HAKENEWE UMUTIMA WOSE UKO WAKABAYE

a. Ni ukubera iki tugomba gutegereza invugo iboneye iturutse ku bizera ukuri kw'iki gihe? Yakobo 3:9,10. Ni uwuhe muburo duhabwa iyo dutsindiwe kuri iyi ngingo?

“Iyo uza kugira umuco wo kumva ko Imana ibona ibyo ukora kandi ikumva ibyo uvuga, maze ikagira aho yandika mu budahemuka amagambo yawe yose n'ibikorwa byawe byose, kandi ko uzagera aho iri, nibwo mu byo ukora byose no mu byo uvuga byose uzashaka gukurikiza ibyo umutimanama wawe ukubwira gukora kandi ukaba maso. Ururimi rwawe ruzakoresha mu guhesha Imana icyubahiro, kandi ruzaba isoko y'umugisha kuri wowe ubwawe no ku bandi. Ariko niba witandukanyije n'Imana, nk'uko wajyaga ugenza, wirinde kugirango ururimi rwawe rutaba isi yo gukiranirwa maze rukakuzanira ugucirwaho iteka guteye ubwoba; kuko abantu bazazimira binyuze muri wowe.” – *Ibihamya by'Itorero*, vol 4, p.244.

b. Ni irihe sengesho rishobora kudufasha gutekereza no kuvuga ibirushijeho kubonera? Zaburi 86:11.

“Niba uwakira ubumenyi bwa Bibiliya ntacyo ahinduye ku ngeso ze cyangwa ku migirire ye kugirango ahuze n'umucyo w'ukuri, none ubwo bizagenda bite? Umwuka urwanya umubiri, n'umubiri ukarwanya umwuka; kandi kimwe muri ibyo gikwiriye gutsinda. Iyo ukuri kwejeje ubugingo, icyaha kirangwa kandi cyikirindwa, kubera ko Kristo yakirwa nk'umushyitsi w'icyubahiro. Ariko Kristo ntashobora kwifatanya n'umutima wamwihaye igihe; icyaha ntabwo cyakorana na Kristo.” – *Ibihamya ku Bagabura*, p.160.

“Ba maso kandi usenge buri gihe. Iyegurire Uwitaka utizigamye, ntabwo bizagukomerera kumukorerera. Ufite umutima witanze by'igice. Nicyo gituma umwijima ukugota aho kugotwa n'umucyo. Ubutumwa buheruka bw'imbabazi burakomeje ubu ngubu. ubwo butumwa buheruka buri gutangwa ni igihamba cy'Imana yihangana kandi ibabarana n'abantu. Urararikwango uze nonaha. Ngwino kuko byose byiteguwe. Uku ni uguhamagara guheruka kw'imbabazi. Hazakurikiraho guhora inzigo kw'Imana yacumuweho.” – *Ibihamya by'Itorero*, vol 2, p.225.

“Abagabo n'abagore batagamburuzwa rwose nibo bazabasha guhagarara bashikamye muri iki gihe. Kristo yagiye agosora abayoboke Be inshuro nyinshi, kugeza igihe kimwe yari asigaranye cumi n'umwe hamwe n'abagore bake bamubayeho indahemuka; abo akaba aribo bashyizeho urufatiro rw'itorero rya Gikristo. Hari benshi bazasigara inyuma nyamara cyari igihe cyo kwikorera imitwari; ariko igihe itoreri ryose ryaba rifite ubushyuhe, bagira umwete mwinshi, bakaririmba bagahanika amajwi yabo, maze bakagira ibyishimo byinshi n'ubushyuhe; nyamara se nimurebe uko bameze muri iki gihe! Iyo gushikama kugiyeye, abantu bake b'indahemuka nka Kalebu nibo baza bakajya ku ruhembe rw'imbere kandi bakerekana gushikama mu mahame. Aba nibo bameze nka wa munyu ugumana uburyohe ntukayuke.” – *Ibid*, vol 5, p.130.

#### 4. AMAZI ATURUKA MU ISOKO ITUNGANYE

a. Ni irihe hame rihishura ko umutima wahinduwe mushya gusa n'ubuntu bw'Imana ariwo ushobora gusohozwa ibikorwa biboneye? Yakobo 3:11,12. Tanga zimwe mu ngero zifatika.

“Kugira gahunda no kubonera mu myambarire, no kugira isuku mu nzu tubamo, bigomba kubahirizwa ubudakebakeba n'abakomeza Isabato, abafatwa nk'abasuhuke kandi bakaba barebwaho cyane amakosa yabo. icyitegererezo baha abandi kigomba kuba cyera. Ukuri kwera tuvuga ntikuzigera gutesha agaciro abakwakira, ngo gutume baba abantu bitwara nabi n'abanyabukana, n'abirengagiza uko bagaragara inyuma, kandi batagira isuku mu ngo zabo. Niba uwakira ukuri asanganywe ingeso yo gukorena no kugira umwete muke, ukuri kuzamuzamura, maze kumukoremo ivugurura nyakuri. Iyo ukuri kutagize ingaruka nk'iyi, uwo muntu ntiyumva imbaraga yako ikiza. Kutagira icyo witaho no kutagira gahunda mu myambarire, si ikimenyetso cyo kwicisha bugufi. Aha ngaha bamwe barihutse rwose. Imibereho, ibikorwa n'amagambo, bizerekana niba umuntu afite ukwicisha bugufi nyakuri, kandi imyambarire izaba ihuje n'imbuto zigaragazwa. Isoko itunganyeye ntishobora kuvamo (kohereza) amazi meza n'asharira. Sukura isoko nibwo amazi azaba atunganyeye. Inzu y'Imana ihora ihumanywa n'abana [b'abizera] bakomeza Isabato. Ababyeyi babo babemerera kwirukanka ahazengurutse urusengero, bagakina, bagasakuza, bakigarrurira ibitekerezo by'abantu [bakabitaho], kandi bakagaragariza amatwara mabi yabo mu materaniro aho baba bahuriye kugirango basenge Imana. Nabonye ko mu iteraniro ry'abera hagomba kurangwa n'ukwera gutuje. Ariko mu rusengero, aho ubwoko bw'Imana buteranira hahora hagurwa Babuloni nyakuri, n'ahantu haganje urudubi no kutagira gahunda. Ibi ngibi birakaza Imana. Niba ababyeyi badafite ubutegetsi kandi bakaba badashobora kuzamura abana babo mu materaniro, Imana yakwishimirira ko bagumana mu rugo n'abana babo b'intumva. Byaba byiza baretse kujya mu materaniro; aho kugirango umubare munini w'abantu ubangamirwe, bityo amateraniro yabo akangizwa. Iyo ababyeyi baretse abana babo bagakora ibyo bishakiye mu rugo batagenzuwe, ntibashobora kubahatira gukora ibyo bo bashaka mu materaniro. None se muri icyo mimerere ni bande bagerwaho n'uburibwe? Nta gushidikanya, ni ababyeyi. Ntibagomba kumva bababajwe n'uko abandi batifuza ko amahoro yabo ahungabana mu gihe bateraniye hamwe kugirango basenge Imana.

“Babyeyi, mukwiriye kubabazwa n'iki kibazo, kandi bishobora gutuma mubona kandi mugasohozwa inshingano yanyu mwirengagije. Niba ujyanye abana bawe mu nzu y'Imana, bagomba gusobanukirwa ko bari aho Imana ihurira n'ubwoko Bwayo. Mu byerekeye ibyo, mu bantu bubahiriza Isabato, nta gahunda ihari nk'iri mu matorero yiyita aya gikristo. Babyeyi, mufite umurimo mugomba gukora. Mujye mutegeka abana banyu imuhira, mubagenzure; nibwo mushobora kubayobora mu nzu y'Imana.” - *Impano z'Umwuka*, vol 2, p.288,289.

## 5. UBWENGE KANDI BWIFITEMO UBUMENYI

a. Ni ukubera iki buri wese muri twe akeneye gusuzuma imyitwarire ye bwite ahereye ku biri imbere mu mutima, amagambo n'ibikorwa? 2Abakorinto 13:5.

“Ngaho nimwisuzume ubwanyu, mumenye yuko mukiri mu byo twize-ra kandi mwigerageze.” (2 Abakorinto 13:5). Nenga witonze imyifatire, imico, ibitekerezo, amagambo, ibireshya umuntu, imigambi n'ibikorwa. Mbese twabasha dute gusabana ubwenge ibintu dukeneye niba tutagerageresheje Ibyanditswe imibereho yacu mu by'Umwuka?” - *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p.89.

“Bene data na bashiki banjye, ni gute mukoresha impano yo kuvuga? Mbese waba warize gutegeka ururimi rwawe ku buryo rugomba kumvira amabwiriza yatanze n'umutimanama wawe wabonye umucyo hamwe n'urukundo rwera? Mbese ibiganiro byawe ntibirangwamo ubwibone, kudashekama, n'igomwa, uburiganya n'ibikorwa byanduye. Mbese ntabwo ufite uburiganya imbere y'Imana? Amagambo akoresha imbaraga nyinshi zo kuvuga. Niba bishoboka, Satani azakomeza gukoresha ururimi mu murimo we. Twebwe ubwacu ntidushobora gutegeka ururingo rufite ububi budatuza. Ubuntu bw'Imana nibwo byiringiro byacu rukumbi.” - *Ibihamya by'Itorero*, vol 5, p.175.

“Umuntu wirunduriye mu kuyoborwa n'Umwuka w'Imana, azabona ko ibitekerezo bye byaguka kandi bigatera imbere. Yigishwa umurimo w'Imana, ntahengamire ku ruhande rumwe cyangwa ngo abe udashyitse ugwiza kamere imwe; ahubwo aba umuntu ukura mu buryo bwiza kandi bwuzuye. Uwo ni umurimo ufashe impu zombi kandi wuzuzanya. Intege nke zaguye zigaragara n'imico idafite imbaraga, biranesheka kuko gukomeza kwiyegurira Imana no gukiranuka bituma umuntu agirana isano ya bugufi na Kristo ku buryo agira umutima wa Kristo. Aba ari umwe na Kristo, ari muzima mu by'umwuka kandi n'imbaraga mu mahame yizera. Imyumvire n'imitekerereze ye birasobanuka, kandi akagaragaza ubwenge buva ku Mana.” - *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p.338.

## Kuwa Gatandatu

## 22 Ugushyingo

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Ni gute nakwitwara mu gihe hari ushaka ko tugirana ikiganiro kirimo amagambo mabi nk'uburozi?
2. Iyo abantu bavuga ibintu, mbese mu by'ukuri byerekana iki kuri bo?
3. Sobanura intambara ibera mu ntekerezo z'umuntu, n'ukuntu ishobora gutsindwa.
4. Ni iyihe nyifato cyangwa imyitwarire yanjye ishobora kuba igaragaza amazi mabi andimo?
5. Ni gute kandi ni ukubera iki uburyo bwanjye bwo kuvuga bugomba guhinduka?

# Ubugwaneza n'Ubwenge

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Ni nde muri mwe w’umunyabwenge kandi w’umuhanga? Niyerekanishe ingeso nziza imirimo ye, afite ubugwaneza n’ubwenge.” (Yakobo 3:13).

“Umukiza wacu yatangazaga abantu kubwo kwera n’ubutungane Bwe, ariko urukundo n’impuhwe ze zitarondoreka bikabatera ubwuzu. Ab’impezamajyo n’aboroheje hanyuma y’abandi ntibatinyaga kumwegera.” – *Ababwiriza b’Ubutumwa Bwiza* (1892), p.261.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by’Itorerero*, vol 5, p.167 – 177.

**Kuwa Mbere**

**24 Ugushyingo**

## 1. “UBUMENYI” BWAGORETSWE

a. Ni ikihe kibi gikomeye dukwiriye kwirinda mu buryo bushikamye, kandi ni ukubera iki? Yakobo 3:14,15.

“Umuntu wugurura umutima we akumva inama z’umwanzi, agira ugukeka ibibi [ku bandi], agaha urwaho ishyari, agahora yumvikanisha nabi iyi mitekerereze mibi, akayita ubushishozi bureba kure bidasanze, akagira ukuvangura, cyangwa kumenya gutahura icyaha no gusesengura impamvu zitari nziza zituma abandi bagira ibyo bakora. Atekereza ko yahawe impano y’agaciro kenshi, maze akitandukanya na bene se bagombye kubana mu mahoro; ajya ku ntebe y’urubanza maze agafungirana uwo atekereza ko yakoze amakosa, nkaho we ubwe atageragezwa. Yesu yitandukanya na we; maze akamureka akagenda-ra mu mucyo w’umuriro we bwite yicaniye.

“Ntihakagire n’umwe muri mwe wongerera kwirata ngo arwanye ukuri, avuga ko uwo mwuka ari ingaruka z’ingenzi zo gukorana ubudahemuka mu byo tugirira inkozi z’ibibi no guhagarara turwanirira ukuri. Ubwenge nk’ubwo bufite abantu benshi babukunda, ariko burashukana cyane kandi burangiza. Ntibuturuka mu ijuru, ahubwo ni imbuto z’umutima utaravutse bundi bushya. Inkomoko yabwo ni Satani ubwe. Ntihakagire umuntu urega abandi maze ngo yibwirire ko afite ubushishozi; kuko mu kugenza atyo aba yambitse imico ya Satani imyambaro yo gukiranuka. Bene data, ndabahamagarira kwezaho urusengero rw’umutima ibintu byose bihumanya, kuko ari byo mizi y’ugusharirirwa.” – *Ellen G. White, Ububabwiriza bwa Bibiliya bw’Abadiventisiti b’Umunsi wa Karindwi*, vol 7, p.936,937.

## 2. IMYITWARIRE IHUMANYA

### a. Sobanura ingaruka y'ishyari n'amatiku. Yakobo 3:16.

“Umuntu umwe mu kigo cyangwa mu itorero, udategeka ibiteke-rezo bidahwitse ahubwo akavuga nabi bene data, ashobora kubyutsa amarangamutima mabi aba mu mutima w'umuntu, kandi akwirakwiza umusemburo w'ikibi uzakorera mu bantu bose bashyikirana na we. Ni muri ubwo buryo umwanzi wo gukiranuka kose abona intsinzi, kandi ingaruka y'umurimo we ni uguhindura ubusa isengesho ry'Umukiza igihe yasengaga asabira abigishwa Be; kugirango bashobore kuba umwe nk'uko na we ari umwe na Se.” - *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 7, p.937.

**b. Ibihabanye n'imbaraga zikururira umuntu ku cyaha ziba zitijwe umurindi n'umwanzi w'ubugingo bwacu, ni gute tugomba gushyikirana n'abandi? Yohana 13:34.**

“Ucira abantu imanza, kandi ukagira ibyo uvuga ku nzira zabo n'imyitwarire yabo, mu gihe udasobanukiye n'umwanya bahagazemo ndetse n'umurimo wabo. Ureba ibintu ukurikije aho uhagaze, maze ukaba witeguye gukemanga inzira abantu banyuramo no kuyiciraho iteka utabanje kureba neza uko ibintu bimeze mu mpande zabyo zose. Nta bumenyi ufite ku birebana n'inshingano z'abandi, kandi ntabwo ukwiriye kwiyumvamo ko ibikorwa byabo bikureba, ahubwo ukwiriye gukora iyawe nshingano, ibindi ukabiharira Uwitoka. Tegeka umutima wawe kugirango wihangane, ubungabunge amahoro n'umutuzo by'ubwenge, kandi ube umuntu ushima...”

“Amarangamutima yawe akorwaho mu buryo burenze urugero, ndetse iyo hagize ijamba rivugwa ryo gushyigikira uruhande runyuranye n'urwawe, wumva ukomerekejwe. Wiyumvamo ko ushyizweho icyaha, kandi ko ugomba kwirwanaho, ugakiza ubuzima bwawe; maze mu muhati mwinshi wo gukiza ubugingo bwawe, ukabuzimiza. Ufite umurimo ugomba gukora kugirango upfe ku narijye no gukuza umwuka wo kwihangana no kudatezuka.” - *Ibihanywa by'Itorero*, vol 2, p.424.

“Abantu banegurana kandi bagacirana imanza, baba bica amategeko y'Imana, kandi ni urukozasoni kuri Yo. Ntibakunda Imana na bagenzi babo. Bene data na bashiki banjye, nimutyo twiyambure imyanda yose y'amagambo yo kunegurana, kutiringirana no kwitombamba, ndetse no gusebanya igihe turi hanze. Bamwe bahungabanywa n'ikibonetse cyose ku buryo badashobora gutekereza. Jya wibanda cyane ku byerekeranye n'uburyo wakwitondera amategeko y'Imana, no mu byerekeye ukuba witondera amategeko cyangwa uyica. Ibyo nibyo Imana ishaka ko duhozaho intekerezo.” - *Ellen G. White, Ubusobanuro bwa Bibiliya bw'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*, vol 7, p.937.



### 3. GUKURAHO IBICANTEGE

a. Mbese byanditswe bite ku bakunda amategeko y’Imana? Zaburi 119:165.

“Reka igitekerezo cyo kwibwira ko ufashwe mu buryo budakwiye, ko bagucumuyeho, ko umuntu runaka ashaka kuguhirika cyangwa kukugirira nabi. Urebera mu maso atari yo. Satani agutera gutekereza ibintu mu buryo bubwiye.” - *Ibihanywa by’Itorero*, vol 2, p.424.

“Isi ikunda icyaha ikanga gukiranuka, iyo ikaba ari yo yabaye intandaro yo kwanga Yesu. Abantu bose banga kwakira urukundo Rwe rudashira babona ko Ubukristo ari ikintu kibabangamiye. Umucyo wa Kristo ubeyuraho umwijima ubundikiye ibyaha byabo, bityo bakabona ko bakeneye kwisubiraho. Mu gihe abemeye kuyoborwa n’imbaraga y’Umwuka Wera batangira kwirwanya ubwabo, abatsimbaraye ku cyaha bo barwanya ukuri n’abaguhagarariye.

“Kubw’iyo mpamvu havuka amakimbirane maze abayoboke ba Kristo bagashinjwa ko bateza rubanda ingorane. Nyamara umushyikirano bagirana n’Imana niwo ubateza kwangwa n’ab’isi. Baba bikoreye umugayo wa Kristo. Banyura mu nzira yanyuzwemo n’Urusha ababaye ku isi bese ubupfura. Ntabwo bagomba gusakirana n’ako karen-gane bafite ishavu, ahubwo bagomba guhangana na ko banezerewe. Buri kigeragezo kigurumana kibageraho ni igikoresho Imana yifashisha ngo ibatunganye. Buri kimwe muri byo kigenda kibabonereza umurimo wabo wo gufatanya na yo. Buri ntambara bahura na yo iba ifite umwanya wayo mu rugamba rwo gukiranuka, kandi buri kimwe muri byo gifite icyo kizongera ku munezero wabo igihe bazaba bishimira intsinzi yabo iheruka. Nibamara kumenya ibyo, ikintu kigerageza kwizera no kwihangana kwabo bazacyemera bafite akanyamuneza mu cyimbo cyo kugitinya no kugikumira.” - *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.306.

b. Ndetse n’igihe tugiriwe ibidakwiriye, mbese ni iki twibutswa? Matayo 5:11,12,41; 1Petero 4:12 - 15.

“Ubereye itorero Umutwe, akaba ari Imana, umuneshi uruta abaneshi bese, yerekeje abayoboke Be ku mibereho Ye, imiruhu Ye, kwiyanga Kwe, ibirushya ndetse n’imibabaro yahuye na byo, binyuze mu gusuzugurwa, kwirengagizwa, gusekwa, kugirwa urw’amenyo, gutukwa, gushinyagurirwa, gushinjwa ibinyoma, kuva ku nzira igana i Kaluvari kugeza ho yabambwe ku musaraba, kugirango [abayobo-ke Be] bashobore gushishikarizwa gukomeza kugana ikimenyetso cy’igihembo n’ingorano by’umuneshi. Insinzi igerwaho rwose binyuze mu kwizera no kumvira. Nimutyo dushyire mu bikorwa amagambo ya Kristo mu mibereho yacu bwite.” - *Urwibutso n’Integuza*, kuwa 24 Nyakanga 1888.

#### 4. UBWENGE BUTURUKA MU IJURU

a. Ni iyihe ndangagaciro ya mbere iranga ubwenge buturuka mu ijuru, kandi ni ukubera iki ari ngombwa cyane kuri twe? Yakobo 3:17 (ahabanza); Matayo 5:8.

---

“Nta kintu gihumanya kizinjira mu murwa w’Imana. Abantu bose bazaturayo bazagomba guhinduka bagire imitima iboneye bakiri hano mu isi. Umuntu wiga ibya Yesu, azagaragaza ko atarangwa n’ingeso mbi n’amagambo adakwiriye, ndetse n’ibitekerezo bibi. Kristo naba mu mutima, hazabamo kwera no gutunganya ibitekerezo n’imibereho.

“Ariko amagambo ya Yesu ngo: “Hahirwa abafite imitima iboneye,” afite ubusobanuro bwimbitse. Ntabwo ari ukubonera gusa nk’uko kuzwi n’ab’isi, kutarangwamo ikibi no kwifuza kubi, ahubwo kubonera nyakuri ni ukuri mu migambi ihishwe no mu bitekerezo by’umutima, ni ukubonera kuzira ubwibone no kwishakira ibyawe ubwawe, kubonera mu byo kwicisha bugufi, kutikanyiza, kandi kumeze nk’uk’umwana muto.” - *Ibitekerezo byo ku Musozi w’Umugisha*, p.24,25.

b. Sobanura icyo ubwenge bwacu bukwiye kwibandaho mu kwitegura Kristo. 1Yohana 3:2,3.

---

“Mu mibereho yacu ya buri muni twitegereza ubugiraneza n’imbabazi [by’Imana] mu byiza igaragariza mu byo itugirira. Tumenyera Uwitaka mu mico y’Umwana We. Umwuka Wera afata ukuri kwerekeye Imana n’uwo yatumye, maze akaguhishurira ubwenge n’imitima y’abantu. Ababoneye mu mitima bitegereza Imana bakayibonamo isano bafitanye n’Umucunguzi wabo, bifuzaga gusa nayo. Basanga ari Data wa twese wifuza guhobera umwana we wihanyye, maze imitima yabo ikuzura ibyishimo bitavugwa n’ishimwe ryinshi.

“Abantu bafite imitima iboneye bamenyera Umuremyi ku mirimo y’ukuboko kwe gukomeye; ku bintu byose byiza biri mu ijuru no ku isi. Mu Byanditswe Byera basomamo imirongo igaragaza neza cyane imbabazi ze, ubwiza bwe, n’ubuntu bwe. Ukuri kwahishwe abanyabwenge n’abanyamakenga guhishurirwa abana bato. Ibyiza n’akamaro tubona mu kuri bitamenywa n’abanyabwenge mu by’isi, buhora buhabwa abiringira n’abafite icyifuzo nk’icy’abana bato cyo kumenya no gukora ibyo Imana ishaka. Tumenya ukuri igihe duhindutse abasangiye kame-re n’Imana.

“Abafite imitima iboneye babaho nk’aho bibera imbere y’ubwiza bw’Imana mu gihe yabaganyeye cyo kuba muri iyi si.” - *Ibid*, p.26,27.

## 5. INDANGAGACIRO ZIRUSHIJEHO KUBA INGENZI CYANE

a. Nyuma yo kubonera, vuga izindi ndangagaciro eshanu zikurikiraho ziranga ubwenge buturuka mu ijuru, butangizwa n'imirire yacu. Yakobo 3:17 (ahajya guheruka).

“Ukeneye kugira neza, urugwiro, ubugwaneza no kwicisha bugufi bya Kristo. Ufite ibisabwa byinshi by’agaciro bishobora gutunganywa kugirango ukore umurimo wo mu rwego rwo hejuru cyane, niba warerejwe Imana. Ukwiriye kumva ko ari ngombwa kwegera abavandimwe bawe mu bugwaneza n’urugwiro, atari mu buryo burangwamo amahane n’ubugome. Ntabwo uzi umubabaro baterwa n’ubukana bwawe, bitewe n’uko ubegera ufite umwuka wo kubategeka. Baga-bura, mu materaniryo zanyu baratentebutse bakuka umutima, batakaza ubutwari bashoboraga kuba baragize iyo muza kuba mwarabubashye, mukabagirira neza, icyizere n’urukundo. Binyuze mu myitwarire zanyu, mwitandukanyije n’imitima y’abavandimwe banyu, ku buryo inama zanyu zitigeze ziberekeza ku cyiza.” – *Ubuyobozi bwa Gikristo*, p.6,7.

“Niba ibyo witeze bitagezweho, uzaba uri mu kaga ko gucika intege no kudasubira, no kwifuzwa ko habaho impinduka. Ugomba kwirinda kunenga no gukura abantu umutima. Wirinde ikintu cyose gisa n’umwuka wo kunegurana. Ntabwo binezeza Imana kubona uwo mwuka mu bagaragu Bayo bamaze igihe mu murimo. Umusore niba agiriye ubuntu bwo kwiyoroshya kandi akagira umurimbo w’imbere mu mutima, biba bikwiriye ko agaragaza ubwuzi ndetse n’ishyamba; nyamara igihe ishyamba ririmo guhubuka ndetse n’umwuka wo kunegurana bigaragaye mu musore ufite imyaka mike y’ubunararibonye, biba bibangamye kandi biteye ishozi. Nta kintu gishobora kwangiza imbaraga ye ihindura abandi nk’iki ngiki. Kwicisha bugufi, ubugwaneza, kwihanganira abandi, kudacogora, kutarakara vuba, kwihanganira byose no kwiringira byose – izi ni imbuto zera ku giti cy’igiciro cyinshi aricyo rukundo, ari ko gukura guturuka mu ijuru. Iki giti nki-gaburirwa neza, kizahora gitoshye. Amashami yacyo ntazasaza, ibibabi byacyo ntibizaraba. Ntabwo gipfa, ni icy’iteka ryose, gihora kivomererwa n’ikime cyo mu ijuru.” – *Ibihamba by’Itorero*, vol 2, p.134,135.

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Ni mu yihe mimerere mba nshaka kumenya impamvu itera umuntu kugira ibyo akora, maze nkabyita ubushishozi?
2. Ni gute ingeso yo kunegura abandi ituma umuntu yica amategeko y’Imana?
3. Mbese iyo imyitwarire imeze nk’uburozi iri kundwanya, ni iki ngombwa kwibuka?
4. Kuba umuntu “ufite umutima uboneye”, bisobanuye iki?
5. Ni gute nshobora kuba umuntu wishyikirwaho – byoroshye “kwinginga”?

## Amaturo y'Isabato ya Mbere Azagerwa icyicaro gikuru cya Inyio ya Kolombiya



Kolombiya ni igihugu gihereye mu Majyepfo ya Amerika, gitiwe n'abaturage barenga miliyoni 51. Hari inganda zikora ibikomoka kuri peteroli, inganda zikora imyenda, ubwubatsi, ubuhinzi, banki na serivisi. Mu baturage batuye icyo gihugu, 73% by'abaturage ni Abagatolika, 9.1% bavugaga ko batabarizwa mu madini ya Gikristo, 6.9% ni Abavugabutumwa, 6.5% nta dini bafite, 2.9% ni Abaporotesitanti, 0.9% biyita ko batemera Imana. Iyo mimerere yerekanwe ikibazo gikomereye itorero ry'Imana hano.

Mu myaka ya 1960, nibwo ubutumwa bwa marayika wa gata-tu bwageze muri Kolombiya, mu gihe icyo gihugu cyari cyugarijwe n'intambara y'abenegihugu. Muri icyo gihe, twari tumaze kugira abizera bagera ku 100 mu mwaka wa 1971, ari nabwo itorero ryanditswe muri leta ku mugaragaro. Muri icyo gihe, abakozi bari bake, ariko ntibigeze babura ubutwari n'ishyamba ryo gutanga ku byo bari bafite byose kubw'umurimo bakundaga. Tuzahora dushimira inkunga y'abapasiteri n'abagabura; basize ibihugu byabo n'ibibanezeza baza gushyigikira umurimo muri Kolombiya bishimye, bitanga babikuye ku mutima kugirango bakwirakwize ubutumwa hano.

Kubw'ubuntu bw'Imana, mu mwaka wa 2006, nibwo hahanzwe Inyio ya Kolombiya, ndetse ubu ngubu ifite filidi eshatu. icyicaro gikuru cya Inyio yacu kiri mu cyaro, mu ntara ya Baribosa, i Santanderi.

Kugirango dushobore gukorera abavandimwe bacu n'abiyongeraho baba bashishikajwe n'ukuri, turabona hakenewe byihutirwa kwagura amazu ahari muri iki gihe. Ubu, dufite ikibanza, aho ibiro byacu bikorera, kandi hakaba hahereye ishuri ry'ivugabutumwa [misiyoneri] ndetse n'icyiciro gishinzwe ikoranabuhanga. Na none kandi aho niho habera ibiterane, imyiherezo n'amateraniro y'iby'umwuka, ku bizera bacu n'abandi bashya baba banejwe n'ubutumwa.

Igice cy'izindi nyubako cyamaze gutangira kubakwa muri iki kibanza, kandi ibindi bikorwa by'inyongera birimo gukorwa, ariko nta mikoro dufite yo kubirangiza. Niyo mpamvu dutabaza umuryango w'itorero ku isi yose kugirango bagire icyo baduha babikunze. Ubufasha mutangana ubuntu buzatuma tubona ibikoresho bikwiriye kushaho byo gufasha abantu bafite inzara yo kumenyana Uwitaka.

Tubashimiye cyane impano zanyu. Ubuzima bw'iteka nibwo bwonyine buzashobora kugaragaza ukuntu impano zanyu n'amaturo zanyu byagize akamaro.

*Bene so na bashiki banyu bo muri Inyio ya Kolombiya*

# Kunesha Ibibazo by'Imyitwarire Yacu

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Nuko rero mugandukire Imana ariko murwanye Satani, na we azabahunga.” (Yakobo 4:7).

“Gukunda ukuri kutanduye kandi kweza, gukunda Umucunguzi ukundwa, bizoroshya umurimo wo kunesha.” – *Ibihamya by'Itorero*, vol 4, p.38.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Ibihamya by'Itorero*, vol 3, p.39 – 47.

**Kuwa Mbere**

**01 Ukuboza**

## 1. KUGIRA NEZA UTIKANYIZA

a. **Vuga indangagaciro ebyiri zihuruka zavuzwe mu rutonde rw'ubwenge buva mu ijuru. Yakobo 3:17 (ahaheruka).**

“Intumwa Yuda aravuga ati: ‘Ababagisha impaka mubagirire impuhwe’. Izi mpaka ntizigomba kurangwa n’umwuka wo kurobanura ku butoni. Ntitugomba kurebana mu maso n’umwuka uvuga ngo: ‘Niba unkunda, nanjye nzagutonesha.’ Iyi ni imigirire y’ab’isi, yanduye, idashimisha Imana. Ni ugutonesha no guha umuntu icyubahiro kubwo gushaka indamu. Bigaragaza ugutonesha abantu bamwe, hitewe kubabonamo inyungu. Ni ugushaka ineza yabo kubwo kubakuyakuya, kugirango dushobore kwitabwaho cyane kuruta abandi nkatwe ubwacu.” – *Ibihamya by'Itorero*, vol 4, p.221,222.

“Imana ntishimishwa n’umurimo urangwa n’ubute ukorwa mu matorero. Imana yiteze ko ibisonga Byayo biba abanyakuri kandi bagakiranuka mu gikorwa cyo gucyaha no gukosora. Ibisonga by’Imana bikwiriye kwamagana ikibi bikurikije itegeko Imana yatanze mu Ijambo Ryayo. Ntibakwiriye gukurikiza ibitekerezo byabo bwite n’amarangamutima yabo. Nta buryo burangwamo ubukana bukwiriye gukoreshwa, kandi nta murimo uhubukiwe kandi ushingiyeye ku kudatekereza ukwiriye gukorwa. Imihati ikoreshwa mu kuvana ikibi mu itorero no kuriboneza igomba gukoreshwa mu buryo Imana yashyizeho. Nta kubogama cyangwa uburyarya bigomba kubaho. Ntibakwiriye kubaho abatoneshwa, abo ibyaha byabo bifatwa ko byoroheje ugereranyije n’iby’abandi. Mbega ukuntu twese dukeneye umubatizo w’Umwuka Wera! Nitubatizwa n’Umwuka, iteka tuzakorana umutima wari muri Kristo, dufite ubugwaneza, kwihangana, imbabazi n’impuhwe, tugaragariza umunyabyaha ko tumukunda ariko kandi twanga n’icyaha urunuka.” – *The Ellen G. White 1888 Materials*, p. 144.

## 2. GUHAGARARIRA KRISTO MU BURYO BUKWIRIYE

a. Ni mu buhe buryo rukumbi dushobora guhagararira Kristo mu buryo bukwiriye mu byo tuvuye? Yakobo 3:18.

“Birashoboka ko duhamisha Kristo iminwa yacu, ariko imirimo yacu ikamuhakana. Imbutu z’Umwuka zigagararira mu mibereho ziba ari ukumuhamya. Niba twarasize byose ku bwa Kristo, imibereho yacu izaba icyiye bugufi, ibiganiriro byacu bizaba byerekeza ku ijuru kandi imyitwarire yacu izaba inziramakemwa. Imbaraga ifite ububasha kandi yeza y’ukuri ikorera mu bugingo ndetse n’imico ya Kristo yigaragariza mu mibereho, ibyo biramuhamya. Niba amagambo y’ubugingo buhoraho abibwe mu mitima yacu, imbutu zizaba gukiranuka n’amahoro. Dushobora guhakana Kristo mu mibereho yacu binyuze mu kwirundurira mu gukunda ubuzima bworoshye cyangwa kwikunda, gutebya no gutera urwenya, ndetse no kwishakira icyubahiro cy’isi. Dushobora kumwihakanira mu buryo tugaragaramo inyuma twishushanya n’ab’isi, turebana ubwibone cyangwa kwambara imyambaro ihenze cyane. Tuzashobora kwerekana mu mibereho yacu imico ya Kristo cyangwa imbaraga y’ukuri yeza ubugingo, binyuze gusa mu kuba maso ubudacogora, kwihangana no gusenga ubudatuzza. Abantu benshi birukana Kristo mu miryango yabo bitewe n’umwuka wo kutihangana n’uburakari. Bene aba bantu bafite ikintu bagomba gutsinda mu bijyanye n’iyi ngingo.” – *Ibihamya by’Itorero*, vol 1, p.303,304.

b. Ni iyihe mbaraga ikururira abantu ku gukora ikibi yabaye rusange, igaragara mu mibereho yacu ya buri muni, tukaba dukeneye kuyinesha, kandi ni ukubera iki? Yakobo 4:1 – 3.

“Ni ikintu kibabaje kutishimira ibituzengurutse cyangwa ibihe turi mu byadushyize aho inshingano zacu zisa n’izicishije bugufi kandi zigasa n’izidafite akamaro. Ntabwo ushimishwa n’inshingano zihariye kandi zicishije bugufi; ntabwo utuje, ntabwo utekanye, kandi ntabwo unyuzwe. Ibi byose bituruka ku bwikanyize....

“Abantu bavuye ku ari Abakristo bahora bataka kandi bitotomba, kandi bagasa n’abatekereza ko ibyishimo no kugaragaza umunezero mu maso ari icyaha, ntabwo bafite ingingo nyakuri y’iyobokamana.” – *Ibid*, vol 3, p.334.

“Mbese nabasha nte kurya inshuro ebyiri z’ibyo nsanzwe ndya bitewe n’uko biryoshye, hanyuma ngasaba Imana ngo imfashe mu murimo wanjye wo kwandika, nkirengagiza ko kurya byinshi byantera umururumba n’ubusahiranda? Nabasha nte gusaba Imana ngo ihe umugisha uwo mutwaro udafite ubwenge ngiye gushyira mu gifu? Ibyo byaba ari ukudahesha Imana icyubahiro. Ibyo byaba ari ugusaba ibijyanye n’irari ryanjye. Ubu ngubu nibwira ko ndya ku buryo bukwiriye, bityo nkaba mbasha gusaba Imana kumpa imbaraga zo gukora umurimo yampaye gukora.” – *Ibid*, vol 2, p.373,374.

“Iyo idini rya Kristo riganje mu mutima, umutimanama urabihamya, kandi amahoro n’umunezero bigatwarira mu mutima, guhangayika n’amakuba bishobora kukugota, nyamara mu mutima haba hari umucyo.” – *Ibid*, vol 4, p.47.



### 3. GUHUNGA NO GUKIRA IMITEGO ISANZWE

a. Ni irihe hame shingiro ry'ingirakamaro mu isano nyakuri umuntu agirana na Kristo, ritandukanye n'ukwizera kw'amajyejuru ko kw'izina gusa? Yakobo 4:4.

“Abantu batangiza ubuzima bwabo bwa Gikristo kuba kimwe cya kabiri n'abadashyitse, amaherezo bazasangwa bari ku ruhande rw'umwanzi, uko imigambi yabo ya mbere yaba yari iri kose. Kandi kuba umuhakanyi n'umugambanyi w'umurimo w'Imana, ni bibi cyane kuruta urupfũ; kuko bisobanuye gutakaza ubugingo bw'iteka ryose.

“Abagabo n'abagore bafite imitima ibiri nibo bakorana na Satani cyane kurusha abandi. Uko bashobora kugira ibitekerezo byiza ku bandi kose, ni indyarya. Abantu bose b'indahemuka ku Mana no ku kuri bakwiriye guhagarara bashikamye ku cyiza kuko ari cyiza. Ntibishoboka rwose kwifatanya n'abantu batiyeguriye Imana, maze ngo ukomeze ube indahemuka ku kuri. Ntidushobora kunga ubumwe n'abantu bikorera, bakorera ku migambi y'isi, ngo tubure gutakaza umushyikirano dufitanye n'Umujyanama wo mu ijuru. Twebwe ubwacu dushobora kwikurã mu mutego w'umwanzi, ariko tuba twashenjagawe kandi twakomerekejwe, kandi n'imibereho yacu ikagwingira.” – *Urwibutso n'Integuza*, kuwa 19 Mata 1898.

b. Ni ukubera iki dukwiriye kurandura rwose buri kintu cyose kidukururira kugira ishyari? Yakobo 4:5,6.

“Inenge imwe ikomeye yabaga mu mico ya Sawuli yari uko yakundaga gusingizwa cyane. Iyi mico ni yo yagengaga ibyo yakoraga n'ibyo yatekerezaga; icyo yakoraga cyose cyarangwaga no kwifuza gusingizwa no kwishyira hejuru. Kuri we ikintu runaka cyabaga ari cyiza cyangwa kibi bifewe n'uko cyamuhesha ishema. Nta muntu ugiye amahoro igihe aberaho kunezeza abantu, bityo kwemerwa n'Imana ntabigire nyambere.” – *Abakurambere n'Abahanuzi*, p.650.

“Ishyari ni ryo ryabujije Sawuli amahoro maze rishyira mu kaga umuntu wari woroheje wo mu bwami bwe. Mbega ibyago bitavugwa iyo mico mibi yateje isi yacu! Urwango rwari mu mutima wa Sawuli ni rwo rwateye Kayini guhagurukira umuvandimwe we Abeli bitewe n'uko imirimo ya Abeli yari itunganye ndetse n'Imana ikamwemera naho imirimo ya Kayini ikaba yari mibi bityo Uwiteteke ntamuhe umugisha. Ishyari rituruka ku bwibone, kandi iyo rihawe intebe mu mutima, amaherezo ribyara urwango narwo rukabyara guhõra no kwica.” – *Ibid.*, p.651.

“Kugandukira Imana, kuyikunda no kuyishima; bituma mu mutima haguma umucyo w'izuba, nubwo umunsi ushobora kuba urimo ibicu byinshi by'ikibunda. Imbere yawe hari ukwiyanga n'umusaraba wa Kristo. Mbese uzazamura umusaraba?” – *Ibihamya by'Itorero*, vol 4, p.47.

#### 4. KUZIRIKANA NO KWIYEGURIRA IMANA

a. Ni ikihe kintu cy'ingenzi gituma dutsinda by'ukuri kandi mu buryo burambye muri Kristo? Yakobo 4:7.

“Bamwe bumva bakeneye impongano, kandi iyo bamaze kumenya ko bayikeneye, maze bakifuza ihinduka ry'umutima, intambara iratangira. Kugirango abantu bazinukwe ibihuje n'ubushake bwabo, wenda nk'ibintu bahise-mo gukunda cyangwa gukurikirana, bisaba gushyiraho umuhati, ibyo bikaba bituma abantu bazarira, bagacika intege, kandi bagasubira inyuma. Nyamara iyi ntambara igomba kurwanywa na buri mutima [w'umuntu] wihanyye aghinduka by'ukuri. Dukwiriye kurwanya ibishuko byo mu mutima imbere no hanze yawo. Dukwiriye gutsinda inarijye, tukabamba ibyifuzo n'irari, noneho umutima tukabona kuwunga na Kristo. Nk'uko ishimi ryumye kandi rigaragara ko ridafite ubuzima ryatewe ku giti kizima, niko natwe dushobora kuba amashami mazima y'Umuzabibu w'Ukuri. Kandi imbuto zezwe na Kristo, ni nazo zizaboneka mu bayoboze Be bose. Ubu bumwe iyo bumaze kubaho, bushobora gukomeza kubeshwaho gusa n'uko umuntu akomeje gushyiraho umuhati utagamburura, ndetse n'umwete. Kristo akoresha imbaraga Ze kugirango asigasire kandi arinde uyu murunga wera, kandi umunyabyaha umutezeho amakiriro, utagira gifasha, akwiriye gusohozza uruhare rwe afite imbaraga zidacogora, cyangwa se Satani akazamutandukanya na Kristo akoresheje imbaraga ze z'ubugome n'uburiganya.

“Buri Mukristo wese akwiriye guhora ari maso, akarinda inzira yose igana mu mutima we Satani ashobora kwinjiriramo. Agomba gusenga asaba gufashwa n'Imana ari nako arwanya igitekerezo cyose kimuganisha ku cyaha atajenjetse. Ashobora kunesha bitewe n'ubutwari bwe, kwizera kwe no gukorana umuhati adacogora. Ariko akwiriye kwibuka ko kugirango aneshe Kristo agomba kuba muri we, na we akaguma muri Kristo.” - *Ibhamya by'Itorero*, vol 5, p.47.

b. Ni gute Pawulo yasubiyemo ibisobanuro bya Yakobo ku byerekeranye n'imbaraga z'iby'umwuka mu mibereho ya Gikristo? Abaroma 6:6 - 11.

“Ibiterekerezo bibogamiye mu isi, kwikunda, no kurarikira bimaze igihe bigwabiza iby'umwuka n'ubugingo by'ubwoko bw'Imana.” - *Ibhamya by'Itorero*, vol 1, p.141.

“Dukeneye ukwizera kurushijeho gushikama cyane no kwitanga mu buryo burangwamo umwete. Dukeneye gupfa ku narijye, kandi mu bwenge no mu mutima tugomba kwimenyereza umutima wo gukunda Umukiza wacu. Nituramuka dushakishije Uwitwaga umutima wacu wose, tuzamubona, kandi imitima yacu izagurumana urukundo Rwe. Umuntu azahinduka udafite icyo amaze, naho Yesu we azabera umuntu byose muri byose....

“Dukwiriye kwegera Imana. Dukwiriye gukorana na Yo, naho ubundi nibitagenda bityo intege nke n'amakosa bizagaragarira mu byo dukora byose.” - *Ibid*, vol 6, p.51.

## 5. GUHAGARIKA ISENGESHO RISABIRA UKWIRINDA IBI-SINDISHA

a. Ni ubuhe bwishingizi n'iririka buri wese muri twe agomba guhabwa mu gihe turwanya ibyifuzo byacu bitwerekeza ku kibi? Abakolonyasi 3:1 – 3; Yakobo 4:8,9.

“Ntibishoboka ko abantu basobanukirwa ukuri igihe iby’isi byatwaye urukundo rwabo. Iby’isi biyiza hagati yabo n’Imana, bikazana igihu mu mirebere yabo kandi bikagusha ikinya ibyumviro ku buryo kuri bo gusobanukirwa ibintu byera bihinduka ibidashoboka. Imana irahamagara bene abo igira iti: “Yemwe banyabyaha, nimukarabe. Namwe ab’imitima ibiri, nimwiyeze imitima. Nimubabare muboroge, murire; ibitwenge byanyu bihinduke kuboroga, ibyishimo bihinduke agahinda”. Abandurishije ibiganza byabo guhumanywa n’iby’isi basabwa kwiyezaho ibizinga byabo. Abatekereza ko bashobora gukorera isi nyamara bagakunda Imana, ni ab’imitima ibiri. Nyamara ntibashobora gukorera Imana ngo bakorere na mamoni. Ni abantu b’imitima ibiri; bakunda isi maze bagatakaza igitekerezo cyose cyerekeye inshingano yabo ku Mana, nyamara bakavugaga ko ari abayobokeye ba Kristo. Ntabwo baba ikintu kimwe cyangwa ngo babe ikindi. Bazazimiza isi zombi keretse gusa nibakaraba ibiganza byabo bakeza n’imitima yabo binyuze mu kumvira amahame yera y’ukuri.” – *Ibihamya by’Itorero*, vol 1, p.530,531.

b. Bigenda bite iyo dupfukanye imbere y’Imana twicishije bugufi? Zaburi 34:18; 1Petero 5:6,7.

“Ubu uramutse wicishije bugufi imbere y’Imana ukatura ibibi byawe, maze ukayigarukira n’umutima wawe wose, umuryango wawe ushobora kuba umuryango unejeje. Ibi nuramuka utabikoze, ahubwo ugahitamo inzira yawe bwite, ibyishimo byawe bizaba bigeze ku iherezo.” – *Ibid*, vol 2, p.304.

## IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Iyo nsuzumye mu mutima wanjye impamvu zintera kugira icyo nkora, ni mu bihe bintu nshobora kuba ndi indyarya?
2. Vuga bumwe mu buryo amagambo tuvuga akenshi atuma abantu babona Kristo mu buryo butari bwo.
3. Ni mu buhe buryo kugira ishyari ari ukwihakana ukwizera mu buryo bukomeye, kandi bikaba ari ugutuka Imana?
4. Ni ukubera iki nkeneye gupfa ku narijye kugirango mbeho muri Kristo?
5. Ni mu buhe buryo iki cyigisho kivuga mu ncamake bimwe mu bintu by’ukuri nkeneye gutsinda?

# Kwemera Kwicisha Bugufi

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Mwicishe bugufi imbere y’Umwami Imana kuko ari bwo izabashyira hejuru.” (Yakobo 4:10).

“Iyo dukurikiye inzira yo kumvira twicishije bugufi, dusigira abandi inzira y’umucyo kugirango bayigenderemo. Ni ihirwe ryacu kugira ubunararibonye mu buryo bwimbitse mu by’Imana.” - *Ibimenyetso by’Ibihe*, kuwa 17 Werurwe 1890.

**Ibitabo Byifashishije:** *Ibihamya by’Itorero*, vol 2, p.41 - 44; 678 - 686.

**Kuwa Mbere**

**08 Ukuboza**

## 1. KWIRINDA UBUMENYI BUTARI UKURI

a. Ni iyihe ngeso mbi cyane ikeneye gukurwa mu bantu bose bavuga ko bakunda abavandimwe babo, kandi ni ukubera iki? Yakobo 4:11,12.

---

“Kuvuga ibibi by’abandi no kwigira abacamanza b’ibyho bakora n’impamvu zabyo, ntabwo bigomba gufatwa nk’ikintu cyoroheje.” - *Abakurambere n’Abahanuzi*, p.385.

“Imicombonera nyakuri ntabwo yishakira umwanya kubwo gutekereza no kuvuga ibibi binyuze mu gutesha agaciro abandi. Ishyari ryose, ifuhe ryose, ukuvuga ibibi kose, hamwe no kutizera kose, bigomba gukurwa mu bana b’Imana.” - *Our High Calling*, p.234.

“Hagomba gushyirwaho imihati ikomeye muri buri torero kugirango abantu biyambure ukuvuga ibibi no kugira umwuka wo kunenga, kubera ko ari bimwe mu byaha bituma habaho ibibi byinshi mu itorero. Ubugome no gushaka amakosa ku bandi bikwiriye gucyahwa nk’imirimo ya Satani. Gukundana no kugirirana icyizere bikwiriye gushishikarizwa abizera bo mu itorero kandi bikabakomeza. Bose mu kubaha Imana no gukunda bagenzi babo, nibareke guhora bumva amazimwe n’amagambo yo kunegurana. Umuntu uzimura, ujye umwe-rekeza ku nyigisho z’ijambo ry’Imana. Mutegeke kumvira Ibyanditswe kandi umubwire ko agomba kugeza ibirego bye ku bantu abona ko bari mu ikosa. Iyi myitwarire y’ubumwe yari kuzana umucyo mwinshi mu itorero kandi igakinga imiryango y’ibibi byinshi. Ubwo nibwo Imana yari guhabwa icyubahiro, kandi abantu benshi bari gukizwa.” - *Ibihamya by’Itorero*, vol 5, p.609,610.

## 2. KWAKIRA UMUCYO MU BURYO BUTAJENJETSE

a. Mu gihe tugena imigambi, ni iki dukeneye guhora tuzirikana? Zaburi 16:8; Yakobo 4:10, 13 - 16.

---

“Mujuje mwiye gurira Imana uko bukeye; abe ariwo murimo mu-gira nyambere. Mujuje musenga muti “Mwami nyakira ungire uwawe rwose. Imigambi yanjye yose nyishyize ku birenge byawe. Uyu muni unkoresha umurimo wawe. Ugume muri nje, kandi reka umurimo wanjye wose ukorerwe muri wowe.” Uko niko mukwiriye kugenza buri muni. Buri gitondo ujye wiyegurira Imana kubw’uwo muni. Imigambi yawe yose uyegurire Imana, kugirango isohozwe cyangwa ikorwe nkuko ubuntu bw’Imana bubigena. Ubwo nibwo umunsi ku wundi ushobora gushyira ubugingo bwawe mu biganza by’Imana, bityo imibereho yawe izomatana mu buryo burushijeho gusa n’imibereho ya Kristo.” - *Kugana Yesu*, p.70.

b. Sobanura inshingano ikomeye no kubazwa ibyo buri wese muri twe afite ku mucyo mvajuru twahawe mu bice byose by’ubuzima. Yakobo 4:17; Matayo 12:31,32.

---

“Ntabwo Imana ari yo ihuma amaso y’abantu cyangwa ngo inangire imitima yabo. Iboherereza umucyo kugira ngo ukosore amakosa yabo kandi ubayobore mu nzira zitekanye; kwanga kwemera uwo mucyo nibyo bihuma amaso kandi bigatera umutima kwinangira. Akenshi, ibyo bikorwa buhoro buhoro, mu buryo busa n’aho butanagaragara. Umucyo ugera ku muntu binyuze mu ijambo ry’Imana, mu bagaraga Bayo, cyangwa se ukamuzaho mu buryo bwahuranyije mu mbaraga y’Umwuka Wera; nyamara iyo umuntu yirengagije umwambi umwe w’umucyo, bigusha ikinya umugabane w’ubushobozi bw’iby’umwuka bwo kumva, maze ntabone neza guhishurwa k’umucyo gukurikiyeho. Ubwo rero umwijima uriyongera kugeza ubwo mu bugingo bw’umuntu habudika ijoro.” - *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p.322.

“Ni akaga kuvuga ijambo ryo gushidikanya, kandi ni akaga gushidikanya no kunegura umucyo uturutse ku Mana. Ingeso yo kunegurana umuntu adafite icyo yitayeho cyangwa adafite kubaha igira ingaruka kuri nyir’ukubikora mu gukuza kutumvira no kutizera. Abantu benshi basayishije muri iyo ngeso baguye mu kaga batabizi, kugeza ubwo baba biteguye kunegura no kwanga kwemera umurimo w’Umwuka Wera.” - *Ibid*, p.323.

“Iyo abantu bamwe babwiwe ibyerekeranye n’ibyiza byo kugira amagara mazima, akenshi barakubwira bati, “Turabizi cyane ariko kubikora bikatunanira.” Ntibazirikana ko bazabazwa iby’umucyo wose babonye werekeranye no kwitungira amagara mazima, kandi ko ingeso yabo yose mbi iba igaragarira mu maso y’Imana.” - *Ibihamya by’Itorero*, vol 6, p.372.

### 3. UBUTUNZI BUTAGERWA

a. Ni iyihe miburo itangwa ku byerekeranye n'ibishuko bigose abantu bagize umugisha wo gutunga ibintu byinshi kuruta abandi? Yakobo 5:1.

“Abagabura ntibakwiriye gukoresha amagambo yo gushyeshya cyangwa ngo bite ku cyubahiro cy'abantu. Hagiye habaho kandi haracyariho akaga gakomeye ko kuyoba kuri iyi ngingo, ko gushyira itandukaniro rito ku bakire, cyangwa kubashyeshya binyuze mu kubitaho mu buryo bwihariye, cyangwa mu buryo bw'amagambo. Hari akaga kari mu “gushimagiza abantu” kugira ngo ubone indamu, nyamara mu kugenza utya uri gushyira mu kaga inyungu zabo z'iteka ryose. Umugabura ashobora kuba umuntu ukunzwe by'umwihariko n'umuntu runaka w'umukire, kandi uwo mukire akajya amuhera ubuntu cyane. Ibi binezeza umugabura, maze na we nk'in'yiturano akavuga amagambo menshi yo gushimagiza uko kugira ubuntu k'uwo utanga impamo. Izina rye rishobora gushyirwa hejuru binyuze mu kurigaragaza mu nyandiko, nyamara kandi nyiri ugutanga adakwiye na busa ishimwe nk'iryo ari guhabwa. Gutanga kwe ntabwo kwaturutse mu ihame ryimbitse kandi rizima ryo gukora ibyiza akoresheje ubutunzi bwe, ngo ateze imbere umurimo w'Imana kubera ko awukunda, ahubwo kwaturutse ku mpamvu runaka yo kwikunda, ari yo cyifuzo cy'uko yatekerezwa nk'umuntu ugira ubuntu. Ashobora kuba yaratanze biturutse ku mbaraga imisunikira gutanga gusa atabitekerejeho kandi gutanga kwe kukaba kutarakomotse mu ihame ryimbitse. Ashobora kuba yarakozwe ku mutima binyuze mu kumva ukuri gukangura umutima kwabashije muri uwo mwanya kudohora imigozi ifunze uruhago rwe rw'impuya; nyamara nubwo bimeze bityo, gutanga kwe nta mpamvu yimbitse gufite. Atanga bitewe n'amarangamutima y'uwo mwanya; uruhago rwe rufungurwa akanya gato akandi rugafungwa. Bene uwo nta shimwe akwiriye kubera yuko mu buryo bwose bw'uko ijamba risobanurwa, ni umuntu w'umunyabugugu, kandi naramuka adahindutse rwose, ngo uruhago abikamo ruhinduke ndetse n'ibindi byose, azumva aya magambo y'urucantegere amwamagana avuga ngo: “Ngaho yemwe batunzi mwe, nimurizwe muboroze n'ibyago mugiyeye kuzabona. Ubutunzi bwanyu buraboze, n'inyenda yanyu iriwe n'inyenzi”. Amaherezo abantu nk'aba bazakunguka mu kwishuka guteye ubwoba. Abashimagizaga ugutanga kwabo kuza by'akanya gato bafashije Satani kubashuka no kubatera gutekereza ko bari abantu bagira ubuntu cyane, kandi bitanga cyane mu gihe batari bazi amahame ya mbere yo kugira ubuntu cyangwa kwitanga.” - *Ibihanywa by'Itorero*, vol 1, p.475,476.

b. Ni gute twanoza ibyo dushyira ku mwanya wa mbere ku byerekeranye n'amafaranga? Imigani 11:4.

“Binyuze mu gushyira mu bikorwa, ubugiraneza buhora bwaguka kandi bukagwiza imbaraga, kugeza ubwo buhindutse ihame kandi bukaganza mu mutima. Kwemerera ubugugu no kurarikira gufata n'akanya na gato mu mutima ni akaga gakomeye cyane mu mibereho y'iby'umwuka.” - *Ibid*, vol 3, p.548.



#### 4. KUREKA IKIGIRWAMANA

a. Akenshi ni iyihe mpamvu ituma abantu babona ubutunzi? Yakobo 5:2 (ahabanza).

“Muri iki gihe tugezemo, kwifuza indamu byatwaye intekerezo z’abantu. Akenshi ubukire bugerwaho binyuze mu buriganya. Hariho abantu batabarika bugarijwe n’ubukene, bikaba ngombwa ko bakora cyane kugira ngo bahabwe ibihembo bito, ndetse bakaba badashobora no gukemura iby’ibanze mu buzima. Imiruhu n’ubukene, ndetse no kutagira ibyiringiro ko hari ibyiza bazabona, bituma umutwaro wabo urushaho kubaremerera. Kuba baremerewe no guhagarika umutima no gukandamizwa, bituma batamenya aho bashakira icyabagoboka. Kandi ibi biba kugira ngo abakire babashe kubona ibyo batanga mu kwaza kwabo cyangwa kunezeza ibyifuzo byabo bigwizaho ibintu!

“Gukunda amafaranga no kwigaragaza byahinduye iyi si isenga ry’ibisambo n’abambuzi. Ibyanditswe bigaragaza umururumba no gukandamiza bizaba biganje mbere yo kugaruka kwa Kristo.” – *Abahanuzi n’Abami*, p.650,651.

b. Ni iki gishishikaje cyane ab’isi muri iki gihe, kandi se ni irihe ririka rikeneye guhabwa abatwawe na byo? 1Timoteyo 6:9,10; Gutegeka kwa Kabiri 8:18,19.

“Nta muntu Bibiliya iciraho iteka bitewe n’uko ari umutunzi, niba yararundanyije ubutunzi bwe mu buryo buboneye. Si amafaranga, ahubwo gukunda amafaranga niwo muzi w’ibibi byose. Imana niyo iha abantu imbaraga zo kubona ubutunzi, kandi mu biganza by’ukora nk’igisonga cy’Imana, agakoresha ubutunzi bwe atikanyiza, ubutunzi bubera umugisha, nyirabwo ndetse n’abatwawe isi. Ariko benshi abatwawe n’ubutunzi bw’isi, bahinduka abatumva ibyo Imana ivuga ndetse n’ibyo bagenzi babo bakeneye. Babona ubutunzi bwabo nk’uburyo bwo kwihesha icyubahiro. Bongera inzu ku yindi, n’isambu ku yindi, buzuzama amazu yabo ibintu by’agatangaza, mu gihe ahabazengurutse hose hari abantu bari mu mibabaro no mu byaha, bugarijwe n’indwara n’urupfu. Bityo rero, abantu batanga ubuzima bwabo kugirango bakore inarjije, muri ntabwo bari gukuza imico y’Imana, ahubwo bari guteza imbere imico y’umubi.

“Abo bantu bakeneye ubutumwa bwiza. Bakeneye ko amaso yabo akurwa ku bintu bidafite umumaro bifatika, bakareba agaciro k’ubutunzi bu-rambye....

“Hariho abantu bafite ubushobozi bw’umwihariko bwo gukorana n’abantu bo mu nzego zo hejuru. Aba bantu bakwiriye gushaka ubwenge buva ku Mana kugirango bamenye uburyo bashobora kugera kuri abo bantu, atari uko basanzwe bamenyeranye na bo mu buryo busanzwe, ahubwo biturutse mu mbaraga z’umuntu ku giti cye no kwizera kuzima bibasha kubakan- gurira kumenya ibyo umutima wabo ukeneye, no kubayobora ku kumenya ukuri nk’uko kuri muri Yesu.” – *Umurimo wo Gukiza*, p.212,213.



# Kurangamira iby'Ijuru

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** "Mube ari ko namwe mwihan-gana, mwikomeze imitima kuko kuza k'Umwami Yesu kubege-reye." (Yakobo 5:8).

"Ukeneye guhora wambitswe gukiranuka kwa Kristo. Ukeneye kuzirikana ko uri umwana w'Imana, kandi ko ugomba kugira umwuka w'impuhwe, kugwa neza, no kwihangana. Itegereze wisuzuma ko ubwikanyize no kurarikira bitari mu mutima wawe." - *Manuscript Releases*, vol 13, p.288.

**Ibitabo Byifashishije:** *Inyandiko za Kera*, p.72,73.

**Kuwa Mbere**

15 Ukuboza

## 1. IGIHE CYO KONGERA KWISUZUMA

a. Ni iki kigiye kuba bidatinze ku bintu bifite agaciro kenshi kandi bikunze kwifuzwa kenshi uhereye kera cyane, kandi se ibyo byagombye kutwibutsa iki? Yesaya 31:6,7.

---

"Ugukunda amafaranga kurangwamo ukwikanyiza iyo biko-reshejwe nabi, nibyo muzi w'ibibi byose. Nitubona ko ubutunzi ari ubw'Uwiteka; buzatubera umugisha, bukaba bugomba kwakiranwa ishimwe, kandi iryo shimwe rigomba guhabwa Uwabutanze.

"None se byamarira iki umuntu kugira ubutunzi butabarika, niba abuhunitse mu mazu y'akataraboneka, cyangwa abubitse muri banki gusa? Mbese ubishyize ku munzani, byagira buremere ki ubigereranyije n'agakiza k'ubugingo bw'abantu Kristo, Umwana w'Imana Ihoraho yapfiriyeye?" - *Ibihanywa by'Itorero*, vol 6, p.453.

"Abahitamo gutanga inzitwazo kandi bagakomeza imibereho y'icyaha no kwishushanya n'ab'isi bazarekerwa mu bigirwamana byabo... Igihe Kristo azaba aje mu bwiza Bwe no mu bwiza bwa Se, ashagawe n'abamarayika bo mu ijuru, bamuherekeje mu majwi yo kunesha, ubwo amajwi y'indirimo zihabuye izindi zose azumvikana mu matwi, icyo gihe benshi bazumva babishishikariye; ntihazabaho n'umwe mu babyitegereza usa n'aho atabyitayeho. Nta bucuruzi buzaba buhugije abantu. Ibirundo bya zahabu by'umutunzi wazo amaso ye yajyaga areba akabyishimira cyane, noneho ntibizaba bigukurura amaso ye. Ingoro za cyami abibone bo mu isi bubatse, zikaba zarababereye ibigirwamana, bazazitera umugongo bazanze kandi zibateye isesemi." - *Ibid*, vol 2, p.41.

## 2. MBERE YUKO BITINDA CYANE....

a. Ni gute ibyanditswe bigaragaza abantu, batakaza amahirwe yabo yo kubahisha Imana ubutunzi bwabo, kubwo kuzarira? Hoseya 4:17; Matayo 25:11,12.

b. Sobanura iherezo rya byose - ushyiremo n'abavuga ko bafite ukuri kw'iki gihe, mu kwikanyiza kwabo bakaba bihambira ku butunzi bwabo bw'ibifatika. Yakobo 5:3.

"[Yakobo 5:1 - 3] Nabonye ko aya magambo ateye ubwoba areba by'umwihariko abatunzi bavuga ko bizera ukuri kw'iki gihe. Uwiteka abahamagarira gukoresha ubutunzi bwabo mu guteza imbere umurimo We. Ibikeneye gukorwa bishyirwa imbere yabo, nyamara bahumiriza amaso yabo ngo batabona ubukene umurimo w'Imana ufite, maze bakihambira vubavuba ku butunzi bwabo bwo mu isi. Urukundo bakunda iby'isi ruruta cyane urukundo bakunda ukuri, urukundo bakunda bagenzi babo, cyangwa urukundo bakunda Imana. Ibahamagarira gutanga ku butunzi bwabo, nyamara mu kwikanyiza no kwifuza kwabo bagumana ibyo bafite. Ubu batanga duke, bakazatanga utundi duke ikindi gihe kugira ngo umutimanama wabo utuze, nyamara ntibaneshije urukundo bakunda iby'isi. Ntacyo bigomwa kubera Imana. Uwiteka yahagurukije abandi baha agaciro ubugingo buhoraho, kandi babasha kwiyumvisha no gusobanukirwa ikintu cy'agaciro k'ubugingo bw'umuntu, ndetse batanze ubutunzi bwabo badahatwa kugira bateze imbere umurimo w'Imana. Umurimo uri kurangira; kandi ngo bidatinze amikoro ya ba bandi bimanye ubutunzi bwabo, ibikingi byabo binini, amatungo yabo, n'ibindi, ntibizaba bigikenewe. Nabonye Uwiteka ahindukirana bene abo afite uburakari n'umujinya maze asubiramo aya magambo ngo: "Nimumve imbere, mwa batunzi mwe." Yarabahamagaye ariko ntimwumva. Urukundo mukunda iby'isi rwamize ijwi rye. Noneho ubu ntacyo akibakeneyeho, kandi arabaretse ngo mugende, arabategeka ati: "Yemwe batunzi, nimugende."

"Yooo, mbega ukuntu nabonye ko ari ikintu giteye ubwoba kurekwa n'Uwiteka atyo - ni ikintu giteye ubwoba kwihambira ku butunzi buzarimbuka kuri iyi si, mu gihe yavuze ko nitubugurisha tugaha abakene, tuzaba tubitse ubutunzi bwacu mu ijuru! Neretswe ko ubwo umurimo uzaba uri kurangira, kandi ukuri kukazaba kuri kugezwa hose mu mbaraga ikomeye, aba batunzi bazazana ubutunzi bwabo baburambike ku birenge by'abagaragu b'Imana, babingingire kubwemera. Igisubizo kizatangwa n'abagaragu b'Imana kizaba iki ngo: "Nimugende yemwe batunzi mwe. Ntabwo ubutunzi bwanyu bukenewe. Mwabwimanye igihe mwashobora kugira icyiza mubukoresha mu guteza imbere umurimo w'Imana. Abakene barababaye; nta mugisha ubutunzi bwanyu bwabazaniye. Ubu ntabwo Imana yakwemera ubutunzi bwanyu. Nimugende, yemwe batunzi mwe!" - *Ibihanywa by'Itorero*, vol 1, p.174,175.

### 3. KWIGA ITEGEKO RY'IZAHABU

a. Ni gute abakire bakunze gufata abo bakoresha, cyangwa abagura kuri bo, kandi ni iki dukwiriye guhora tuzirikana? Yakobo 5:4 - 6; Matayo 7:12.

“Imana ntiboneka mu butunzi bwose abantu baronka. Ibihe byinshi Satani ni we ufite aho ahuriye no kuronka ubutunzi kurusha Imana. Ubwinshi muri bwo buboneka binyuze mu gukandamiza umukozi mu bihembo agenewe. Umuntu w'umutunzi usanganwe kamere yo kwifuza abona ubutunzi bwe binyuze mu gutubya ibihembo by'abakozi, no kuririra ku byago by'abandi aho bimushobokeye hose, nuko akarushaho kongera ku butunzi buzarya umubiri we nk'ukongorwa n'umuriro.

“Abantu bamwe ntibakurikiye inzira izira uburiganya kandi yubahwa badakebakeba. Abantu nk'abo bagomba guhindura icyerekezo kandi bagakora vuba kugira ngo bacungure igihe. Benshi mu bakomeza Isabato bari mu ikosa ku bijyana n'iyi ngingo. Baca urwaho n'abavandimwe babo basangiye kwizera b'abakene, kandi abafite ibisaze baka ibirengeje agaciro nyakuri k'ibintu, bakaba ibirenze ibyo nabo ubwabo bashobora kwishyura kuri ibyo bintu mu gihe abo bene data nyine babuze uko bagira kandi bakaba bahagaritswe umutima no kubura amikoro. Ibi bintu byose Imana irabizi. Igikorwa cyose cyo kwikunda n'ubunyazi bwose buva ku kwifuza kizatangirwa ingororano zacyo.

“Nabonye ko kutita ku bibazo mwene data arimo ari ubugome no gukirarirwa. Niaba afite umutima uhagaze, cyangwa se ari umukene, kandi akaba akora uko ashoboye kose, akwiriye kugenerwa agahimbazamusi, ndetse ahagabwa agaciro kuzuye k'ibintu ashobora kugura ku muntu utunze byinshi aramutse atanyunyujwe imitsi; ahubwo bakwiriye kumugirira impuhwe. Imana izashima ibyo bikorwa by'ubugwaneza, kandi ubikora ntazabura ingororano ye. Nyamara ibintu biteye ubwoba biri imbere y'amazina ya benshi mu bakomeza Isabato bibarega ibikorwa byo kurenganya no kwifuza.” - *Ib-ihamiya by'Itorero*, vol 1, p.175,176.

b. Ni gute mu bihe bya kera abizera basangiraga ntacyo bishisha? 2Abakorinto 8:1,2.

“Neretswe mu gihe cyahise ubwo hariho abantu bake cyane bategaga matwi ukuri kandi bakakwakira. Ntibari bafite byinshi mu butunzi bw'iyi si. Ibyabaga bikenewe mu murimo byasaranganywaga na bake cyane bari bahari. icyo gihe byabaye ngombwa ko bamwe bagurisha amazu yabo n'amasambu yabo noneho bakagura amazu ahendutse y'aho kwikinga, cyangwa aho gutura, mu gihe ubutunzi bwabo babutanganaga ubuntu kandi badahatwa bakabuguriza Uwituka kugira ngo inyandiko zigisha ukuri zisohorwe, cyangwa se bufashe mu bundi buryo mu guteza imbere umurimo w'Imana. Igihe nitegerezaga aba bantu bitangaga, nabonye ko bihanganiraga kwigomwa kubw'inyungu z'umurimo w'Imana. Nabonye marayika abahagaze iruhande, abatungira urutoki mu ijuru, avuga ati: “Mufite impago mu ijuru! Mu ijuru mufiteyo impago zitangirika kandi zidasaza! Mwihangane ku-geza imperuka, muzahabwa ingororano ikomeye.” - *Ibid*, p.176.

#### 4. IMICO MYIZA Y'INGENZI MURI IKI GIHE

a. Ni ukubera iki kwihangana ari ingirakamaro cyane mu gu-teza imbere imico yacu? Yakobo 5:7.

“Dore umuhinzi ategereza imyaka y'ubutaka y'igicro, ayirindira yihanganye kugeza aho azabonera imvura y'umuhindo n'iy'itumba.’ Yakobo 5:7. Bityo Umukristo akwiriye gutegerezanya ukwihangana kugirango imibereho ye yere imbuto z'ijambo ry'Imana. Duhora dusenga dusaba ubuntu bw'Umwuka, Imana irakora kugirango isubize amasengesho yacu ikadushyira mu mimerere ituma izo mbuto zikura; ariko ntabwo dusobanukirwa umugambi Wayo, maze tugatangara kandi tugakuka umutima. Nyamara nta n'umwe ushobora guteza imbere ubwo buntu hatabayeho uruhererekane rwo gukura no kwera imbuto. Uruhare rwacu ni ukwakira ijambo ry'Imana maze tukarigundira, twebwe ubwacu tukaryiyegurira mu buryo bwuzuye kugirango rituyobore, kandi nibwo umugambi waryo muri twe uza-sohozwa.

“Kristo yaravuze ati: 'Umuntu nankunda azitondera ijambo ryanjye, na Data azamukunda, tuzaza aho ari tugumane na we.' Yohana 14:23. Tuzarushaho kugira umutima ukomeye kandi utunganye, kuko dufitanye isano nzima n'isoko y'imbaraga zirambye. Mu mibereho yacu yomatanye n'Imana tuzaba iminyago ya Yesu Kristo. Ntituzongera kubaho ubuzima busanzwe bwo kwikunda, ahubwo Kristo azatura muri twe. Imico Ye izagaragarira muri kamere yacu. Ubwo nibwo tuzera imbuto z'Umwuka Wera - 'imwe ijana, indi mirongo itandatu, indi mirongo itatu, bityo bityo'.” - *Imigani ya Kristo*, p.61.

b. Igihe ugeragereshejwe gucika intege cyangwa guhangayikishwa no kwiyongera kw'ikibi kuri uyu mubumbe, ni ukubera iki kwiringira kurangwamo kwihangana bifasha cyane? Yakobo 5:8; Luka 21:19.

“Ab'isi bacumuye amategeko y'Imana mu buryo bweruye. Kubera ukwihangana Kwayo kw'igihe kirekire, abantu bakandagiye ubutware Bwayo. Bagiyeye baterana imbaraga mu byerekeye gukandamiza no kugirira nabi umwandu Wayo, bakavuga bati: 'Imana ikibwirwa n'iki? Isumbanyose hari icyo izi?' Zaburi 73:11. Ariko kandi hariho umurongo ntarengwa badashobora kurenga. Igihe kiregereje ubwo bazagera ku rugabano rwagenwe. Ndetse na n'ubu bari hafi kugera ku mbibi zo kwihangana kw'Imana, ku rugabano rw'ubuntu Bwayo, ku rugabano rw'imbabazi Zayo. Uwitwaga azahagurukira gukura umugayo ku cyubahiro Cyewe bwite, kugirango arokore ubwoko Bwe, no guhashya ibibi byo gukiranirwa.” - *Ibid*, p.177,178.



## 5. INGERO ZO KUDUTERA IMBARAGA

a. Mu bushobozi bw'itorero, ni iki dukunze kwibandaho cyane, kandi ni iki dukwiriye kuzirikana? Abalewi 19:18; Yakobo 5:9,10.

“Abeli, Umukristo wa mbere wo mu bana ba Adamu, yishwe azira ukwizera kwe. Henoki yagendanye n’Imana maze ab’isi ntibamumenya. Nowa baramukobye bamwita umuntu ukabya kandi utera abantu ubwoba. “Abandi bakageragereshwa gushinyagurirwa no gukubitwa ibiboko, ndetse no kubohwa no gushyirwa mu mazu y’imbohe.” “Abandi bakicishwa inkoni ntibemere kurorokorwa, kugira ngo bahabwe kuzuka kurushaho kuba kwiza.” Abaheburayo 11:36, 35.

“Buri gihe intumwa zatoranyijwe n’Imana zagiye zitukwa zigatotezwa, nyamara kumenya Imana byagiye bisakara mu mahanga ya kure bitewe n’imibabaro yabo. Umwigisha wese wa Kristo akwiriye kwinjira mu murongo w’ingabo ze maze agakomeza uwo murimo, azi neza yuko nta cyo abanzi bawo bashobora gutwara ukuri, ahubwo ko baguhesha ibyiza. Imana ivuga yuko ukuri kuzashyirwa ku ruhembe rw’imbere kandi kugahinduka ingingo yo gusuzumwa no kugibwaho impaka ndetse no mu gusuzugurwa kugirirwa. Imitima y’abantu igomba kunyeganyezwa; impaka zose, igitutsi cyose, imbaraga zose zikoreshwa mu kubuza umutimanama umudendezo, ni inzira Imana ikoresha ngo ikangure imitima ku buryo bitangene gutyo yari guhunikira.

“Mbega ukuntu bene ibyo byagiye biboneka kenshi mu mateka y’intumwa z’Imana! Igihe Sifefano, wa mukiranutsi kandi wavugaga ashize amanga, yicishwaga amabuye biturutse ku kagambane k’urukiko rukuru rw’Abayuda, nta gihombo cyabayeye mu murimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza. Umucyo w’ijuru wamurasiye mu maso bigatuma harabagirana, n’impuhwe z’Imana zagaragaraye mu isengesho yasanze umwuka we ugiye guhera, byose byari nk’umwambi utyaye. Wemeje umuntu wari mu bagize rwa rukiko rukuru wari mudakurwa ku ijamba, wari uhagaze aho. Uwo ni Sawuli, wa Mufarisayo watotezaga abizera, waje guhinduka igikoresho cyatoranyijwe cyo kwamamaza izina rya Kristo imbere y’abanyamahanga n’abami n’Abisirayeli.” - *Ibitekerezo byo ku Musozi w’Umugisha*, p.33,34.

## Kuwa Gatandatu

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Mbese ni iki nkeneye kumenya ku byerekeranye n’agaciro k’amafaranga yanjye?
2. Mbese amagambo Kristo yavuze muri Yakobo 5:1, asobanuye iki?
3. Ni izihe ntege nke zishobora kuba zaranteye gucumura ku bifitanye ihuriro n’amafaranga?
4. Ku iherezo, ni gute kwihangana kuzaba kugomba kumurika nk’ubutungane mu bwoko bw’Imana?
5. Ni mu buhe buryo abantu b’indahemuka bagiye bicwa bazira ukwizera kwabo mu gihe cyose cy’amateka, bagiye bakomeza gushyira ibintu by’ingenzi ku mwanya wa mbere?

# Kwihangana kubwo Kwizera

**ISOMO RYO KUZIRIKANWA:** “Mwaturirane ibyaha byanyu kandi musabirane, kugira ngo mukizwe. Gusenga k’umukiranutsi kugira umumaro mwinshi, iyo asenganye umwete.” (Yakobo 5:16).

“Gusenga twicishije bugufi kandi tubikuye ku mutima bizakiza ubugingo urupfu, kandi kwatura ibyaha no gusubiza ibyo wibye bizatwikira ibyaha byinshi.” – *Urwibutso n’Integuza*, kuwa 16 Ukuboza 1902.

**Ibitabo Byifashishijwe:** *Umurimo wo Gukiza*, p.225 – 233; *Ibihamya by’Itorero*, vol 3, p.271 – 273.

**Kuwa Mbere**

22 Ukuboza

## 1. IBYIRINGIRO

a. Ni iyihe ngeso nziza Yobu yari azwiho by’umwihariko, kandi se ibyo bitubwira iki ku byerekeye Imana? Yakobo 5:11.

---

“[Uwiteka] ategerezanya urukundo kumva ukwatura ibyaha kw’impabe no kwihana kwayo. Atwitaho areba uko tumushima nk’uko umubyeyi yita ku mwana we akunda igihe amumwenyurira. Ashaka yuko dusobanukirwa n’uko adukunda kandi akaduhozaho umutima. Aturarikira kujyana ibigeragezo byacu ku mpuhwe Ze, imibabaro yacu ku rukundo Rwe, inguma zacu ku muti We, intege nke zacu ku mbaraga Ze, ubukene bwacu ku bukire Bwe. Nta wamusanze wigeze akorwa n’isoni. “Bamurebyeho, bavirwa n’umucyo, mu maso habo ntihazagira ipfunwe iteka”.

“Abashakira Imana mu rwiherero bakabwira Uwiteka ubukene bwabo bamwingingira kubafasha, ntibazingingira ubusa.” – *Ibitekerezo byo ku Musozi w’Umugisha*, p.84,85.

b. Ni gute Yakobo yasubiyemo amagambo ya Kristo mu byerekeye no kuvugisha ukuri? Yakobo 5:12; Matayo 5:37.

---

“Ikintu cyose Abakristo bakora gikwiriye kujya ahabona kikagarama nk’umucyo w’izuba.” – *Ibid*, p.68.

## 2. KWIZERA NO GUSHIDIKANYA

a. Mu gihe turwaye, ni gute kandi ni ukubera iki dushishikarizwa gusanga Umutangabugingo ukomeye? Yakobo 5:13 - 15; Zaburi 103:1 - 3.

“Kimwe n’igihe Umwuka Wera yavugaga ayo magambo abinyujije ku munyezaburi, muri iki gihe Imana yifuza cyane gusubiza abarwayi amagara mazima. Kandi Kristo ni umuganga w’umunyempuhwe nk’uko yari ameze mu gihe cy’umurimo We wo ku isi. Muri We hariho umuti uvura buri ndwara, ukagarura imbaraga kuri buri bumuga bwose. Abigishwa Be bo muri iki gihe bagomba gusengera abarwayi nkuko abigishwa bo mu gihe cya kera babigenzaga. Kandi bazakira; kuko ‘isengesho ryo kwizera rizakiza umurwayi.’ Dufite imbaraga z’Umwuka Wera, ubwishingizi buhamye bw’ukwizera, bushobora kwishyuzwa amasezerano y’Imana. Isezerano ry’Umwami ni iri ngiri: ‘Bazarambika ibiganza ku barwayi bakire.’ Mariko 16:18, ni iryo kwiringirwa muri iki gihe nk’uko byari bimeze mu gihe cy’intumwa.” - *Umurimo wo Gukiza*, p.226.

b. Mbese ni iki dukwiriye kwitwararikaho mu gihe turi gushaka amagara mazima? Zaburi 66:18.

“Ntidukwiriye imbabazi [z’Uwiteka], ariko iyo tumwiyeguriye, aratwakira. Azakorera abamurikira bese kandi abibanyujijemo.

“Ariko igihe cyose tuzabaho mu buryo buhuje n’ijambo ry’Imana, nibwo gusa dushobora kwiringira ko amasezerano Yayo azasohozwa..... Nituyumvira by’igice gusa, ntituzasohozwa amasezerano Yayo.” - *Ibid*, p.227.

“Uburyo Kristo yakoraga bwari ukubwiriza Ijambo ry’Imana ndetse no gukiza uburibwe yifashishije imirimo itangaje yo gukiza. Ariko naburiwe ko muri iki gihe tutagomba gukora muri ubu buryo kubera ko Satani azakoresha imbaraga ze ibitangaza. Abagaragu b’Imana muri iki gihe ntibakwiriye gukora bifashishije ibitangaza, kubera ko hazakorwa imirimo y’ubuhendanyi yo gukiza ikitwa ko ikomoka ku Mana.

“Kubera iyi mpamvu Imana yagaragaje uburyo ubwoko Bwayo bugomba gukora umurimo wo gukiza, bugendanye no kwigisha Ijambo Ryayo. Hagomba gushingwa amavuriro kandi agomba kugira abakozi bazakora umurimo nyakuri w’ivugabutumwa rijyanye no kuvura. Bityo imbaraga y’uburinzi izagota abantu baza kwiyuzza ku mavuriro.

“Aya ni yo mabwiriza Imana yatanze y’uburyo umurimo w’ivugabutumwa bwiza rijyanirana no kuvura ugomba gukorwa ukagera ku bantu benshi.” - *Umurimo w’Ubuwuzi*, p.14.

### 3. AMOKO ABIRI ANYURANYE Y'UBUTWARI

a. Vuga ikintu cy'ingenzi mu byerekeranye no kuvura abantu cyirengagizwa mu buryo bubabaje. Yakobo 5:16.

“Abantu bibeshya ni abatekereza ko kwatura ibyaha bizabatesha icyubahiro cyabo kandi bikabatesha agaciro muri bagenzi babo. Ku bwo kwihambira kuri iyi myumvire mibi, nubwo amakosa yabo baba bayareba, benshi bananirwa kuyatura, maze bakirengagiza ibibi bakoreye abandi, bityo bagatuma imibereho yabo irushaho gusharirirwa bakanateza umwijima mu mibereho y'abandi. Ntacyo kwatura ibyaha byawe bizagabanya ku cyubahiro cyawe. Ikuremo icyo cyubahiro gipfuye. Gwira Rutare maze umeneke, ni bwo Kristo azagaha icyubahiro cy'ukuri kandi cy'ijuru. Ntibikabeho ko ubwibone, kwiyemera no gukiranuka umuntu yihangiye bimubuza kwatura icyaha cye kugira ngo ashobore gusaba gusohorezwa iri sezerano ngo: “Uhisha ibicuro bya ntazagubwa neza; ariko ubyatura akabireka azababarirwa” (Imigani 28:13). Ntukagire icyo uhisha Imana, kandi ntukirengagize kwaturira bagenzi bawe ibyaha byawe. “Mwaturirane ibyaha byanyu kandi musabirane, kugira ngo mukizwe” (Yakobo 5:16). Ibyaha byinshi bitaturwa ngo birekwe, bizabera inzitizi umunyabyaha ku munsu wa nyuma w'urubanza. Byaba byiza guhangana n'ibyaha byawe uyu munsi, ukabyatura kandi ukabireka muri iki gihe igitambo gikuraho ibyaha kikikuvuganira. Ntukananirwe kwigira ubushake bw'Imana kuri iki cyigisho. Imibereho y'ubugingo bwawe n'agakiza k'abandi bishingiye ku kuntu witwara ku bijyanye n'iki kibazo.” - *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, vol 1, p.326,327.

b. Gihe Eliya yari ahangayikishijwe n'ubuhakanyi mu by'umwuka bw'ishyanga rye, ni iki yakoze kandi ni gute Imana yamurinze? 1Abami 17:1 - 3.

“[Eliya] afite intimba nyinshi mu mutima, yingizwe Imana kugira ngo ikumire ubwo bwoko bwari bwarahirwe mu nzira zabwo mbi, kandi ngo niba ari ngombwa ibugenderere ibuhane kugira ngo bubashye kubona neza uko bwatandukanye n'Ijuru nk'uko biri koko. Eliya yifuzaga cyane kubona Abisirayeli bagaruka bakihana mbere y'uko bayajya kure mu gukora ibibi kugeza ubwo bateza Uwitwara kubarimbura bikomeye.....

“Eliya yahawe inshingano yo kugeza kuri Ahabu ubutumwa buvuye iby'urubanza rw'ijuru..... Ageze i bwami ntiyigeze avunyisha cyangwa ngo ategereze ko bavuga ko haje umuntu ushaka umwami nk'uko byari umugenzo. Yari yambaye impu zidakannye kuko ubusanzwe ariko abahanuzi b'icyo gihe bambaraga, maze aratanyanya anyura ku barinzi basaga n'abatamubonye nuko ahita ahagarara imbere y'umwami wari wumiwe.” - *Abahanuzi n'Abami*, p.120,121.

#### 4. IBYO TWIGIRA KURI ELIYA

a. Ni ukubera iki amasengesho ya Eliya yasenze asaba Imana ko yakangura ishyanga rye ryaguye mu buhakanyi, yatangiwe kutubera urugero? Yakobo 5:17.

“Amararika menshi yasubirwagamo, gucyaha ndetse n’imiburo byari byarananiwe gutera Absirayeli kwihana. Igihe cyari kigeze ngo Imana ivugane nabo ikoresheje kubahana ibihano. Kubera ko abaramyaga Bāli bavugaga ko ubukungu bw’ijuru burimo ikime ndetse n’imvura, budaturuka ku Uwitaka, ko ahubwo buturuka ku mbaraga zitegeka ibyaremwe, ndetse ko ari ko imbaraga irema ituruka ku zuba ari yo ituma ubutaka bukunguhara ndetse bukarumbuka cyane, umuvumo w’Imana wagombaga kugera bikomeye ku butaka bwahumanye. Imiryango y’Absirayeli yari yarahakanye Imana yagombaga kwerekwa ubupfapfa bwayo bwo kwiringira ko imbaraga za Bāli ari zo ikesha imigisha. Igihe cyose Absirayeli bari batarahindukirira Imana bihana kandi ngo bazirikane ko ari yo soko y’imigisha yose, nta kime cyangwa imvura byajyaga kugwa mu gihugu.” – *Abaharuzi n’Abami*, p.120.

b. Ni gute amasengesho ya Eliya na none yongera kutubera urugero nyuma yuko Absirayeli bongeye kuvugurura umubano wabo bari bafitanye n’Imana? Yakobo 5:18; 1Abami 18:39 – 45.

“Inshuro esheshatu zose [Eliya] yasenze ashyizeho umwete, nyamara nta kimenyetso na kimwe cyagaragazaga ko ibyo yasabaga byemewe, ariko kandi mu kwizera gukomeye, yazamuye isengesho rye ku ntebe y’ubuntu. Iyo aza gucika intege ku nshuro ya gatandatu, isengesho rye ntiriba ryarasubijwe, ariko yakomeje gushimikira kugeza igihe igisubizo cyaziye. Dufite Imana ifite ugutwi kumva amasengesho yacu, kandi niduhamanye n’ijambo Ryayo, izubahisha ukwizera kwacu. icyo idushakaho ni uko ibidushishikaza byose biba byomatanye n’ibiyenezza, bityo ikaba ishobora kuduha umugisha ntacyo yishisha, kuko tutazihisha ikuzo mu gihe imigisha dufite [tuyikesha Imana]; ahubwo uguhimbazwa kose tuzaguha Imana. Imana siko buri gihe isubiza amasengesho yacu mu gihe tuyambaje bwa mbere, kuko iramutse ibigenje ityo, dushobora kubona ko imigisha yose n’ubugiraneza bwose yaduha yefubikesha kuba twari tubifitiye uburenganzira. Aho kugirango dusuzume imitima yacu kugirango turebe niba hari ikibi cyose twaba twarishimiye, niba hari icyaha icyo aricyo cyose twaba twarahaye intebe, turi abantu batagira icyo bitaho, tunanirwa gusobanukirwa uburyo Imana ariyo dutezeho amakiriro, n’ukuntu dukeneye ubufasha Bwayo.

“Eliya yicishije bugufi kugeza ubwo yari mu mimerere aho atari kwihesha icyubahiro we ubwe. Iyo niyo mimerere ituma Uwitaka yumva amasengesho, kuko aribwo tuzamuhimbaza.” – *Ellen G. White, Ububabwiro bwa Bibiliya bw’Abadiventisiti b’Umunsi wa Karindwi*, vol 2, p.1034,1035.

## 5. KUGARAGAZA INEZA NK'YA KRISTO

a. Mu gihe duciwe intege n'abantu bafite inenge mu mico bo muri iyi si yaguye, ni irihe rarika riheruka Yakobo aduha mu iherezozo ry'urwandiko rwe? Yakobo 5:19,20.

“Uwayobye ntukamuhe urwaho rwo gucika intege. Ntukagire umutima winangiye nk'uw'Abafarisayo, ngo ukomeretse mwene so. Ntugatume mu bwenge bwawe cyangwa mu mutima wawe havuka ukunegura kubabaje. Ntukavuge amagambo agaragaza agasuzuguro. Niba uvuga ijamba ryawe bwite, niba ugaragaza inyifato yo kutagira icyo witaho, cyangwa ukagaragaza ugushidikanya cyangwa ukutizera, bishobora gutuma ubugingo bw'umuntu burimbuka. Akeneye mwene se ufite impuhwe nk'iza Mukuru Wacu, kugirango akabakabé umutima we wa kimuntu. Niyiyumvishe ukuntu ukuboko kw'impuhwe kumufata mu buryo bukomeye, maze akumva ijwi rimwongorera, rigira riti: 'Reka dusenge.' Imana izabaha ubunararibonye bukomeye mwembi. Isengesho rituma tugirana ubumwe kandi tukunga ubumwe n'Imana. Isengesho ritwegereza Yesu akatuba iruhande, kandi riha ubugingo bwihweye n'ubwabuze amahwemo imbaraga nshya zo kunesha isi, umubiri na Satani. Isengesho risubiza inyuma ibitero bya Satani.

“Iyo umuntu aretse kudatungana kwa kimuntu kugirango arebe Yesu, ihinduka mvajuru rigira umwanya mu mico. Umwuka wa Kristo ukorerera mu mutima, utuma ahuza n'ishusho Ye. Bityo rero iyemeze gushyiraho umuhati kugirango werereze Yesu. Reka ijisho ry'ubwenge ryerekezwe kuri 'Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi' Yohana 1:29. Kandi mu gihe ukora uyu murimo, ujye wibuka ko 'uyobora umunyabyaha akamukura mu nzira ye yayobeyemo, azakiza ubugingo urupfu, kandi azatwikira ibyaha byinshi.' Yakobo 5:20....

“Mu mbabazi z'Imana, umutima w'umuntu uyoba wegerezwa umutima ukomeye wa Rukundo Rutarondoreka. Umugezi w'impuhwe z'Imana utemba ugana ku mutima w'umunyabyaha, na none ugatamba umuturukaho ugana ku mitima y'abandi.” - *Imigani ya Kristo*, p.250,251.

## Kuwa Gatandatu

### IBIBAZO BYO KUZIRIKANWA

1. Ni ibihe bingana iki mu mibereho yanjye nabonye ko Imana ingirira imbabazi nyinshi?
2. Ni mu buhe buryo nshobora kuba naraguye mu cyaha cyo gushidikanya ku byerekeranye n'ubutaraga bw'umubiri wanjye?
3. Ni gute isengesho Eliya yasenze asabira ishyanga rye ryasubijwe?
4. Ni ukubera iki Eliya yari akeneye gusenga inshuro nyinshi kugirango imvura yongere kugwa?
5. Ni bande ngomba kurushaho kugirira impuhwe kandi ni ukubera iki?



# Amaturo y'Isabato ya Mbere



## 05, UKWAKIRA

Azagererwa kubaka urusengeru muri Reading, i Pennsylvania, muri Leta zunze Ubumwe za Amerika

(Reba p. 4)

## 02, UGUSHYINGO

Azagererwa icyiciro cy'Ibitabo n'inyandiko mu Nteko Nkuru Rusange

(Reba p. 25)



## 07, UKUBOZA

Azagererwa icyiciro gikuru cya Yuniyo ya Kolombiya

(Reba p. 51)